Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989 yashyiriweho umukono i New York, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo ku wa 19 Nzeli 1991;	Pursuant to the Convention of United Nations on the Rights of the Child of 20 November 1989 signed at New York and ratified par the Presidential Order n° 773/16 of 19 September 1991;	Vu la Convention des Nations Unies relative aux droits de l'enfant du 20 novembre 1989 adoptée à New York et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19 septembre 1991;
Ishingiye ku Masezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo ku wa 11 Kamena 1990 yashyiriweho umukono i Addis Ababa, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 30 Gicurasi 2001;	Pursuant to the African Charter on the Rights and Welfare of the Child of 11 June 1990 signed at Addis Ababa and ratified by the Presidential Order n° 11/01 of 30 May 2001 ;	Vu la Charte Africaine sur les droits et le bien-être de l'enfant du 11 juin 1990 adoptée à Addis-Abeba et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 11/01 du 30 mai 2001 ;
Ishingiye ku Masezerano y'inyongera ku Masezerano Nyafurika yerekeye uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturatione yerekeye	Pursuant to the Protocol to the African Charter on Human and Peoples' Rights on the Rights of Women in Africa signed at Maputo on 11 July	Vu le Protocole à la Charte Africaine des droits de l'homme et des peuples relatif aux droits des femmes en Afrique adopté à Maputo le 11 juillet



*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

uburenganzira bw'umugore yashyiriweho umukono i Maputo ku wa 11 Nyakanga 2003, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo ku wa 24/06/2004;

2003 and ratified by the Presidential Order n° 11/01 of 24/06/2004;

2003 et ratifié par Arrêté Présidentiel n° 11/01 du 24/06/2004 ;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye kurinda abana no gufatanya mu byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye mu rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i La Haye mu Buholandi ku wa 29 Gicurasi 1993; yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 24/01 ryo ku wa 07 Gicurasi 2010;

Pursuant to the Convention on the Protection of Children and Co-operation in Respect of Inter country Adoption, signed at the Hague in the Netherlands on 29 May 1993 and ratified by the Presidential Order n° 24/01 of 07 May 2010;

Vu la Convention sur la protection des enfants et la coopération en matière d'adoption internationale adoptée à la Haye aux Pays-Bas le 29 mai 1993 et ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 24/01 du 07 mai 2010 ;

Isubiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbenezamubano;

Having reviewed Law n° 42/1988 of 27 October 1988 instituting the Preliminary Title and Book One of the Civil Code;

Revu la Loi n° 42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le Titre Préliminaire et le Livre Premier du Code Civil;

**YEMEJE :**

**ADOPTS:**

**ADOPTE:**

**IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**PART ONE: GENERAL PROVISIONS**

**PARTIE PREMIERE: DISPOSITIONS GENERALES**

**INTERURO YA MBERE: ICYO ITEGEKO RIGAMIJE N'IBISOBANURO BY'AMAGAMBO**

**TITLE ONE: PURPOSE OF LAW AND DEFINITIONS OF TERMS**

**TITRE PREMIER: OBJET DE LA LOI ET DEFINITIONS DES TERMES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Article One : Purpose of this Law**

**Article premier : Objet de la présente loi**

Iri tegeko rigenga abantu n'umuryango ndetse n'imibanire y'abantu hagati yabo.

This Law governs natural persons and family as well as relations between persons.

La présente loi régit les personnes physiques et la famille ainsi que les relations entre les personnes.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

- 1° **aho umuntu aba:** ahantu umuntu aba kubera imirimo akora cyangwa se kubera izindi mpamvu ariko atari aho atuye;
- 2° **aho umuntu atuye:** aho umuntu yanditse mu bitabo by'irangamimerere;
- 3° **ibura:** igihe umuntu ataboneka aho atuye cyangwa aba ku buryo hari amakuru yemeza cyangwa ashobora kwemeza ko yaba yarapfuye n'ubwo umurambo we utaraboneka;
- 4° **icyambu:** ahantu ubwato cyangwa indege bihagurukira;
- 5° **igihugu cy'inkomoko:** igihugu umwana abamo igihe cyo gusuzuma isabwa ryo kumugira umwana n'ababyeyi batamubyaye ku rwego mpuzamahanga;
- 6° **igihugu cyo kwakirwamo:** igihugu umwana agiyemo cyangwa agomba kujyamo nyuma yo kugirwa umwana n'ababyeyi batamubyaye ku rwego mpuzamahanga ;
- 7° **ikigo cy'ubuzima:** ikigo gikora ibikorwa by'ubuvuzi n'ubuzima muri rusange kandi gifite inshingano yo kubigeza ku baturage mu buryo bwuzuye;

**Article 2 : Definitions of terms**

In this Law, the following terms are defined as follows:

- 1° **residence:** a place where a person lives for occupational or any other purposes but which is different from his/her place of domicile;
- 2° **domicile:** a place where a person is registered in civil registers;
- 3° **disappearance:** a situation where a person is absent from his/her domicile or residence to such an extent that the person's death is taken as certain or virtually certain even if his/her body is yet to be found;
- 4° **port:** a departure point for a vessel or an aircraft;
- 5° **State of origin:** a state in which a child is habitually resident during the consideration of the petition for the child's intercountry adoption;
- 6° **receiving State:** a state to which a child is being or is to be moved after the child's intercountry adoption;
- 7° **health centre:** a centre which offers comprehensive medical and health services and which is responsible for making them fully accessible to the community;

**Article 2 : Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

- 1° **résidence :** lieu où une personne demeure à des fins professionnelles ou à d'autres fins mais différent de son lieu de domicile;
- 2° **domicile :** lieu où une personne est inscrite dans les registres de l'état civil;
- 3° **disparition:** situation dans laquelle une personne est introuvable à son domicile ou à sa résidence à tel point que sa mort est certaine ou quasi-certaine bien que son corps ne soit pas encore retrouvé;
- 4° **port:** point de départ d'un bateau ou d'un aéronef;
- 5° **Etat d'origine:** Etat où l'enfant réside habituellement lors de l'examen de la demande de son adoption internationale;
- 6° **Etat d'accueil:** Etat vers lequel l'enfant est ou doit être déplacé après son adoption internationale;
- 7° **centre de santé:** centre offrant des services médicaux et de santé complets et qui est responsable de les rendre entièrement accessibles à la communauté ;

- 8° **imimerere y'umuntu:** imiterere y'irangamimerere mu rwego rw'amategeko iranga umuntu mu muryango cyangwa mu gihugu bigatuma atandukanywa n'abandi bantu, cyane cyane nk'ubwenegihugu, amazina, igitsina, igihe n'aho yavukiye, aho atuye n'aho abarizwa, isano ye n'ababyeyi cyangwa abo bavukana, ububasha bwa kibyeyi, ibijyanye n'ubushyiranywe cyangwa ubutane bwe;
- 8° **status of a person:** a person's civil condition from a legal point of view that distinguishes him/her from other people within the family or the country, especially his/her nationality, name, sex, place and date of birth, domicile and residence, relation to parents or siblings, parental authority, marriage or divorce;
- 8° **état d'une personne:** statut civil d'une personne physique sous l'angle juridique qui l'individualise par rapport à d'autres personnes dans une famille ou dans le pays notamment sa nationalité, son nom, son sexe, son lieu et sa date de naissance, son domicile et sa résidence, son lien avec ses parents ou ses frères et sœurs, son autorité parentale, son mariage ou son divorce;
- 9° **imiryango iharanira uburenganzira bw'umwana:** inzego cyangwa amashyirahamwe byaba ibya Leta cyangwa iby'abikorera bifite mu nshingano zabyo kurengera umwana no guharanira ko uburenganzira bwe bwubahirizwa;
- 9° **children's rights organisations:** public or private institutions or associations whose mission includes protecting the child and ensuring respect for his/her rights;
- 9° **organisations de défense des droits de l'enfant:** institutions ou associations de droit public ou privé dont la mission consiste notamment à assurer la défense de l'enfant et à veiller au respect de ses droits;
- 10° **inyungu z'umwana :** ibyitabwaho kugirango uburenganzira bw'umwana budahungabana cyane cyane mu bijyanye no kumwitaho, uburere bwe, umuco, umutungo n'ibindi hagamijwe kumurinda;
- 10° **best interests of the child:** factors to be considered to prevent any prejudice to the child's rights especially with respect to his/her care, education, culture, property and others towards the child's protection;
- 10° **meilleurs intérêts de l'enfant:** facteurs pris en compte pour s'assurer qu'il n'est pas porté atteinte aux droits de l'enfant notamment en ce qui concerne sa prise en charge, son éducation, sa culture, son patrimoine et autres en vue de sa protection ;
- 11° **isanomuzi:** ibihuza umwana n'umuryango w'ibanze akomokamo cyane cyane ibirebana n'uburenganzira n'inshingano;
- 11° **parentage:** relationship between the child and the child's family of origin especially regarding rights and duties;
- 11° **lignage :** liens entre l'enfant et sa famille d'origine notamment en ce qui concerne les droits et les devoirs ;
- 12° **izimira:** igihe umuntu yabuze aho atuye cyangwa aho aba kandi nta makuru ye azwi nyuma y'igihe runaka giteganywa n'itegeko ku buryo ntawe uzi niba ari
- 12° **absence:** a situation where a person is absent from his/her domicile or residence in a way that there is no news of him/her after a period of time determined by law to such an extent
- 12° **absence:** situation dans laquelle une personne est introuvable à son domicile ou à sa résidence et sans nouvelle d'elle après un laps de temps déterminé par la loi à tel point que personne ne

Official Gazette n°37 of 12/09/2016

muzima cyangwa yarapfuye;	that no one knows whether he/she is alive or dead;	sait si elle est encore en vie ou morte ;
13° <b>izina</b> : uko umuntu yitwa byemewe n'amategeko;	13° <b>name</b> : a legally recognized designation by which a natural person is referred to;	13° <b>nom</b> : désignation légalement reconnue donnée à une personne physique;
14° <b>izina ry'amasezerano y'idini</b> : izina umuntu wiyeguriye Imana yitwa igihe akora amasezerano mu muryango w'abiyeguriye Imana;	14° <b>name of religious vows</b> : name given to a religious when he/she takes religious vows in a religious order;	14° <b>nom de vœux religieux</b> : nom donné à un religieux lorsqu'il prononce ses vœux dans une congrégation religieuse ;
15° <b>ububasha bwa kibyezi</b> : uburenganzira n'inshingano ababyeyi cyangwa undi muntu wemewe n'amategeko bagira ku mwana utaragira imyaka y'ubukure cyangwa ku mwana utaremererwa ubukure no ku mutungo we bakoresha mu nyungu z'uwo mwana;	15° <b>parental authority</b> : rights and obligations that parents or any other legally recognized person have in relation to a minor or a non-emancipated minor and to his/her property and which they exercise in the minor's interest;	15° <b>autorité parentale</b> : droits et devoirs des parents ou de toute autre personne reconnue par la loi à l'égard d'un mineur ou d'un mineur non-émancipé et de son patrimoine et dont l'exercice se fait dans l'intérêt de ce mineur;
16° <b>ubushobozi bw'umuntu</b> : ububasha buteganywa n'amategeko butuma umuntu yagira ibikorwa akora ku buryo bwemewe n'amategeko kandi mu izina rye akirengera ingaruka z'ibyo akoze;	16° <b>capacity of a person</b> : a person's legally recognized ability to perform legal acts while assuming personal responsibility for such acts;	16° <b>capacité d'une personne</b> : aptitude reconnue par la loi à une personne physique à poser des actes juridiques tout en assumant personnellement la responsabilité de ses actes;
17° <b>ubuzimagatozi bw'umuntu</b> : ububasha umuntu wese agira kuva akivuka kugeza apfuye bwo kugira uburenganzira n'inshingano;	17° <b>legal personality of a person</b> : every human being's capacity to have rights and duties from birth to death;	17° <b>personnalité juridique d'une personne</b> : capacité de tout être humain à être titulaire des droits et des devoirs depuis sa naissance jusqu'à sa mort;
18° <b>ukubera umubyeyi umwana utabyaye</b> : uburyo butuma habaho isano hagati y'umwana n'umubyeyi utaramubyaye;	18° <b>adoption</b> : a system that creates a parent-child relationship between a child and a person who is not the child's biological parent;	<b>adoption</b> : système qui crée un lien de filiation entre un enfant et une personne qui n'est pas son parent biologique;

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

- 19° **umuntu** : ikiremwa muntu ku giti cyacyo gifite ubuzima gatozi bwihagije kandi cyemerewe kugira uburenganzira n'inshingano;
- 19° **person**: a human being who enjoys full legal personality and has rights and duties;
- 18° **personne** : être humain doté de la personnalité juridique et de la liberté de jouir des droits et des devoirs ;
- 20° **umuryango**: itsinda ry'abantu bafitanye isano hagati yabo ishingiyeye ko bamwe bakomoka ku bandi, ku mategeko cyangwa ku bushyingiranywe; rishobora kuba rigizwe n'ababyeyi, abana, ababakomokaho ndetse n'abo mu miryango y'abashyingiranywe nabo;
- 20° **family**: a group of persons related by kinship, law or marriage; it may include parents, children, their descendants and in-laws;
- 19° **famille** : ensemble de personnes ayant une relation basée sur la parenté, la loi ou le mariage ; il peut comprendre les parents, les enfants, leurs descendants et les membres de la belle- famille ;
- 21° **urwego rufite ububasha mu bijyanye no kubera umubyeyi umwana utabyaye**: urwego rwa Leta rushinzwe gusuzuma no gukurikirana ibyerekeranye no kubera umubyeyi umwana utabyaye ku rwego rw'igihugu no ku rwego mpuzamahanga rukanagenzura ishyirwa mu bikorwa ryabyo.
- 21° **competent authority in adoption matters**: a public authority responsible for considering and monitoring domestic and intercountry adoption and supervising its implementation.
- 20° **autorité compétente en matière d'adoption** : organe de l'Etat chargé d'examiner l'adoption nationale et internationale, d'en faire le suivi et d'en assurer la mise en œuvre.

**INTERURO YA II: AMAHAME RUSANGE**

**TITLE II: GENERAL PRINCIPLES**

**TITRE II: PRINCIPES GENERAUX**

**Ingingo ya 3: Ihame ryo kudasubira inyuma kw'itegeko**

**Article 3 : Principle of non- retroactivity of law**

**Article 3 : Principe de non-rétroactivité de la loi**

Itegeko rishyirirwaho kugenga ibizakorwa ritangiye gukurikizwa; ntirishobora kugira inkurikizi ku bikorwa byabaye ritatangira gukurikizwa keretse iyo biteganyijwe ukundi.

The law provides only for the future and cannot have a retroactive effect unless otherwise provided.

La loi ne dispose que pour l'avenir; elle n'a point d'effet rétroactif sauf stipulation contraire.

**Ingingo ya 4: Kurengera uburenganzira bwa muntu, umudendezo wa rubanda n'imyifatire mbonezabupfura**

Amasezerano y'abantu ku giti cyabo ntagomba kunyuranya n'amategeko arengera uburenganzira bwa muntu cyangwa arebana n'umudendezo wa rubanda n'imyifatire mbonezabupfura.

**Ingingo ya 5: Agaciro k'amategeko yo mu bindi bihugu, imanza n'amasezerano byakorewe mu mahanga**

Amategeko, imanza, amasezerano mpuzamahanga n'amasezerano yihariye byo mu mahanga ntibishobora kugira agaciro mu Rwanda mu gihe bibangamiye umudendezo wa rubanda, binyuranyije n'inyungu rusange z'igihugu cyangwa n'umuco rusange nyarwanda.

**Ingingo ya 6: Itegeko rikoresheya ku byerekeye imimerere n'ubushobozi by'abantu**

Imimerere n'ubushobozi by'Abanyarwanda, baba ababa mu Rwanda n'ababa mu mahanga, bigengwa n'amategeko y'u Rwanda.

Icyakora, Umunyarwanda utuye mu mahanga ufite ubwengehugu burenze bumwe ashobora kugengwa n'itegeko yihitiyemo ryaba iry'u Rwanda cyangwa iry'igihugu kindi abereye umwengehugu.

Imimerere n'ubushobozi by'umunyamahanga uri mu Rwanda kimwe n'imibanire ye n'umuryango

**Article 4: Protection of human rights, public order and morality**

No agreement of private parties is construed as derogating from laws protecting human rights or those relating to public order and morality.

**Article 5: Effect of foreign laws, judgments and agreements**

Foreign laws, judgments, international agreements and private agreements having effect in foreign countries shall not have any effect in Rwanda when they are contrary to public order, social interest or Rwandan public morals.

**Article 6: Law applicable to status and capacity of persons**

The status and capacity of Rwandans, both living in and outside Rwanda are governed by Rwandan laws.

However, a Rwandan national with dual nationality domiciled abroad may be governed by the law of his/her choice, either that of Rwanda or that of another country of which he/she is a citizen.

The status and capacity of a foreigner residing in Rwanda, as well as his/her family relationships, are

**Article 4: Protection des droits de la personne, de l'ordre public et des bonnes mœurs**

On ne peut déroger, par des conventions particulières, aux lois qui protègent les droits de la personne ou qui intéressent l'ordre public et les bonnes mœurs.

**Article 5: Effet des lois, des jugements et des conventions étrangers**

Les lois, les jugements, les conventions internationales et les conventions privées des pays étrangers ne peuvent avoir d'effet au Rwanda lorsqu'ils sont contraires à l'ordre public, à l'intérêt social ou à la morale publique rwandaise.

**Article 6: Loi applicable à l'état et à la capacité des personnes**

L'état et la capacité des Rwandais que ce soient ceux vivant au Rwanda ou à l'étranger, sont régis par les lois rwandaises.

Toutefois, un ressortissant rwandais ayant la double nationalité domicilié à l'étranger peut être régi par la loi de son choix que ce soit celle du Rwanda ou d'un pays tiers dont il est citoyen.

L'état et la capacité d'un étranger se trouvant au Rwanda ainsi que ses rapports de famille sont régis

we, bigengwa n'itegeko ry'igihugu cyeye mu gihe bitabangamiye amategeko ndemyagihugu y'u Rwanda. Iyo adafite ubwenegihugu buzwi, imimerere n'ubushobozi bye bigengwa n'amategeko y'u Rwanda.

**Ingingo ya 7: Itegeko rikoreshwa ku byerekeye uburenganzira mbonezamubano ku mutungo**

Uburenganzira mbonezamubano ku mutungo wimukanwa n'utimukanwa, bigengwa n'itegeko ry'aho uwo mutungo uri.

**Ingingo ya 8: Itegeko rikoreshwa ku nyandiko zikozwe hagati y'abakiriho**

Inyandiko zikozwe hagati y'abakiriho zigengwa na:

- 1° itegeko ry'igihugu zakorewemo ku byerekeye uko ziteye. icyakora, inyandiko bwite zishobora gukorwa hakurikijwe uburyo bwemewe n'amategeko y'igihugu abagirana amasezerano bakomokamo;
- 2° itegeko ry'aho inyandiko yakorewe, ku byerekeye icyo zivugaga, inkurikizi zazo n'ibimenyetso, keretse iyo abagiranye inyandiko babishatse ukundi.

governed by the law of his/her country provided it is not contrary to public order and good morals consistent with Rwandan law. In case of unknown nationality, his/her status and capacity are governed by Rwandan laws.

**Article 7: Law applicable to civil rights with respect to property**

Civil rights with respect to movable and immovable property are governed by the law of the place where the property is located.

**Article 8: Law applicable to inter vivos deeds**

Inter vivos deeds are governed:

- 1° as to the form, by the law of the place where they are made. However, private deeds may be made in compliance with the standards legally acceptable under laws of the country of origin of parties;
- 2° as to the substance, effects and evidence, by the law of the place where the deeds are made unless otherwise agreed by the parties.

par la loi du pays auquel il appartient pourvu que cela ne soit pas contraire à l'ordre public et aux bonnes mœurs conformes à la loi rwandaise. A défaut de nationalité connue, son état et sa capacité sont régis par la loi rwandaise.

**Article 7: Loi applicable aux droits civils en matière de biens**

Les droits civils en matière de biens, tant meubles qu'immeubles, sont régis par la loi du lieu où ces biens sont situés.

**Article 8: Loi applicable aux actes entre vifs**

Les actes entre vifs sont régis :

- 1° quant à la forme, par la loi du lieu où ils sont faits. Toutefois, les actes sous seing privé peuvent être passés dans les normes légalement admises par les lois du pays d'origine des parties ;
- 2° quant à leur substance, à leurs effets et à leur preuve, sauf stipulation contraire des parties, par la loi du lieu où ils sont conclus.

**IGICE CYA II: ABANTU**

**PART II: PERSONS**

**PARTIE II: PERSONNES**

**INTERURO YA MBERE: UBUZIMAGATOZI**

**TITLE ONE: LEGAL PERSONALITY**

**TITRE PREMIER: PERSONNALITE JURIDIQUE**

**UMUTWE WA MBERE: ITANGIRA RY'UBUZIMAGATOZI N'INGARUKA ZABWO**

**CHAPTER ONE: COMMENCEMENT AND EFFECTS OF LEGAL PERSONALITY**

**CHAPITRE PREMIER: DEBUT ET EFFETS DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE**

**Ingingo ya 9: Itangira ry'ubuzimagatozi**

**Article 9: Commencement of legal personality**

**Article 9 : Début de la personnalité juridique**

Umuntu agira ubuzimagatozi kuva akivuka. Ubuzimagatozi ni bwo shingiro ry'uburenganzira mbonezamubano.

A person's legal personality commences from the time of birth. The legal personality is the foundation of civil rights.

La personne acquiert la personnalité juridique dès sa naissance. La personnalité juridique est la base des droits civils.

**Ingingo ya 10: Uburenganzira mbonezamubano bw'umwana wasamwe**

**Article 10: Civil rights of a conceived child**

**Article 10: Droits civils de l'enfant conçu**

Umwana wasamwe afite uburenganzira mbonezamubano bwemererwa buri muntu apfa gusa kuvuka ari muzima.

A conceived child is entitled to civil rights recognized for every person, provided he/she is born alive.

L'enfant conçu jouit des droits civils reconnus à toute personne pourvu qu'il naisse vivant.

Umwana wasamwe afatwa nk'uwavutse igihe cyose hagamijwe inyungu ze.

A child, simply by virtue of being conceived is deemed to have been born whenever its interests so dictate.

L'enfant simplement conçu est réputé né toutes les fois que ses intérêts l'exigent.

**Ingingo ya 11: Ubwisanzure ku burenganzira mbonezamubano**

**Article 11: Freedom to enjoy civil rights**

**Article 11 : Liberté de jouissance des droits civils**

Umuntu wese afite ubwisanzure ku burenganzira mbonezamubano.

Every person is free to exercise civil rights.

Toute personne est libre d'exercer les droits civils.

Umunyamahanga uri mu Rwanda agira uburenganzira mbonezamubano mu gihugu nk'ubw'abanyarwanda keretse aho amategeko

A foreigner enjoys in Rwanda the same civil rights as those granted to Rwandans unless otherwise provided by law.

Un étranger qui se trouve sur le territoire du Rwanda y jouit de tous les droits civils reconnus aux Rwandais, sauf disposition contraire prévue par la



abiteganya ukundi.

**Ingingo ya 12: Ubushobozi bwo gukoresha uburenganzira mbonezamubano**

Umuntu wese, yaba umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, afite ubushobozi bwo gukoresha mu gihugu uburenganzira mbonezamubano bwe keretse aho amategeko ateganya guhagararirwa cyangwa kunganirwa.

Umuntu wese akoresha uburenganzira mbonezamubano bwe mu izina rye riri mu nyandiko y'ivuka.

Gukoresha nabi uburenganzira mbonezamubano no kubukoresha mu buryo burenze cyangwa budasobanutse, hagamijwe kubangamira undi muntu, ntibyemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 13: Gukoresha uburenganzira mbonezamubano nta buryarya**

Buri wese ategetswe gukoresha uburenganzira mbonezamubano bwe ahabwa n'amategeko no kurangiza inshingano ze yemeye nta buryarya.

Kutagira uburyarya mu migirire bifatwa nk'ibiriho iyo itegeko ribiteganyiriza akamaro gashingiye ku burenganzira riguha.

Ntawe ushobora kwitwaza ko yakoze ikintu nta buryarya iyo gitandukanye n'ubushishozi asabwa kugira.

**Article 12: Capacity to exercise civil rights**

Every person, whether a Rwandan or a foreigner, has the capacity to exercise his/her civil rights except where the law provides for representation or assistance.

Every person exercises his/her civil rights under the name assigned to him/her in his/her birth record.

Abuse and excessive or unreasonable exercise of civil rights with the intent to inflict harm upon another shall not be protected by law.

**Article 13: Good faith in the exercise of civil rights**

Every person is bound to exercise his/her civil rights recognized by law and perform his/her obligations in good faith.

Where the law makes an emergence or effects of a right conditional on the good faith of a person, there is a presumption of good faith.

A person shall not invoke the presumption of good faith if he/she has failed to exercise the diligence required by the circumstances.

loi.

**Article 12 : Aptitude d'exercer les droits civils**

Toute personne, qu'elle soit rwandaise ou étrangère, est apte à exercer pleinement ses droits civils, sauf dans le cas où la loi prévoit un régime de représentation ou d'assistance.

Toute personne exerce ses droits civils sous le nom qui lui est attribué dans son acte de naissance.

L'abus d'un droit civil ainsi que l'exercice excessif ou déraisonnable d'un droit civil en vue de nuire à autrui ne sont pas protégés par la loi.

**Article 13: Bonne foi dans l'exercice des droits civils**

Chacun est tenu d'exercer ses droits civils lui reconnus par la loi et d'exécuter ses devoirs selon les exigences de la bonne foi.

La bonne foi est présumée lorsque la loi en fait dépendre la naissance ou les effets d'un droit.

Nul ne peut invoquer sa bonne foi, si elle est incompatible avec l'attention que les circonstances permettaient d'exiger de lui.

**UMUTWE WA II: IRANGIRA RY'UBUZIMAGATOZI**

**Ingingo ya 14: Impamvu z'irangira ry'ubuzimagatozi**

Ubuzimagatozi bw'umuntu burangizwa n'urupfu cyangwa urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu wabuze cyangwa wazimiye.

**Icyiciro cya mbere: Urupfu**

**Ingingo ya 15: Ikimenyetso gihamya urupfu**

Ikimenyetso gihamya urupfu ni inyandiko yemeza ko umuntu yapfuye itangwa n'urwego rubifitiye ububasha keretse igihe itegeko ryemera ubundi bwoko bw'ibimenyetso.

**Ingingo ya 16: Urupfu rw'abantu bapfiriye rimwe**

Iyo abantu benshi bapfuye kandi bidashoboka kugaragaza uwashigaye muri bo, cyangwa uwababanjirije cyangwa uwabaherutse, bavuga ko bapfiriye rimwe.

**Icyiciro cya 2: Ibura**

**Ingingo ya 17: Gusaba urukiko guca urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu wabuze**

Igihe umuntu yabuze ku buryo kwemeza urupfu rwe bidashidikanywaho n'aho umurambo we waba

**CHAPTER II: TERMINATION OF LEGAL PERSONALITY**

**Article 14: Grounds for termination of legal personality**

Legal personality of a natural person is terminated by death or, in the event of absence or disappearance, by a declaratory judgment of death.

**Section One: Death**

**Article 15: Proof of death**

The proof of death is established by a death record issued by the competent authority except where the law provides for any other form of proof.

**Article 16: Death of persons having died at the same time**

If it cannot be proved that, of a group of several deceased persons, one survived another or one died first or last, all are deemed to have died at the same time.

**Section 2 : Disappearance**

**Article 17: Applying to the court for a declaratory judgment of death of the disappeared**

When a person disappears such that his/her death is established beyond doubt, even if his/her body

**CHAPITRE II : FIN DE LA PERSONNALITE JURIDIQUE**

**Article 14: Causes mettant fin à la personnalité juridique**

La personnalité juridique d'une personne prend fin par son décès ou par un jugement déclaratif de décès en cas de disparition ou d'absence.

**Section première: Décès**

**Article 15: Preuve de décès**

La preuve de décès s'établit par l'acte de décès délivré par l'autorité compétente hormis les cas où la loi autorise un autre mode de preuve.

**Article 16: Décès de plusieurs personnes mortes au même moment**

Lorsque plusieurs personnes sont mortes sans qu'il soit possible d'identifier laquelle d'entre elles a survécu ou est morte avant ou après les autres, leur décès est présumé avoir eu lieu au même moment.

**Section 2 : Disparition**

**Article 17: Demander à la juridiction de rendre un jugement déclaratif de décès du disparu**

Lorsqu'une personne a disparu dans des circonstances telles que sa mort est certaine, bien

utarabonetse cyangwa warabonetse hakabura icyemezo ko ari uwe koko, umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko gufata icyemezo gitangaza urupfu rw'uwo muntu mu buryo bw'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe.

Iyo urupfu rutewe n'impanuka nko kurohama, guhanuka mu kirere, umutingito w'isi cyangwa inkangu ku buryo bugaragaza ko amaherezo y'iyu mpanuka ari uko yahitanye abantu benshi, urupfu rw'abo bantu rushobora gutangarizwa mu cyemezo gifatiwe hamwe.

Mbere yo gufata icyemezo ku kirego yashyikirijwe, umucamanza afata icyemezo gisaba buri muntu wese waba ufite amakuru kuri uwo muntu wabuze kuyamushyikiriza. Imenyekanisha ry'icyo cyemezo rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko agenga imenyesharuhame mu miburanishirize y'imanza z'imbenezamubano.

**Ingingo ya 18: Urukiko rufite ububasha bwo gutangaza urupfu rw'uwabuze**

Ikirego gisaba gutangaza ko uwabuze yapfuye, gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha rw'aho uwabuze yari atuye cyangwa yabaga.

**Ingingo ya 19: Umunsi ufatwa nk'aho umuntu wabuze ariwo yapfiriye**

Urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu runemeza umunsi ufatwa nk'aho ari wo yapfiriye, hashingiwe ku mpamvu zabiteye.

is yet to be found or has not been identified, any interested person may, by unilateral petition, apply to the court for a declaratory judgment of his/her death.

When the death is caused by such incidents as shipwreck, air disaster, earthquake or landslides whereby there are grounds to believe that several persons were killed, the death of such persons may be declared in a collective judgment.

Before deciding on the petition, the judge orders any person who may have information on that disappeared person to provide him/her with such information. The order is published in accordance with legal provisions relating to service by publication that applies to the civil procedure.

**Article 18: Competent court for declaration of the disappeared person's death**

A petition for the declaration of the disappeared person's death is filed with the competent court of the place of the disappeared person's domicile or residence.

**Article 19: Presumed date of death of the disappeared**

A declaratory judgment of death also specifies the presumed date of death, based on the circumstances surrounding the death.

que son corps n'ait pas été retrouvé ou identifié, tout intéressé peut, par voie de requête unilatérale, demander à la juridiction de rendre un jugement déclaratif de son décès.

Si le décès est dû à un événement tel qu'un naufrage, une catastrophe aérienne, un tremblement de terre, un glissement de terrain, par l'effet duquel il y a lieu de croire que plusieurs personnes ont péri, le décès de ces personnes peut être déclaré par un jugement collectif.

Avant de statuer sur la requête, le juge rend une ordonnance enjoignant à toute personne qui aurait des informations concernant cette personne disparue de les lui soumettre. Cette ordonnance est publiée conformément aux dispositions légales régissant la signification par avis public en matière de la procédure civile.

**Article 18 : Jurisdiction compétente pour déclarer le décès du disparu**

L'action demandant la déclaration de décès du disparu est introduite devant la juridiction compétente du lieu de domicile ou de résidence du disparu.

**Article 19: Date présumée du décès du disparu**

Le jugement déclaratif de décès fixe également la date présumée du décès, sur base des circonstances du décès.

**Ingingo ya 20: Inyandiko igaragaza urupfu rw'umuntu wabuze**

Urubanza rutangaza urupfu rw'umuntu wabuze rutegeka umwanditsi w'irangamimerere gukora inyandiko y'urupfu rw'uwo muntu.

Umwanditsi w'irangamimerere ubifitiye ububasha ni uw'aho uwabuze yari ari, uw'ahari icyambu cyangwa uwo mu gihugu cy'amahanga ibura ryabereyemo.

Umwanditsi w'irangamimerere wakoze inyandiko y'urupfu rw'umuntu wabuze agomba, mu gihe kitarenze amezi atatu (3), koherereza kopi yayo umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwabuze yari atuye kugira ngo ahite ayandika mu gitabo cy'inyandiko z'abapfuye.

**Ingingo ya 21: Kuboneka k'umuntu nyuma y'urubanza rutangaza ko yapfuye**

Iyo umuntu urukiko rwemeje ko yapfuye abonetse, urubanza ruteshwa agaciro n'urukiko rwaruciye bisabwe na we cyangwa n'undi muntu wese ubifitemo inyungu.

Urubanza rutesha agaciro urwarubanjirije rutangaza urupfu, rutegeka umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwari watangajwe ko yapfuye atuye, gutesha agaciro inyandiko igaragaza ko umuntu yapfuye.

**Article 20: Death record of the disappeared person**

The declaratory judgment of the disappeared person's death orders the civil registrar to issue the disappeared person's death record.

The competent civil registrar is the one of the place where the disappeared person was residing, of the port or diplomatic mission abroad where the disappearance took place.

The civil registrar who issues a death record of the disappeared person sends, within three (3) months, the copy of the record to the civil registrar of the disappeared person domicile, who immediately enters it in the register of deaths.

**Article 21: Reappearance of a person after delivery of a declaratory judgment of death**

If the person whose death has been judicially declared reappears, the judgment is annulled by the court having delivered it at his/her petition or at the petition of any other interested person.

The judgment annulling the earlier declaratory judgment of death orders the civil registrar of the domicile of the person whose death has been declared to cancel the death certificate.

**Article 20: Acte de décès du disparu**

Le jugement déclaratif de décès du disparu ordonne à l'officier de l'état civil d'en dresser l'acte de décès.

L'officier de l'état civil compétent est celui du lieu où l'absent résidait, du port d'attache ou de la mission diplomatique où l'absence a eu lieu.

L'officier de l'état civil qui a dressé l'acte de décès de l'absent doit, endéans trois (3) mois, envoyer à l'officier de l'état civil du domicile de l'absent une expédition de cet acte, laquelle est immédiatement transcrite sur le registre des décès.

**Article 21: Réapparition d'une personne après le jugement déclaratif de décès**

Si la personne dont le décès a été déclaré par la juridiction réapparaît, le jugement est annulé par la juridiction qui l'a rendu, à sa requête ou à celle de toute personne intéressée.

Le jugement annulant le jugement déclaratif de décès antérieurement rendu ordonne à l'officier de l'état civil du lieu du domicile de la personne dont le décès a été déclaré d'annuler le certificat de décès.

**Icyiciro cya 3: Izimira**

**Akicro ka mbere: Gukeka ko umuntu akiriho**

**Ingingo ya 22: Igihe cyo gukeka ko umuntu akiriho**

Iyo umuntu yazimiye kandi ntawe yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, bavuga ko akiriho mu gihe cy'imyaka ibiri (2) bahereye ku muni baherukiraho amakuru yemeza ko akiriho.

Iyo hari umuntu yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, bavuga ko akiriho mu gihe cy'imyaka ine (4).

**Ingingo ya 23: Imicungire y'umutungo w'umuntu wazimiye hakekwa ko akiriho**

Mu gihe umuntu wazimiye hakekwa ko akiriho, umutungo we ucungwa n'uwo bashyingiranywe hatitawe ku masezerano y'icungamutungo abashyingiranywe bari barahisemo, keretse urukiko rubigennye ukundi.

Iyo uwazimiye hakekwa ko akiriho atari yarashyingiwe, kandi akaba nta muntu yasigiye ububasha bwo gucunga ibye, Inama y'umuryango igena ushinze gucunga umutungo we. Iyo bishoboka, ava mu bashobora kuzamuzungura.

Iyo Inama y'umuryango idashoboye gushyiraho umuntu ucunga umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho cyangwa havutse izindi mpaka, umuntu

**Section 3: Absence**

**Subsection One: Presumption of life**

**Article 22: Period of presumption of life**

When a person has been absent without having appointed an authorized representative, he/she is presumed to be alive for two (2) years from the day the latest reports of his/her existence are received.

If the person has appointed an authorized representative, they shall be presumed to be alive for a period of four (4) years.

**Article 23: Administration of property of the absentee presumed to be alive**

If the absentee presumed to be alive is married, the other spouse administers his/her property regardless of the chosen matrimonial property regime unless otherwise ordered by the court.

When the absentee presumed to be alive is not married and did not appoint an authorized representative, the Family Council appoints the administrator of the absentee's property. As far as possible, such an administrator is chosen from among the presumptive heirs of the absentee.

When the Family Council is unable to appoint an administrator of the property of the absentee presumed to be alive or in case of any other

**Section 3: Absence**

**Sous-section première: Présomption de vie**

**Article 22: Période de présomption de vie**

Lorsqu'une personne s'est absentée sans avoir constitué un mandataire, elle est présumée vivante pendant deux (2) ans, à partir du jour auquel remontent les dernières nouvelles de son existence.

Si elle a constitué un mandataire, la présomption de vie est fixée à quatre (4) ans.

**Article 23: Administration du patrimoine de l'absent présumé vivant**

Pendant la période d'absence de l'absent présumé vivant, son patrimoine est administré par l'autre époux quel que soit le choix du régime matrimonial, sauf ordonnance contraire de la juridiction.

Lorsque l'absent présumé vivant n'était pas marié et n'a pas constitué de mandataire, le Conseil de famille nomme un administrateur de son patrimoine. Autant que possible, l'administrateur est choisi parmi ses héritiers présomptifs.

En cas de défaillance du Conseil de famille dans la désignation de l'administrateur du patrimoine de l'absent présumé vivant ou en cas d'un quelconque

wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha kugena ucunga umutungo.

**Ingingo ya 24: Ibarura ry'umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho**

Uwashyiranywe n'uwazimiye hakekwa ko akiriho cyangwa undi muntu wahawe inshingano zo gucunga umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho, agaragaza imimerere n'ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'uwazimiye hakekwa ko akiriho.

Imimerere n'ibarura ry'ibintu bikorerwa imbere y'uhagarariye Inama y'umuryango w'uwazimiye hakekwa ko akiriho, akabishyiraho umukono kandi bigashyikirizwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho umutungo uri bikamenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwazimiye hakekwa ko akiriho atuye.

**Ingingo ya 25: Ububasha bw'ucunga umutungo w'uwazimiye hakekwa ko akiriho**

Uwashyiranywe n'uwazimiye hakekwa ko akiriho cyangwa undi wahawe inshingano yo gucunga umutungo we, ahagararira uwazimiye hakekwa ko akiriho mu byerekeye gukoresha uburenganzira bwe ku mutungo no mu zindi nyandiko zerekeye umutungo afitemo inyungu, kandi agacunga umutungo we hakurikijwe amategeko agenga icungamutungo ryemewe n'amategeko.

dispute, any interested person can apply to the competent court for the appointment of such an administrator.

**Article 24 : Inventory of the property of the absentee presumed to be alive**

The spouse of the absentee presumed to be alive or any other person appointed as an administrator of the property of the absentee presumed to be alive, describes the condition and draws up an inventory of both movable and immovable property of the absentee presumed to be alive.

The description of the condition and the inventory of the property is done before a representative of the Family Council of the absentee presumed to be alive. The representative countersigns it before submission thereof to the civil registrar of the location of the property with notification to the civil registrar of the location of domicile of the absentee presumed to be alive.

**Article 25: Powers of the administrator of the property of the absentee presumed to be alive**

The spouse of the absentee presumed to be alive or the appointed administrator of his/her property represents him/her in the exercise of his/her rights or in any other property-related transactions in which he/she would be interested and also administers his/her property in accordance with the rules applicable to legally recognized property administration.

litige, toute personne intéressée peut saisir la juridiction compétente en vue de la nomination de l'administrateur.

**Article 24: Inventaire du patrimoine de l'absent présumé vivant**

L'époux de l'absent présumé vivant ou toute autre personne désignée comme administrateur du patrimoine de l'absent présumé vivant dresse l'état et l'inventaire du patrimoine mobilier et immobilier de l'absent présumé vivant.

L'état et l'inventaire du patrimoine sont dressés devant un délégué du Conseil de famille de l'absent présumé vivant, contresignés par le délégué et soumis à l'officier de l'état civil du lieu de situation de son patrimoine avec notification à l'officier de l'état civil du lieu de domicile de l'absent présumé vivant.

**Article 25: Compétence de l'administrateur du patrimoine de l'absent présumé vivant**

L'époux de l'absent présumé vivant ou l'administrateur désigné de son patrimoine représente l'absent présumé vivant dans l'exercice de ses droits ou dans tous les actes relatifs au patrimoine auquel il serait intéressé et administre son patrimoine selon les règles applicables à l'administration des biens légalement reconnue.

**Ingingo ya 26: Igihe gukuka ko umuntu akiriho birangirira**

Gukuka ko uwazimiye akiriho birangira mu gihe ibimenyetso bigaragaza ko yapfuye bibonetse. Urwo rupfu ruhamywa n'inyandiko yemeza urupfu cyangwa urubanza rutangaza ko uwazimiye hakekwa ko akiriho yapfuye.

**Akiciro ka 2: Urubanza rutangaza izimira**

**Ingingo ya 27: Gusaba urukiko gutangaza ko umuntu yazimiye**

Iyo icyizere cyo gukuka ko umuntu akiriho gishize, umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rw'aho uwo akeka ko akiriho yabaye cyangwa yatuye bwa nyuma, gutangaza ko yazimiye.

**Ingingo ya 28: Isuzuma ry'impamvu zisaba gutangaza ko umuntu yazimiye**

Mu gufata umwanzuro ku mpamvu zitangwa n'usaba gutangaza izimira, urukiko rusuzuma icyaba cyarateye kutamenya amakuru ku muntu wazimiye hakekwa ko akiriho. Rushobora kandi gukoresha iperereza.

**Ingingo ya 29: Inkurikizi zo gutangaza izimira ku micungire y'umutungo w'uwasimiye**

Uwashyiranywe n'uwasimiye akomeza gucunga umutungo w'uwasimiye hatitawe ku masezerano y'icungamutungo abashyiranywe bahisemo,

**Article 26: End of the presumption of life for the absentee**

The presumption of life for an absentee presumed to be alive ceases when the proof of death is produced. Such death is proved by a death record or a declaratory judgment of death of the absentee presumed to be alive.

**Subsection 2: Declaratory judgment of absence**

**Article 27: Applying to the court for declaration of absence**

When the presumption of life ceases, any interested person may apply to the competent court of the last domicile or residence of the person presumed to be alive for the declaration of absence.

**Article 28: Assessment of the grounds for applying for declaration of absence**

When ruling on the grounds given by the person applying for declaration of absence, the court assesses the probable causes which made it impossible to hear from the person presumed to be alive. It may also order an investigation.

**Article 29: Effects of declaration of absence on the administration of the absentee's property**

The absentee's spouse continues to administer the property of the absentee regardless of the chosen matrimonial property regime, unless otherwise

**Article 26: Fin de la présomption de vie de l'absent**

La présomption de vie de l'absent présumé vivant est levée dans les cas où les preuves de décès sont produites. Ce décès doit être prouvé soit par acte de décès, soit par jugement déclaratif de décès de l'absent présumé vivant.

**Sous-section 2: Jugement déclaratif d'absence**

**Article 27: Demande de déclaration d'absence à la juridiction**

Lorsque la présomption de vie a cessé, toute partie intéressée peut demander à la juridiction compétente du dernier domicile ou de la dernière résidence du présumé vivant de déclarer l'absence.

**Article 28: Appréciation des motifs de demande de déclaration d'absence**

La juridiction, en statuant sur les motifs donnés par le demandeur de la déclaration d'absence, apprécie les causes probables qui ont pu empêcher d'avoir les nouvelles de la personne présumée vivante. Elle peut également ordonner une enquête.

**Article 29: Effets de la déclaration d'absence sur l'administration du patrimoine de l'absent**

L'époux de l'absent conserve l'administration du patrimoine de l'absent, peu importe leur choix du régime matrimonial, sauf ordonnance contraire de la

keretse urukiko rubigennye ukundi.

Iyo uwazimiye atari yarashyingiwe cyangwa uwo bashyingiranywe atakiriho, kandi akaba nta muntu yasize mu byo, urukiko rugena ushinzwe gucunga umutungo rumaze kumva icyo Inama y'umuryango ibivugaho.

**Ingingo ya 30: Inkurikizi zo gutangaza izimira ku masezerano y'ishyingirwa**

Ugutangaza izimira ntibisesa amasezerano y'ishyingirwa.

**Akicro ka 3: Urubanza rutangaza ko uwazimiye yapfuye n'inkurikizi zarwo**

**Ingingo ya 31: Gutangaza ko uwazimiye yapfuye**

Iyo hashize imyaka itanu (5) kuva urubanza rutangaje izimira kandi nta makuru mvaho na busa y'uko uwazimiye akiriho, umuntu wese ubifitemo inyungu ukeka ko uwazimiye yapfuye asaba urukiko rw'aho uwazimiye yatuye cyangwa yabayeho bwa nyuma gutangaza ko yapfuye.

Urubanza rushobora gucibwa mbere y'icyo gihe iyo urupfu rw'uwasimiye rwemezwa nta gushidikanya ariko bikaba bitarashobotse gukora inyandiko igaragaza urupfu rwe.

Itariki y'urupfu ishyirwa ku munsu uwazimiye akekwa kuba yarapfiriye. Iyo nta bindi

ordered by the court.

In case the absentee is single or widowed and there is nobody to whom he/she entrusted his/her property, the court, after consultation with the Family Council, determines the administrator of such property.

**Article 30: Effects of declaration of absence on marriage**

The declaration of absence in no way entails the dissolution of marriage.

**Subsection 3: Declaratory judgment of the absentee's death and its effects**

**Article 31: Declaration of the absentee's death**

When five (5) years have elapsed since the delivery of the declaratory judgment of absence and it is uncertain whether the absentee is alive, any interested person who presumes that the absentee is dead applies to the court of the last domicile or residence of the absentee for declaration of the absentee's death.

Such a judgment may be delivered before that period if the absentee's death is deemed ascertained although it is impossible to draw up a death record.

The date fixed as the date of death is the date from which the absentee is presumed to be dead. In the

jurisdiction.

Lorsque l'absent est célibataire ou veuf et n'a confié son patrimoine à personne, la juridiction désigne l'administrateur de ce patrimoine après avis du Conseil de famille.

**Article 30 : Effets de la déclaration d'absence sur le mariage**

La déclaration d'absence n'entraîne pas la dissolution du mariage.

**Sous-section 3 : Jugement déclaratif de décès de l'absent et ses effets**

**Article 31 : Déclaration de décès de l'absent**

Lorsque, depuis le jugement déclaratif d'absence, il s'est écoulé cinq (5) ans sans qu'on n'ait reçu aucune nouvelle certaine de la vie de l'absent, toute personne intéressée qui présume le décès de l'absent demande à la juridiction du lieu du dernier domicile ou de la dernière résidence de l'absent de déclarer son décès.

Le jugement peut être prononcé avant ce délai lorsque la mort de l'absent est tenue pour certaine sans qu'il soit possible de dresser un acte attestant son décès.

La date du décès est fixée au jour à partir duquel l'absent est présumé décédé. Le lieu du décès est



bimenyetso bihari, aho umuntu yapfiriye ni aho bamubonye bwa nyuma.

absence of any other proof, the place fixed as the place of death is where the person was last seen.

fixé, en l'absence d'autres preuves, là où la personne a été vue pour la dernière fois.

**Icyiciro cya 4: Ingingo zihuriweho ku ibura n'izimira**

**Section 4: Common provisions on disappearance and absence**

**Section 4: Dispositions communes à la disparition et à l'absence**

**Ingingo ya 32: Inkurikizi zo gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye ku gushyingirwa**

**Article 32: Effects of declaration of death of the disappeared person or the absentee on marriage**

**Article 32: Effets de la déclaration de décès du disparu ou de l'absent sur le mariage**

Itangaza ry'uko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye riha uwo bashyingiranywe uburenganzira bwo kongera gushyingirwa.

The declaration of death of the disappeared or absentee entails the surviving spouse's right to enter into a new marriage.

La déclaration de décès du disparu ou de l'absent donne à son époux le droit de contracter un nouveau mariage.

Iyo uwabuze cyangwa uwazimiye agarutse mbere y'uko uwo bari barashyingiranywe yongera gushyingirwa, uburenganzira bwo gushyingirwa buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo buvaho.

If the disappeared person or absentee reappears before his/her spouse's new marriage is celebrated, the right to enter into a new marriage provided under paragraph One of this Article is considered null and void.

Si le disparu ou l'absent réapparaît avant la célébration d'un nouveau mariage, le droit de contracter le mariage visé à l'alinéa premier du présent article est réputé non avenu.

**Ingingo ya 33: Inkurikizi zo gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye ku izungura**

**Article 33: Effects of declaration of death of the disappeared person or absentee on succession**

**Article 33: Effets de la déclaration de décès du disparu ou de l'absent sur la succession**

Gutangaza ko uwabuze cyangwa uwazimiye yapfuye bituma izungura rye ritangira. Abazungura bariho ku muni wafashweho ko ariwo w'urupfu rw'uwabuze cyangwa uwazimiye bafite uburenganzira bwo kugabana umutungo we hakurikijwe amategeko abigenga.

The declaration of death of the disappeared person or the absentee entails the opening of succession. The existing heirs on the day fixed as the date of death of the disappeared person or absentee have the right to share the disappeared person's or absentee's estate in accordance with relevant laws.

La déclaration du décès du disparu ou de l'absent ouvre sa succession. Les héritiers existants le jour fixé comme celui du décès ont le droit de se partager la succession du disparu ou de l'absent conformément aux lois en la matière.

Uwo batangaje ko yapfuye yari afite uburenganzira bwo kuzungura buhabwa abamuzungura hakurikijwe inzira yo guhagararira umuntu mu izungura.

If the person declared dead had any succession right, such right passes to his/her heirs in accordance with the procedure for succession by representation.

Si la personne déclarée décédée avait un droit successoral quelconque, ce droit est dévolu à ses héritiers par le jeu de la représentation successorale.

**Ingingo ya 34: Kuboneka k'uwatangajwe ko yapfuye n'inkurikizi bigira**

Iyo umuntu Urukiko rwemeje ko yapfuye abonetse nyuma y'urubanza rwabitangaje, urwo rubanza ruteshwa agaciro n'urukiko rwaruciye bisabwe na we cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu.

Urubanza rutesha agaciro urwarubanjirije rutangaza urupfu, rutegeka umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwari watangajwe ko yapfuye atuye, gutesha agaciro inyandiko igaragaza ko umuntu yapfuye.

Abari bamuzunguye bagomba gusubiza ibyo bari bahawe bagifite mu mutungo wabo.

Ishyingirwa ryabaye nyuma y'urubanza rutangaza urupfu ntirishobora guteshwa agaciro.

**INTERURO YA II: IBIRANGA UMUNTU**

**Ingingo ya 35: Ibiranga umuntu**

Umuntu arangwa n'izina, inkomoko, igitsina, aho aba n'aho atuye.

**Article 34: Reappearance of the person declared dead and its effects**

When the person declared dead by the court reappears, the declaratory judgment of death is annulled by the court having rendered it upon application by the reappearing person or any interested person.

The judgment annulling the previous declaratory judgment of death, orders the civil registrar of the domicile of the person declared dead to revoke the death certificate.

Those having inherited from him/her return the inherited property that still remains in their possession.

Marriage contracted after delivery of the declaratory judgment of death is in no way be subject to annulment.

**TITLE II: ELEMENTS IDENTIFYING A PERSON**

**Article 35: Elements identifying a person**

A person is identified by his/her name, origin, sex, residence and domicile.

**Article 34: Réapparition de la personne déclarée décédée et ses effets**

En cas de réapparition de la personne déclarée décédée par la juridiction, le jugement déclaratif de décès est annulé par la juridiction qui l'a rendu sur demande de celui qui revient ou de tout intéressé.

Le jugement annulant le jugement déclaratif de décès ordonne à l'officier de l'état civil du domicile de la personne déclarée décédée d'annuler l'attestation de décès.

Les prétendus héritiers restituent en capital le patrimoine qui leur était attribué qu'ils détiennent encore.

Le mariage contracté après le jugement déclaratif de décès n'est pas susceptible d'annulation.

**TITRE II: ELEMENTS D'IDENTIFICATION D'UNE PERSONNE**

**Article 35: Eléments d'identification d'une personne**

Une personne est identifiée par son nom, son origine, son sexe, sa résidence et son domicile.

**UMUTWE WA MBERE: IZINA**

**Ingingo ya 36: Ibigize izina**

Izina rigizwe n'izina bwite n'izina ry'ingereka. Izina ry'ingereka rishobora kuba izina ry'idini, iry'umuryango cyangwa yombi. Uru rutonde rw'amazina rugomba gukurikizwa mu nyandiko z'ubutegetsi, bitaba ibyo nyandiko igata agaciro.

Icyakora, inyandiko zisanzwe ziriho, zaba izakorewe mu Rwanda cyangwa mu mahanga hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko cyangwa imigenzo y'aho zakorewe zigumana agaciro kazo.

**Ingingo ya 37: Igihamya izina ry'umuntu**

Izina ry'umuntu ni iryanditse mu nyandiko ye y'ivuka.

**Ingingo ya 38: Uburenganzira bwo kugira izina**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kugira izina. Umubyeyi w'umwana cyangwa undi umufiteho ububasha bwa kibyeyi afite inshingano zo kumuhitiramo izina ashaka.

**Ingingo ya 39: Amazina abujijwe**

Umwana ntashobora kwitwa amazina yose ya se, aya nyina cyangwa ay'abo bavukana.

Izina ntrishobora gusesereza imigenzo myiza cyangwa ubunyangamugayo by'abantu.

**CHAPTER ONE: NAME**

**Article 36: Composition of the name**

The name is composed of a surname and a post-name. The post-name may consist of a first name or a family name or both. This order must be strictly followed in the drafting of administrative documents, if not so, the document is invalid.

However, the existing documents made in Rwanda or abroad in accordance with the provisions of laws and proceedings of the place where such documents were made remain valid.

**Article 37: Proof of a name of a person**

A person's name is the one mentioned on his/her birth record.

**Article 38: Right to have a name**

Every child is entitled to have a name. His/her parent or any other person having parental authority over the child has a duty to freely choose a name for the child.

**Article 39: Prohibited names**

A child shall not bear all his/her father's, mother's or siblings' names.

A name shall not be offensive to good morals or to people's moral integrity.

**CHAPITRE PREMIER: NOM**

**Article 36: Composition du nom**

Le nom comprend le nom propre et le post-nom. Le post-nom peut être le prénom, le nom de famille ou les deux. Cet ordre est de rigueur dans la rédaction des actes administratifs sous peine de nullité.

Toutefois, les actes existants et établis au Rwanda ou à l'étranger conformément aux dispositions légales ou à la procédure du lieu où ils ont été établis restent valables.

**Article 37: Preuve du nom d'une personne**

Le nom d'une personne est celui mentionné dans son acte de naissance.

**Article 38: Droit à un nom**

Tout enfant a droit à un nom. Son parent ou toute autre personne ayant l'autorité parentale sur lui a le devoir de lui choisir librement un nom.

**Article 39: Noms interdits**

L'enfant ne peut recevoir tous les noms de son père ou de sa mère, ni ceux d'un de ses frères ou sœurs.

Le nom ne peut porter atteinte aux bonnes mœurs ou à l'intégrité morale des personnes.

**Ingingo ya 40: Inkurikizi zo gushingirwa cyangwa z'amasezerano y'idini ku izina**

Ishyingirwa cyangwa amasezerano y'idini ntibihindura izina ry'umuntu.

Icyakora, ku bwumvikane bw'abashyingiranywe, buri wese afite uburenganzira bwo kwitwa izina bwite ry'uwo bashyingiranywe ariko rikongerwa ku mazina ye asanganywe bikorewe imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho atuye.

Gukoresha izina ry'amasezerano y'idini byemerwa iyo bikorewe imbere y'Umwanditsi w'irangamimerere w'aho ubishaka atuye. Icyakora, izina ry'amasezerano y'idini ryiyongera ku izina asanganywe, bigatangirwa icyemezo giteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze.

**Ingingo ya 41: Inkurikizi zo gusesa ishyingirwa cyangwa amasezerano y'idini ku izina**

Iyo habayeho iseswa ry'ishyingirwa kubera urupfu usigaye ashobora gusaba ko izina ry'uwo bashyigiranywe umwanditsi w'irangamimerere arikuraho.

Iyo habayeho iseswa ry'ishyingirwa kubera ubutane, umwe mu bari barashyingiranywe ashobora gusaba mu gihe cy'urubanza rw'ubutane ko izina ry'uwo bari barashyingiranywe rikurwaho cyangwa akabisaba nyuma ariko agategekwa kubahiriza inzira yo guhindura izina iteganywa

**Article 40: Effects of marriage or religious vows on the name**

Marriage or religious vows in no way change a person's name.

However, with the consent of both spouses, a spouse has the right to bear the other spouse's surname added to his/her usual name provided that such an addition of name is done before the civil registrar of the domicile of the spouse who wants to change his/her name.

The use of a name of religious vows is also permissible provided that it is done before the civil registrar of the domicile of the person who wishes to use such a name. However, a name of religious vows is added to his/her usual name and confirmed by a certificate provided for by an Order of the Minister in charge of civil status.

**Article 41: Effects of annulment of marriage or religious vows on name**

In case of marriage annulment due to death, the surviving spouse may request the civil registrar to cancel his/her former spouse's name.

In case of marriage annulment due to divorce, one spouse may request during or after divorce proceedings the cancellation of his/her former spouse's name but he/she abides by the procedure for change of name provided for by law.

**Article 40: Effets du mariage et des vœux religieux sur le nom**

Le mariage ou les vœux religieux ne modifient pas le nom d'une personne.

Toutefois, avec le consentement des époux, un époux a le droit de porter le nom propre de l'autre époux en plus de ses noms habituels pourvu que cet ajout de nom soit effectué devant l'officier de l'état civil du domicile de l'époux requérant.

L'usage du nom de vœux religieux est également autorisé pourvu qu'il soit effectué devant l'officier de l'état civil du lieu de domicile du requérant. Toutefois, le nom de vœux religieux s'ajoute à son nom habituel et il est confirmé par une attestation prévue par arrêté du Ministre ayant l'état civil dans ses attributions.

**Article 41: Effets d'annulation du mariage et des vœux religieux sur le nom**

En cas d'annulation de mariage suite à la mort, l'époux survivant peut demander à l'officier de l'état civil d'annuler le nom de son ex-époux.

En cas d'annulation de mariage suite au divorce, l'un des époux peut demander pendant ou après l'instance de divorce l'annulation du nom de son ex-époux mais il se conforme à la procédure de changement de nom prévue par la loi.

n'amategeko.

Uwifuzako uwo bashyingiranywe yamburwa izina rye yitiriwe, baba bakiri kumwe cyangwa baratanye, abisaba umwanditsi w'irangamimerere w'aho batuye. Iyo abashyingiranywe batabyumvikanyeho, abiregera mu rukiko rubifitiye ububasha.

Iyo uwari warahawe izina ry'uwo bashyingiranywe yifuje kurhindura, abikora mu buryo busanzwe bwo guhindura izina.

Iyo habayeho iseswa ry'amasezerano y'idini, uwiswe izina kubera ayo masezerano ashobora gusaba umwanditsi w'irangamimerere kurikuraho yitwaje icyemezo giteganywa n'iteka rivugwa mu ngingo ya 40 y'iri tegeko.

#### **Ingingo ya 42: Guhindura izina**

Guhindura izina biri mu bubasha bwa Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze bisabwe na nyir'ukwitwa izina ufite imyaka y'ubukure.

Iyo ataragira imyaka y'ubukure bikorwa n'ababyeyi be bombi cyangwa abandi bamufiteho ububasha bwa kibyezi.

Gusaba guhindura izina byemerwa ku mpamvu zikurikira:

A person who does not want his/her spouse to bear his/her name anymore during marriage or after divorce, makes the application to the civil registrar. In case the spouses disagree, he/she refers the matter to the competent court.

If the person who bears the name of his/her spouse wants to change it, he/she does so according to the usual procedure for change of name.

In case of annulment of religious vows, a person having used a name of religious vows may request the civil registrar to cancel the name upon presentation of the certificate provided for under Article 40 of this Law.

#### **Article 42: Change of name**

The change of name falls under the responsibility of the Minister in charge of civil status upon request by the person bearing the name having attained the age of majority.

In case of a minor, the application for change of name is made at the request of both of his/her parents or other persons who exercise parental authority over him/her.

The application for the change of name is permissible for the following grounds:

Une personne qui veut que son époux ne porte plus son nom pendant le mariage ou après le divorce, en fait la requête auprès de l'officier de l'état civil. En cas de désaccord des époux, elle saisit la juridiction compétente.

Au cas où la personne qui porte le nom de son époux veut le changer, elle doit le faire selon la procédure habituelle de changement de nom.

En cas d'annulation des vœux religieux, la personne qui utilise le nom de vœux religieux peut demander à l'officier de l'état civil d'annuler ce nom, sur présentation de l'attestation prévue à l'article 40 de la présente loi.

#### **Article 42: Changement de nom**

Le changement de nom d'une personne relève de la compétence du Ministre ayant l'état civil dans ses attributions sur requête du titulaire du nom ayant atteint la majorité.

Dans le cas d'un mineur, le changement de nom est fait à la diligence de ses deux parents ou d'autres personnes qui exercent une autorité parentale sur lui.

La requête en changement de nom est acceptée pour les motifs suivants :

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

- |                                                                                                |                                                                                                                               |                                                                                                                                 |
|------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1° iyo izina ritesha agaciro nyiraryo;                                                         | 1° if the name infringes upon the honour of the person bearing it;                                                            | 1° lorsque le nom porte atteinte à l'honneur du titulaire ;                                                                     |
| 2° iyo izina risesereza imyifatire mbonezabupfura cyangwa ubunyangamugayo bw'abantu;           | 2° if the name is offensive to good morals or people's moral integrity ;                                                      | 2° lorsque le nom porte atteinte aux bonnes mœurs ou à l'intégrité morale des personnes ;                                       |
| 3° iyo hari undi ukoresha izina ku buryo rishobora kumwangeriza icyubahiro cyangwa umutungo;   | 3° when the name is used by another person such that it may infringe upon his/her honour or cause injury to his/her property; | 3° lorsque ce nom est utilisé par quelqu'un d'autre au point que ce nom peut porter atteinte à son honneur ou à son patrimoine; |
| 4° indi mpamvu yose Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze yabona ko ifite ishingiro. | 4° such other reason as may be deemed valid by the Minister in charge of civil status.                                        | 4° tout autre motif jugé valable par le Ministre ayant l'état civil dans ses attributions.                                      |

Uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze.

Modalities and procedures for change of name are established by an Order of the Minister in charge of civil status.

Les modalités et les procédures de changement de nom sont fixées par arrêté du Ministre ayant l'état civil dans ses attributions.

**Ingingo ya 43: Inkurikizi zo guhindura izina**

**Article 43: Effects of change of name**

**Article 43: Effets du changement de nom**

Uguhindura izina bigira agaciro ari uko izina rishya ryanditswe mu gitabo cy'inyandiko z'ivuka.

The change of name becomes effective from the time the new name is recorded in the register of birth records.

Le changement de nom produit ses effets dès que le nouveau nom est inscrit sur le registre des actes de naissance.

Inyandiko zakozwe mu izina rya mbere zifatwa nk'izakozwe ku izina rishya. Nyirubwite cyangwa undi wese ubifitemo inyungu asaba ko izo inyandiko zandukurwaho izina rishya.

Documents made under the former name of a person are deemed to be made under the new name. The person bearing the name or any other interested person demands that such documents be rectified by indicating the new name.

Les documents faits sous l'ancien nom sont réputés faits sous le nouveau nom. Le titulaire du nom ou toute autre personne intéressée exige que ces documents soient rectifiés par l'indication du nouveau nom.

**UMUTWE WA II: IGITSINA**

**CHAPTER II: SEX**

**CHAPITRE II : SEXE**

**Ingingo ya 44: Igisobanuro cy'igitsina**

**Article 44: Definition of sex**

**Article 44 : Définition du sexe**

Igitsina ni imimerere umuntu afite

Sex is the human physiological state of being male

Le sexe est le caractère physiologique humain d'être

nk'ikinyabuzima imugaragaza nk'umugabo or female.  
cyangwa umugore.

mâle ou femelle.

**Ingingo ya 45: Igihamya igitsina**

**Article 45: Proof of sex**

**Article 45 : Preuve du sexe**

Igitsina cy'umuntu ni icyanditse mu nyandiko ye y'ivuka.

The sex of a person is the one recorded in his/her birth record.

Le sexe d'une personne est celui qui est enregistré dans son acte de naissance.

**UMUTWE WA III: INKOMOKO**

**CHAPTER III: FILIATION**

**CHAPITRE III : FILIATION**

**Ingingo ya 46: Igisobanuro cy'inkomoko**

**Article 46: Definition of filiation**

**Article 46 : Définition de la filiation**

Inkomoko ni isano iri hagati y'umwana na se cyangwa na nyina.

Filiation is the relationship between a child and his/her father or mother.

La filiation est la relation entre un enfant et son père ou sa mère.

**Ingingo ya 47: Ikimenyetso cy'inkomoko**

**Article 47: Proof of filiation**

**Article 47 : Preuve de filiation**

Kuba umuntu akomoka kuri se cyangwa nyina bigaragazwa n'inyandiko y'ivuka.

Paternal or maternal filiation of a person is proved by birth record.

La filiation paternelle ou maternelle d'une personne se prouve par l'acte de naissance.

Icyakora, iyo nyandiko y'ivuka ibuze, kuba umuntu asanzwe azwiho ko akomoka ku bashyingiranywe birahagije kugira ngo byemezwe ko abakomokaho.

However, in the absence of birth record, uninterrupted possession of status is sufficient to prove filiation.

Toutefois, à défaut d'acte de naissance, la possession constante d'état suffit pour prouver la filiation.

Ntawe ushobora guharanira inkomoko inyuranye n'iyo yagenewe n'inyandiko y'ivuka ye n'uko basanzwe bamuzi bihujwe n'iyo nyandiko.

Nobody claims for filiation different from the one registered in the birth record and matching uninterrupted possession of status.

Personne ne peut réclamer une filiation différente de celle enregistrée dans l'acte de naissance et correspondant à la possession constante d'état.

Iyo inyandiko y'ivuka ibuze cyangwa uko umuntu asanzwe azwi bitabashije kumenyekana, kwemeza abo umuntu akomokaho bikorwa hakoreshejwe uburyo bwose bwemewe n'amategeko.

In the absence of birth record and of uninterrupted possession of status, evidence of filiation is proved by all means recognized by law.

A défaut d'acte de naissance et de possession constante d'état, la preuve de la filiation se fait par tous les moyens reconnus par la loi.

**Ingingo ya 48: Ibimenyetso byerekana uko umuntu asanzwe azwi**

Uko umuntu asanzwe azwi bigaragazwa n'ibimenyetso byerekana neza isano umuntu afitanye n'abo yita ababyeyi be.

Iby'ingenzi muri ibyo bimenyetso ni ibi bikurikira:

- 1° kuba se cyangwa nyina w'umwana yaramufashe nk'uwe koko bikaba kandi byaragaragajwe n'uko yitaye ku kumurera, kumufata neza no kumugenera ibintu bye bwite;
- 2° kuba abantu bo mu muryango nabo bazi ko ari uwe;
- 3° kuba abandi bantu basanzwe bazi ko ari uwe.

**Ingingo ya 49: Ibimenyetso by'inkomoko y'umwana ukomoka ku batarashyiranywe**

Kwemeza nyina w'umwana wabyawe ku batashyiranywe bikorwa mu buryo bumwe n'ubukoreshwa ku mwana uvuka ku bashyiranywe.

Kwemeza se w'umwana wabyawe ku batashyiranywe bigaragazwa n'ibi bikurikira:

- 1° imvugo cyangwa inyandiko yemera uwo

**Article 48: Facts establishing possession of status**

Possession of status is established by an adequate combination of facts which indicate the relationship of filiation between the child and the persons to whom the child is said to be born.

The main facts establishing possession of status are the following:

- 1° where the presumed father or mother of the child has always treated the child as his/hers, and has in that quality catered for his/her education, maintenance and possession of personal assets;
- 2° where the child has been treated as such by the family;
- 3° where the child has permanently been treated as such by the community.

**Article 49: Proof of filiation of a child born out of wedlock**

Maternal filiation of a child born out of wedlock is proved in the same way as that of a child born in wedlock.

Paternal filiation of a child born out of wedlock is proven by the following:

- 1° oral or written acknowledgement of the

**Article 48: Faits établissant la possession d'état**

La possession d'état s'établit par une réunion suffisante de faits qui indiquent le rapport de filiation entre un individu et la famille à laquelle il prétend appartenir.

Les principaux éléments établissant la possession d'état sont les suivants:

- 1° que le prétendu père ou mère de l'enfant l'ait toujours traité comme tel et ait pourvu, en cette qualité, à son éducation, son entretien et son établissement ;
- 2° qu'il soit reconnu comme son enfant dans la famille ;
- 3° que l'intéressé soit reconnu constamment comme son enfant dans la société.

**Article 49 : Preuve de la filiation de l'enfant né hors mariage**

La filiation maternelle de l'enfant né hors mariage se prouve selon les mêmes modes que ceux de l'enfant né dans le mariage.

La filiation paternelle de l'enfant né hors mariage se prouve par ce qui suit :

- 1° la reconnaissance verbale ou écrite de



mwana, bikorewe imbere y'umwanditsi w'irangamimerere;

2° urubanza rwemeza se w'umwana cyangwa kopi y'igitabo cy'irangamimerere cyanditswemo urwo rubanza.

child done before the civil registrar;

2° judgment declaring paternal filiation or copy of civil register in which the judgment was recorded.

l'enfant faite devant l'officier de l'état civil ;

2° le jugement définitif déclarant sa filiation paternelle ou la copie du registre de l'état civil dans lequel le jugement a été enregistré.

**Ingingo ya 50: Ibimenyetso bigaragaza ko umuntu yagizwe umwana n'utaramubyaye**

Kuba se cyangwa nyina w'umwana utabyaye byemezwa n'inyandiko y'umwanditsi w'irangamimerere yerekeye kwemera kuba umubyeyi w'umwana utabyaye yemezwa n'urukiko. Mu gihe iyo nyandiko idashobora kuboneka, byemezwa n'urubanza rusimbura inyandiko z'irangamimerere.

**UMUTWE WA IV: AHO UMUNTU ATUYE N' AHO ABA**

**Icyiciro cya mbere: Aho umuntu atuye**

**Ingingo ya 51: Guhitamo aho umuntu atura**

Umuntu ahitamo aho atura ku bushake kandi mu buryo bwubahirije amategeko. Aho umuntu atura hashobora kuba hamwe n'aho aba.

Mu gihe umuntu atagira aho atuye hazwi, aho aba hafatwa nk'aho ariho atuye.

**Article 50: Proof of adoptive filiation**

Adoptive filiation, either paternal or maternal, is proved by an adoption record issued by the civil registrar and approved by the court. In the absence of such a record, it is proved by a declaratory judgment in lieu of civil status records.

**CHAPTER IV: DOMICILE AND RESIDENCE**

**Section One: Domicile**

**Article 51: Choice of domicile**

Every person, in accordance with law, enjoys the freedom to choose their domicile, which may coincide with his/her residence.

If a person's domicile is unknown, his/her residence is deemed to be his/her domicile.

**Article 50 : Preuves de la filiation adoptive**

La filiation adoptive paternelle ou maternelle se prouve par l'acte d'adoption établi par l'officier de l'état civil et homologué par la juridiction. A défaut de l'acte d'adoption, elle se prouve par un jugement supplétif tenant lieu d'actes d'état civil.

**CHAPITRE IV : DOMICILE ET RESIDENCE**

**Section première : Domicile**

**Article 51: Choix du domicile**

Toute personne, conformément à la loi, choisit librement son domicile et celui-ci peut coïncider avec sa résidence.

Lorsqu'une personne n'a pas de domicile connu, sa résidence est réputée être son domicile.

**Ingingo ya 52: Umubare w’aho umuntu atura**

Nta muntu wemerewe kugira aho atura harenze hamwe mu Rwanda.

**Ingingo ya 53: Kwimuka aho umuntu atuye**

Umuntu akomeza gutura aho yanditswe igihe cyose atimukiye ahandi hantu. Kwimukira ahandi bikorwa no kongera kwiwandikisha mu gitabo cy’abatwaga cy’aho agiye gutura.

**Ingingo ya 54: Guhitamo ahafatwa nk’aho umuntu atuye**

Abagiranye amasezerano bashobora, mu nyandiko, guhitamo ahantu bazashyirira mu bikorwa ibiri muri ayo masezerano cyangwa uburenganzira bukomoka kuri icyo nyandiko.

**Ingingo ya 55: Aho abashyingiranywe batura**

Abashyingiranywe batura ahantu hamwe bahisemo mu bwumvikane bwabo.

**Ingingo ya 56: Aho umwana atura**

Umwana utaragira imyaka y’ubukure atura aho abamufiteho ububasha bwa kibyeyi batuye keretse icyo bamwemereye gutura ahandi kubera inyungu ze.

**Article 52: Number of domiciles**

No person is allowed to have more than one domicile in Rwanda.

**Article 53: Change of domicile**

A person retains his/her domicile at the place where he/she is registered as long as he/she is yet to relocate to another place. Such relocation is done through re-registration in the population register of the place of his/her new domicile.

**Article 54: Elected domicile**

Parties to a juridical act may, in writing, elect domicile with a view to execution of an act or the exercise of the rights arising therefrom.

**Article 55: Marital domicile**

The marital domicile is at the place mutually agreed upon by the spouses.

**Article 56: Domicile of a minor**

The domicile of a minor is the same as the domicile of those exercising parental authority over him/her unless otherwise authorized by them for the minor’s interest.

**Article 52: Nombre de domiciles**

Nul ne peut avoir plus d’un domicile au Rwanda.

**Article 53: Changement de domicile**

Une personne conserve son domicile à l’endroit où elle est inscrite au registre de l’état civil tant qu’elle n’a pas déménagé dans un autre lieu. Ce déménagement s’opère par la réinscription au registre de la population effectuée au lieu de son nouveau domicile.

**Article 54: Election du domicile**

Les parties au contrat peuvent par écrit faire une élection du domicile en vue de l’exécution de cet acte ou de l’exercice des droits qui en découlent.

**Article 55: Domicile conjugal**

Le domicile conjugal est au lieu choisi de commun accord par les époux.

**Article 56: Domicile d’un mineur**

Le mineur a le même domicile que les personnes qui exercent sur lui l’autorité parentale, sauf autorisation contraire par ces dernières pour l’intérêt du mineur.

Umwana wahawe ubukure ashobora gutura ahatandukanye n'aho abamufiteho ububasha bwa kibyeyi batuye.

**Ingingo ya 57: Aho uwambuwe ubushobozi bwo gukoresha uburenganzira bwe atura**

Uwambuwe ubushobozi bwo gukoresha uburenganzira bwe aba atuye aho umwishingizi we atuye.

**Icyiciro cya 2: Aho umuntu aba**

**Ingingo ya 58: Kuba umuntu yagira aho aba henshi**

Umuntu ashobora kugira aho aba henshi.

**Ingingo ya 59: Aho abashyingiranywe baba**

Abashyingiranwe baba hamwe, keretse iyo inyungu z'urugo rwabo zitumye biba ukundi.

**Ingingo ya 60: Aho umwana aba**

Umwana utaragira imyaka y'ubukure aba aho abamufiteho ububasha bwa kibyeyi baba, keretse iyo bamwemeraye kuba ahandi ku nyungu ze.

Umwana wahawe ubukure ashobora kuba ahatandukanye n'aho abamufiteho ububasha bwa kibyeyi baba.

However, the domicile of an emancipated minor may be different from that of persons who exercise parental authority over him/her.

**Article 57: Domicile of person deprived of the capacity to exercise his/her rights**

The domicile of a person deprived of the capacity to exercise his/her rights is the same as the domicile of his/her guardian.

**Section 2: Residence**

**Article 58: Multiple residences**

A person can have more than one residence.

**Article 59: Spouses' residence**

Spouses have the same residence unless otherwise dictated by the family's interests.

**Article 60: Residence of a child**

The residence of a minor is the same as that of the persons who exercise parental authority over the minor unless otherwise authorised by the parental authority in the interests of the minor.

The residence of an emancipated minor may be different from that of the persons exercising parental authority over him/her.

Toutefois, le domicile d'un mineur émancipé peut être différent de celui des personnes qui exercent sur lui une autorité parentale.

**Article 57: Domicile d'une personne privée de sa capacité d'exercer ses droits**

La personne privée de sa capacité d'exercer ses droits a le même domicile que son tuteur.

**Section 2 : Résidence**

**Article 58: Pluralité de résidences**

Une personne peut avoir plusieurs résidences.

**Article 59: Résidence des époux**

Les époux ont la même résidence sauf si les intérêts de la famille exigent le contraire.

**Article 60: Résidence de l'enfant**

La résidence du mineur est la même que celle des personnes qui exercent sur lui l'autorité parentale sauf si, dans l'intérêt du mineur, l'autorité parentale lui autorise de résider ailleurs.

La résidence du mineur émancipé peut être différente de celle des personnes qui exercent l'autorité parentale sur lui.

**INTERURO YA III: IRANGAMIMERERE**

**UMUTWE WA MBERE: IBIMENYETSO BY'IRANGAMIMERERE N'IMENYESHA RYARYO**

**Ingingo ya 61: Ibimenyetso by'irangamimerere**

Irangamimerere y'abantu yemezwa kandi ikagaragazwa n'inyandiko z'irangamimerere, zandikwa ku buryo buteganywa n'iri tegeko. Yemezwa kandi ku buryo budasanzwe n'imanza zisimbura cyangwa zikosora izo nyandiko cyangwa n'imanza zerekeye irangamimerere.

Inyandiko z'irangamimerere cyangwa imanza zizisimbura cyangwa zizikosora zubahwa na buri wese.

**Ingingo ya 62: Ibimenyeshwa umwanditsi w'irangamimerere**

Umwanditsi w'irangamimerere amenyeshwa ibi bikurikira :

- 1° ivuka ;
- 2° ishyingirwa ;
- 3° urupfu;
- 4° kwemera umwana wavutse ku babyeyi batashyiranywe;
- 5° kubera umubyeyi umwana utabyaye;
- 6° ubwishingire bw'umwana cyangwa bw'umuntu mukuru;
- 7° itangwa ry'ubwenegihugu nyarwanda;
- 8° ibindi byashyirwa mu nshingano ze n'itegeko.

**TITLE III: CIVIL STATUS**

**CHAPTER ONE: PROOF AND DECLARATION OF CIVIL STATUS**

**Article 61: Proof of civil status**

Civil status for persons is only established and proved by civil status records issued in conformity with provisions of this law. It is also established exceptionally by judgments replacing or correcting these records or by judgments in relation to civil status.

Civil status records or judgments replacing or correcting them are binding upon all persons whatsoever.

**Article 62: Declarations made before the civil registrar**

The civil registrar records the following declarations:

- 1° birth;
- 2° marriage;
- 3° death;
- 4° acknowledgment of a child born out of wedlock;
- 5° adoption;
- 6° guardianship to a minor or a person of full age;
- 7° granting of Rwandan nationality;
- 8° such other responsibilities as may be stipulated

**TITRE III: ETAT CIVIL**

**CHAPITRE PREMIER: PREUVES ET DECLARATION DE L'ETAT CIVIL**

**Article 61: Preuves de l'état civil**

L'état civil des personnes ne peut être établi et prouvé que par les actes de l'état civil, dressés en la forme déterminée par la présente loi. Il est également établi exceptionnellement par des jugements supplétifs ou rectificatifs de ces actes ou par des jugements relatifs à l'état de la personne.

Les actes de l'état civil ou les jugements supplétifs ou rectificatifs sont opposables à tous.

**Article 62: Déclarations faites à l'officier de l'état civil**

L'officier de l'état civil reçoit les déclarations suivantes:

- 1° la naissance;
- 2° le mariage;
- 3° le décès;
- 4° la reconnaissance d'un enfant né hors mariage;
- 5° l'adoption;
- 6° la tutelle d'un mineur ou d'un majeur;
- 7° l'octroi de la nationalité rwandaise;
- 8° autres attributions pouvant être prévues par la

	by law.	loi.
Umukuru w'urwego rushinzwe gutanga ubwenegihugu nyarwanda amenyesha umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwahawe ubwenegihugu nyarwanda aba amakuru yerekeranye n'itangwary'ubwenegihugu nyarwanda.	The head of the service in charge of granting of the Rwandan nationality provides the civil registrar of the residence of the person who has been granted Rwandan nationality with information regarding acquisition of the Rwandan nationality.	Le chef du service en charge de l'octroi de la nationalité rwandaise notifie à l'officier de l'état civil de la résidence de la personne qui a acquis la nationalité rwandaise des informations concernant l'acquisition de la nationalité rwandaise.
<b><u>Ingingo ya 63:</u> Uko imenyeshary'irangamimerere rikorwa</b>	<b><u>Article 63:</u> Procedure for declaration of civil status</b>	<b><u>Article 63:</u> Procédure de déclaration de l'état civil</b>
Imenyeshary'irangamimerere rikorwa na nyir'ubwite cyangwa undi wese ubifitemo inyungu. Iyo ba nyir'ubwite badategetswe kuhibera ubwabo, bashobora guhagararirwa n'uwo babihereye ububasha.	The declarations on civil status is made by the concerned person or any other interested parties. In case the concerned parties are not obliged to be present in person, they may be represented by a person empowered to do so.	La déclaration de l'état civil est faite par la personne concernée ou toute autre personne intéressée. Dans les cas où les personnes concernées ne sont pas obligées de comparaître en personne, elles peuvent se faire représenter par une personne habilitée à cet effet.
Inyandiko y'irangamimerere ikorwa hari abatangabuhamyababiri (2) bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18).	A civil status record is made in the presence of two (2) witnesses aged at least eighteen (18) years.	L'acte de l'état civil est dressé en présence de deux (2) témoins âgés d'au moins dix-huit (18) ans.
Umwanditsi w'irangamimerere mbere yo gushyira umukono ku nyandiko abanza kuzisomera benezo, hari abatangabuhamyaha.	Before signing, the civil registrar reads the record to the concerned parties in the presence of witnesses.	L'officier de l'état civil donne, avant la signature, lecture des actes aux parties comparantes en présence des témoins.
Inyandiko zishyirwaho umukono w'umwanditsi w'irangamimerere, abazandikiwe n'abatangabuhamyaha.	Records are signed by the civil registrar, the concerned parties and witnesses.	Les actes sont signés par l'officier de l'état civil, par les comparants et les témoins.
Iyo umwe mu bakorewe izo nyandiko cyangwa umwe mu batangabuhamyaha adashoboye gushyira umukono ku nyandiko, atera igikumwe.	If one of the concerned parties or witnesses is unable to sign, his/her fingerprint is taken.	Si l'un des comparants ou l'un des témoins ne peut pas signer ou parapher, il appose son empreinte digitale.

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

Iyo hari ufite ubumuga bumubuzwa gushyira umukono ku nyandiko cyangwa gutera igikumwe, inyangiraho umukono n'umuntu yihitanyemo, akabikora akurikije amabwiriza ye kandi ahibereye.

In case of disability which prevents him/her from signing or fingerprinting, the record is signed by a person of his/her choice, under his/her order and in his/her presence.

En cas d'incapacité qui l'empêche de signer ou d'apposer l'empreinte digitale, l'acte est signé par une personne de son choix, à son ordre et en sa présence.

**Ingingo ya 64: Ufite ububasha bwo kwakira imenyeshya ry'irangamimerere**

**Article 64: Competent authority to receive declaration of civil status records**

**Article 64: Autorité compétente pour recevoir la déclaration des actes de l'état civil**

Uububasha bwo kwakira imenyeshya ry'irangamimerere bufitwe n'umwanditsi w'irangamimerere w'aho:

The competence to receive declaration of civil status records is exercised:

La compétence en matière de réception de la déclaration des actes de l'état civil est détenue :

1° umwana yavukiye cyangwa w'aho ababyeyi baba cyangwa batuye, ku byerekeye ivuka;

1° for births, by the civil registrar of the place of birth or of the place of residence or domicile of parents;

1° pour les naissances, par l'officier de l'état civil, soit du lieu de la naissance de l'enfant, soit du lieu de la résidence ou du domicile des parents ;

2° umuntu yaguye, ku byerekeye ugupfa ;

2° for deaths, by the civil registrar of the place of death;

2° pour les décès, par l'officier de l'état civil du lieu du décès ;

3° ishyingirwa ryabereye, ku byerekeye ugushyingiranwa ;

3° for marriages, by the civil registrar of the place of the marriage celebration;

3° pour les mariages, par l'officier de l'état civil du lieu de la célébration du mariage;

4° nyiri ukwemera umwana atuye, ku byerekeye iyemera ry'umwana wavutse ku batashyiringanywe ;

4° for the acknowledgment of a child born out of wedlock, by the civil registrar of the domicile of the person who acknowledges the child;

4° pour la reconnaissance d'un enfant né hors mariage, par l'officier de l'état civil du domicile de la personne qui reconnaît l'enfant ;

5° ugizwe umwana atuye, ku byerekeye kubera umubyeyi umwana utabyaye;

5° for adoption, by the civil registrar of the place of the domicile of the adopted person;

5° pour l'adoption, par l'officier de l'état civil du lieu du domicile de l'adopté ;

6° ubwishingire bwakorewe ku byerekeye kwishingira umwana cyangwa umuntu mukuru;

6° for guardianships of a minor or an adult, by the civil registrar of the place of guardianship;

6° pour les tuteurs d'un enfant ou d'un majeur, par l'officier de l'état civil du lieu de l'ouverture de la tutelle;

7° uwahawe ubwenegihugu aba.

7° by the civil registrar of the residence of the

7° par l'officier de l'état civil du lieu de résidence

person who has been granted nationality.

de la personne qui a acquis la nationalité.

Igihe Umwanditsi w'irangamimerere wakiriye imenyeshya atari uw'aho uwandikwa atuye agomba kubimenyeshya umwanditsi w'irangamimerere w'aho uwandikwa atuye.

Where the civil registrar receiving the declarations resides in a location different from the domicile of the registrant, he/she informs the civil registrar of the domicile of the registrant.

Lorsque l'officier de l'état civil qui a reçu les déclarations réside dans un endroit différent du domicile du déclarant, il doit en informer l'officier de l'état civil du domicile du déclarant.

**UMUTWE WA II: UMWANDITSI W'IRANGAMIMERERE**

**CHAPTER II: CIVIL REGISTRAR**

**CHAPITRE II: OFFICIER DE L'ETAT CIVIL**

**Ingingo ya 65: Umwanditsi w'irangamimerere**

**Article 65: Civil registrar**

**Article 65: Officier de l'état civil**

Umwanditsi w'irangamimerere ni umukozi ufite irangamimerere mu nshingano ze ku rwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage cyangwa uhagarariye u Rwanda mu mahanga n'undi wese ubihereye ububasha n'amategeko.

A civil registrar is an officer in charge of civil status at the level of decentralised administrative entity or a representative of Rwanda in a foreign country and any other person authorised by law.

Un officier de l'état civil est un agent ayant l'état civil dans ses attributions au niveau d'une entité administrative décentralisée ou un représentant du Rwanda à l'étranger et toute autre personne légalement habilitée par la loi.

**Ingingo ya 66: Inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere**

**Article 66: Responsibilities of a civil registrar**

**Article 66: Attributions de l'officier de l'état civil**

Inshingano z'umwanditsi w'irangamimerere ni izi zikurikira:

A civil registrar is responsible for the following:

L'officier de l'état civil a les attributions suivantes :

1° gukora inyandiko z'irangamimerere zerekeranye n'ibyo amenyeshwa, kuzikosora no gutanga kopi zazo;

1° issuing civil status records with regard to statements that he/she records, correcting errors and submitting copies thereof;

1° dresser les actes de l'état civil concernant les déclarations qu'il reçoit, les rectifier quant aux erreurs et transmettre leurs copies;

2° gutunganya no kubika ibitabo by'irangamimerere;

2° keeping and preserving civil status registers;

2° tenir et conserver les registres de l'état civil ;

3° kwandukura imanza zose zifitanye isano n'irangamimerere;

3° recording all judgments related to civil status;

3° enregistrer tous les jugements relatifs à l'état civil ;

4° kwemeza isabwa ry'ubukure bw'umwana;

4° approving the application for emancipation of

4° approuver la demande d'émancipation d'un

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

	a minor;	mineur ;
5° kuyobora Inama y'ubwishingire no kwemeza umwishingizi;	5° heading the Guardianship Council and approving the guardian;	5° diriger le Conseil de tutelle et approuver le tuteur ;
6° gukora ibarurishamibare mu byerekeranye n'irangamimerere;	6° producing statistics with regard to civil status;	6° établir les statistiques de l'état civil;
7° gushyingira amaze kugenzura ko abagiye gushyingirwa bujuje ibyo amategeko asaba;	7° officiating over civil marriages after ensuring that the intending spouses fulfil the conditions required by law;	7° célébrer le mariage des époux après avoir vérifié que les futurs époux remplissent les conditions requises par la loi;
8° gukora ibindi byose bijyanye n'irangamimerere bigenwa n'amategeko.	8° performing any other acts relating to civil status provided for by the law.	8° exécuter tous les autres actes prévus par la loi et ayant trait à l'état civil.

**Ingingo ya 67: Kwibutsa abantu kuvugisha ukuri mu imenyeshya ry'irangamimerere**

Mbere yo gukora inyandiko, umwanditsi w'irangamimerere amenyeshya nyir'ubwite cyangwa ubifitemo inyungu cyangwa uwatumwe kumuhagararira n'abatangabuhama be ibihano biteganyijwe n'amategeko ahana ku babeshya mu byo baje gutangaza.

**Ingingo ya 68: Gukora inyandiko z'irangamimerere**

Umwanditsi w'irangamimerere yandika gusa ibyo ashinzwe kwemeza n'ibyo amenyeshya mu buryo bukurikije amategeko. Abamenyeshya ibigomba gushyirwa mu nyandiko y'irangamimerere n'ababibereye abahama, nibo babarwaho ukuri kw'ibyo bivugira cyangwa kw'ibavuzwe bahama muri izo nyandiko.

**Article 67: Reminding people to avoid making false declarations with respect to legal status**

Before drawing up a record, the civil registrar informs the concerned party or interested party or his/her representatives and witnesses about penalties provided for by the law against those who make false declarations.

**Article 68: Drawing up of civil status records**

The civil registrar only records facts in his/her jurisdiction as well as declarations made to him/her in conformity with the law. The registrants as well as witnesses guarantee the accuracy of facts they certify or corroborate in civil status records.

**Article 67: Rappeler aux gens d'éviter de faire de fausses déclarations d'état civil**

Avant de dresser acte, l'officier de l'état civil avise le comparant ou la personne intéressée ou son représentant et les témoins des peines prévues par la loi pour sanctionner les fausses déclarations.

**Article 68: Etablissement des actes de l'état civil**

L'officier de l'état civil n'enregistre que les faits qu'il a mission de constater et les déclarations qui lui sont faites conformément à la loi. Les déclarants et les témoins sont garants de l'exactitude des faits qu'ils attestent ou corroborent dans les actes de l'état civil.



Umwanditsi w'irangamimerere ntashobora kwanga gukora inyandiko iteganywa n'iri tegeko, ntashobora kuyikora mu buryo bunyuranyije n'ibyo yamenyeshejwe cyangwa gukora imwe muri izo nyandiko abyibwirije ubwe.

**Ingingo ya 69: Ibyo umwanditsi w'irangamimerere abujijwe gukora**

Umwanditsi w'irangamimerere ntashobora gukora inyandiko y'irangamimerere kandi ngo ayigiremo urundi ruhare.

Umwanditsi w'irangamimerere abujijwe kwakira imihango y'ishyingira imwerekeye ubwe cyangwa yerekeye uwo bashyingiranywe, abo akomokaho, abamukomokaho, abavandimwe n'abo bafitanye isano ishingiyeye ku ishyingiranwa kugeza ku gisanira cya kabiri (2). Muri icyo gihe inyandiko ikorwa n'undi mwanditsi w'irangamimerere ubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 70: Igenzurwa ry'umwanditsi w'irangamimerere**

Umwanditsi w'irangamimerere agenzurwa n'umuyobozi umukuriye mu kazi ke.

Umuyobozi ukuriye umwanditsi w'irangamimerere akurikirana imirimo y'irangamimerere mu ifasi ye, rimwe mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa. Agomba gusuzuma uko ibitabo by'irangamimerere byifashe n'uko bibitswe, kandi agakora inyandikomvugo y'isuzuma yakoze byaba

8° gusuzuma ibibazo byerekeranye n'ibitunga umuntu;	8° to consider petitions in connection with maintenance obligation;	8° examiner les demandes en rapport avec l'obligation alimentaire;
9° gukora indi nshingano yagenerwa n'andi mategeko cyangwa umuryango.	9° to perform any other responsibility as may be determined by other laws or by the family.	9° s'acquitter de toute autre attribution qui pourrait lui être assignée par d'autres lois ou par la famille.

**Ingingo ya 164: Abagize Inama y'umuryango**

Inama y'umuryango igizwe n'aba bakurikira:

- 1° se na nyina b'uwo bireba;
- 2° basaza na bashiki be bafite imyaka y'ubukure;
- 3° nibura babiri (2) mu bo bafitanye isano

**Article 164: Composition of the Family Council**

The Family Council is composed of the following:

- 1° father and mother of the concerned person;
- 2° siblings who have attained the age of majority;
- 3° at least two (2) of the relatives from his

**Article 164: Composition du Conseil de famille**

Le Conseil de famille est composé des membres suivants:

- 1° père et mère de la personne concernée;
- 2° frères et sœurs ayant l'âge de majorité;
- 3° au moins deux (2) de membres de la famille

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

b'uwo bireba baturutse ku ruhande rwa se cyangwa nyina hakurikijwe abo bafitanye isano ya bugufi;

father's or mother's side depending on which side has a close relation;

du côté de son père ou de sa mère selon les relations les plus proches;

4° abantu babiri (2) bazwiho ubushishozi batoranywa n'uwo bireba.

4° two (2) wise people chosen by the concerned person.

4° deux (2) personnes sages choisies par le concerné.

Mu gihe abantu bavugwa mu gace ka 1°, aka 2° n'aka 3° badashobora kuboneka, hatoranywa abantu babiri (2) mu nshuti z'umuryango bazwiho kuvugisha ukuri.

Where people mentioned under points 1°, 2° and 3° are not available, two (2) people are chosen among the friends of the family recognised for their honesty.

Lorsque les personnes mentionnées aux points 1°, 2° et 3° ne sont pas disponibles, deux (2) personnes sont choisies parmi les amis de la famille reconnues pour leur honnêteté.

**Ingingo ya 165: Uburyo inama y'Inama y'umuryango iterana**

**Article 165: Holding of the Family Council meeting**

**Article 165: Tenue de la réunion du Conseil de famille**

Inama y'umuryango iterana igihe cyose bibaye ngombwa kandi ibyemezo byayo bifatwa ku bwumvikane bigakorerwa inyangikomvugo igasinywa n'abahari mu bagize Inama y'umuryango. Iyo ubwumvikane budashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'abitabiriye inama.

The Family Council meets any time when deemed necessary and its decisions are made by consensus and recorded in minutes signed by members present. In case of no consensus, decisions are made by a majority vote of participants to the meeting.

Le Conseil de famille se réunit chaque fois que de besoin et ses décisions sont prises par consensus et consignées dans un procès-verbal signé par les membres présents. Au cas où aucun consensus n'est dégagé, les décisions sont prises à la majorité des participants à la réunion.

Umuntu wese utanyuzwe n'ibyemezo by'Inama y'umuryango atanga ikirego mu rwego rubifitiye ububasha.

Any person who is not satisfied by the decision of the Family Council refers the matter to the competent organ.

Toute personne qui n'est pas satisfaite des décisions du Conseil de famille saisit l'organe compétent.



**INTERURO YA II: ISHYINGIRWA**

**UMUTWE WA MBERE: IBISABWA BYEREKEYE ISHYINGIRWA**

**Icyiciro cya mbere: Ihame ku ishyingirwa**

**Ingingo ya 166: Ugushyingiranwa kwemewe**

Ugushyingiranwa k'umugabo umwe n'umugore umwe gukorewe mu butegetsi bwa Leta ku bushake bwabo niko konyine kwemewe n'itegeko. Uko gushyingirwa gukorerwa ku mugaragaro imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho umwe mu bashyingirwa atuye cyangwa aba.

Abanyarwanda baba mu mahanga bandikishiriza kandi bagashyingirirwa mu biro by'uhagarariye u Rwanda muri icyo gihugu.

**Ingingo ya 167: Imihango ishingiyeye ku muco ibanziriza ishyingirwa**

Ishyingirwa rikorewe imbere y'ubutegetsi rishobora kubanzirizwa n'imihango gakondo ndangagaciro y'umuryango nyarwanda irimo iyi ikurikira:

- 1° umuhango wo gusaba no gufata irembo uhuza imiryango y'abifuza gushyingiranwa ikemeranwa ko nta nzitizi yo gushyingiranya abana bayo;
- 2° umuhango wo gusaba umugeni no gukwa ugaragaza amasezerano y'ubwumvikane hagati

**TITLE II: MARRIAGE**

**CHAPTER ONE: CONDITIONS FOR MARRIAGE**

**Section One: Principle on marriage**

**Article 166: Legal marriage**

Civil monogamous marriage contracted upon mutual consent before the public administration is the only marriage recognised by law. Such a marriage is publicly officiated by the civil registrar of the domicile or residence of one of the intending spouses.

Rwandan nationals residing abroad register and contract their marriage with the civil registrar's office of the Rwandan embassy.

**Article 167: Traditional pre-marriage ceremonies**

Civil marriage may be preceded by traditional ceremonies consistent with the values of the Rwandan society and which include the following:

- 1° the preliminary engagement ceremony that brings together families of the fiancés for consenting that there is no impediment to the marriage of their children;
- 2° the ceremony of engagement and payment of bride price which demonstrates the agreement

**TITRE II: MARIAGE**

**CHAPITRE PREMIER: CONDITIONS DU MARIAGE**

**Section première: Principe sur le mariage**

**Article 166: Mariage légal**

Seul le mariage civil monogamique contracté par consentement mutuel devant l'administration de l'Etat est reconnu par la loi. Ce mariage est célébré publiquement par l'officier de l'état civil du domicile ou de la résidence actuelle de l'un des futurs époux.

Les ressortissants rwandais vivant à l'étranger font enregistrer et contractent leur mariage au bureau de l'état civil de l'ambassade du Rwanda.

**Article 167: Cérémonies traditionnelles précédant le mariage**

Le mariage civil peut être précédé par les cérémonies traditionnelles conformes aux valeurs de la société rwandaise, dont les cérémonies suivantes:

- 1° la cérémonie de fiançailles préliminaires qui réunit les familles des fiancés pour qu'elles affirment qu'il n'y a aucune entrave au mariage de leurs enfants;
- 2° la cérémonie de fiançailles et de remise de la dot qui manifeste l'accord entre les deux (2)

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

y'imiryango ibiri (2) yemeranya ko umuhungu n'umukobwa bayikomokaho bazashyingiranwa kandi ko iyo miryango yombi izakomeza gufasha no guhagararira ishyingirwa ryabo.	between two (2) families which agree that their son and daughter will get married and that both families will continue to support their marriage be witnesses thereof.	familles qui acceptent que leur garçon et fille se marieront et que ces deux familles continueront à soutenir leur mariage et à en être témoins.
Icyakora, iyo inkwano itabonetse ntibibuza amasezerano y'ubushyingiranwa kwemerwa.	However, the validity of marriage is not conditional on the payment of bride price.	Toutefois, la validité du mariage ne peut être conditionnée par la remise de la dot.
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ibisabwa by'ishingiro byerekeye ishyingirwa</b>	<b><u>Section 2:</u> Basic conditions for marriage</b>	<b><u>Section 2:</u> Conditions de fond du mariage</b>
<b><u>Ingingo ya 168:</u> Imyaka yo gushyingirwa</b>	<b><u>Article 168:</u> Marriageable age</b>	<b><u>Article 168:</u> Age du mariage</b>
Imyaka yo gushyingirwa ni makumyabiri n'umwe (21) nibura.	The minimum legal age for marriage is twenty-one (21) years.	L'âge minimum légal pour le mariage est de vingt et un (21) ans.
<b><u>Ingingo 169:</u> Kutagira isano hagati y'abashyingirwa</b>	<b><u>Article 169:</u> Prohibited relationship between spouses</b>	<b><u>Article 169:</u> Lien prohibé entre les époux</b>
Abafitanye isano y'ubuvandimwe itaziguye ntibashobora gushyingiranwa. Naho abafitanye isano y'ubuvandimwe iziguye ntibashobora gushyingiranwa kugeza ku gisanira cya karindwi.	Marriage between persons in direct lineal kinship is prohibited. In addition, marriage between persons in collateral kinship up to the seventh degree is prohibited.	Le mariage entre les personnes avec un lien de parenté en ligne directe est prohibé. Il est également interdit le mariage entre les personnes avec un lien de parenté en ligne collatérale jusqu'au septième degré.
Birabujijwe ko umuntu ashyingiranwa na sebwewe cyangwa nyirabukwe.	Marriage between a person and his/her parents-in-law is prohibited.	Le mariage entre une personne et ses beaux-parents est interdit.
Ku byerekeye ukubera umubyeyi umwana utabyaye, birabujijwe ko:	In case of adoption, marriage is prohibited between:	En cas d'adoption, le mariage est prohibé entre:
1° uwemeye kubera umubyeyi umwana atabyaye yashyingiranwa nawe;	1° the adoptive parent and the adopted child;	1° l'adoptant et l'adopté;
2° uwemeye kubera umubyeyi umwana atabyaye	2° the adoptive parent and the descendants of the	2° l'adoptant et les descendants de l'adopté;

Official Gazette n°37 of 12/09/2016

yashyingiranwa n'abakomoka kuri uwo mwana;	adopted child;	
3° uwagizwe umwana n'utaramubayaye yashyingiranwa n'uwashyingiranywe n'uwamugize umwana;	3° the adopted child and the spouse of the adoptive parent;	3° l'adopté et l'époux de l'adoptant;
4° uwemeye kubera umubyeyi umwana atabyaye yashyingiranwa n'uwashyingiranywe n'uwo mwana ;	4° the adoptive parent and the spouse of the adopted person;	4° l'adoptant et l'époux de l'adopté;
5° abagizwe abana n'umuntu umwe utarababyaye bashyingiranwa;	5° the adopted persons from a same adoptive parent;	5° les enfants adoptifs d'un même adoptant ;
6° uwagizwe umwana yashyingiranwa n'abana b'uwemeye kumubera umubyeyi.	6° the adopted person and the children of the adoptive parent.	6° l'adopté et les enfants de l'adoptant.
Imiziro ivugwa mu gace ka 5° n'aka 6° ishobora kutitabwaho umwanditsi w'irangamimerere abitangiye uruhushya kubera impamvu zikomeye.	Prohibitions provided under points 5 ° and 6° may be lifted for serious reasons upon authorization by the civil registrar.	Les prohibitions visées aux points 5° et 6° peuvent être levées pour des motifs graves sur autorisation de l'officier de l'état civil.
<b><u>Ingingo ya 170: Kutagira andi masezerano yo gushyingirwa</u></b>	<b><u>Article 170: Prohibition of a new marriage contract</u></b>	<b><u>Article 170: Interdiction d'un nouveau contrat de mariage</u></b>
Ntawe ushobora kongera gushyingirwa ugushyingirwa kwa mbere kukiriho.	No person is allowed to contract a new marriage if the earlier marriage is still valid.	Nul ne peut contracter un nouveau mariage tant que le premier est valide.
<b><u>Icyiciro cya 3: Ibisabwa byerekeye imigendekere y'ishyingirwa</u></b>	<b><u>Section 3: Formal conditions for marriage</u></b>	<b><u>Section 3: Conditions de forme de mariage</u></b>
<b><u>Ingingo ya 171: Ibisabwa abagomba gushyingirwa</u></b>	<b><u>Article 171: Requirements for the intending spouses</u></b>	<b><u>Article 171: Conditions requises aux futurs époux</u></b>
Mbere yo gushyingirwa, umwanditsi w'irangamimerere agomba kureba niba	Prior to officiating at marriage, the civil registrar ensures that spouses have chosen their matrimonial	Avant la célébration du mariage, l'officier de l'état civil s'assure du choix du régime matrimonial des

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

abashyingiranwa barahisemo amasezerano y'icungamutungo. Agomba gushyikirizwa ibi bikurikira:

- 1° icyemezo cy'amavuko cya buri wese mu bazashyingiranwa;
- 2° icyemezo cy'uko buri wese mu bazashyingiranwa ari ingaragu cyangwa ingingo z'ingenzi z'inyandiko yerekeye urupfu rw'uwo baheruka gushyingiranwa, cyangwa ingingo z'ingenzi z'urubanza rw'ubutane n'uwo baherutse gushyingiranwa cyangwa rusesa amasezerano y'ubushyingiranwe nawe;
- 3° icyemezo gitanga uburenganzira bwo gushyingiranwa itangazwa ritabaye kubera impamvu zifite ishingiro.

Ibyemezo byatanzwe bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bigomba kugaragara mu nyandiko y'ishyingirwa.

**Ingingo ya 172: Ibigomba kwitabwaho mbere yo gushyingira**

Mbere y'imihango y'ishyingira, umwanditsi w'irangamimerere agomba kwita kuri ibi bikurikira:

- 1° gusuzuma ko ibyangombwa byose bijyanye n'ishyingira byujijwe;
- 2° gusobanurira abashaka gushyingiranwa

regime. He/she must require the following:

- 1° birth certificate of each of the intending spouses;
- 2° certificate of celibacy or extract of death certificate of the former spouse or extract of judicial decision of divorce or annulment of the former marriage;
- 3° an authorisation of marriage without publication for justified reasons.

The marriage certificate must mention all these documents referred to under Paragraph One of this Article.

**Article 172: Essential considerations prior to marriage celebration**

Prior to officiating at marriage, the civil registrar must ensure the following:

- 1° to verify if all formalities required for marriage are fulfilled;
- 2° to inform the intending spouses of

époux. Il doit requérir les pièces suivantes:

- 1° attestation de naissance de chacun des futurs époux;
- 2° une attestation de célibat ou un extrait de l'acte de décès de l'époux précédent ou un extrait de la décision judiciaire de divorce ou d'annulation du mariage précédent;
- 3° l'acte accordant la dispense de publication pour des motifs justifiés.

L'acte de mariage doit mentionner des pièces visées à l'alinéa premier du présent article.

**Article 172: Considérations nécessaires avant la célébration du mariage**

Avant de procéder à la célébration du mariage, l'officier de l'état civil doit s'assurer de ce qui suit:

- 1° vérifier que toutes les conditions relatives au mariage sont remplies;
- 2° informer les futurs époux au moins sept (7)

*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

ibijyanye n'uburyo bw'imicungire  
y'umutungo nibura iminsi irindwi (7)  
mbere y'umuhango nyir'izina w'ishyingira

matrimonial regime at least seven (7) days  
prior to officiating at marriage per se.

jours avant du régime matrimonial avant la  
célébration elle-même du mariage.

**Ingingo ya 173: Igenwa ry'umunsi n'isaha  
ishyingira riberaho**

Abazashyingirwa bumvikana n'umwanditsi  
w'irangamimerere ku munsi n'isaha  
azabashyingiriraho.

**Ingingo ya 174: Gutangaza abazashyingirwa**

Umwanditsi w'irangamimerere ashira itangazo ku  
biro by'irangamimerere by'aho abazashyingiranwa  
baba, iby'aho batuye n'iby'aho bazashyingirirwa  
nibura mu minsi makumyabiri (20) mbere  
y'ishyingira.

Kubera impamvu zikomeye kandi zidasanzwe,  
umwanditsi w'irangamimerere ashobora gutanga  
uburenganzira bwo gutangaza ishyingiranwa mu  
minsi mike ku yateganyijwe cyangwa bwo  
gushyingirwa itangazwa ritabayeho. Impamvu  
yashyingiyeho zigomba kugaragara mu itangazo no  
mu mpande y'inyandiko y'ishyingirwa.

Iyo ishyingira ritabaye mu mezi ane (4) nyuma  
y'irangira ry'igihe cyateganywaga n'itangazo,  
ntiriba rikibaye batongeye kuritangaza mu buryo  
buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Article 173: Fixing the date and time for  
officiating at marriage**

The intending spouses agree with the civil registrar  
on the date and time he/she will officiate at their  
marriage.

**Article 174: Publication of marriage**

The civil registrar publishes the marriage by  
posting a notice at the civil registrar's office of the  
residence or domicile of the intending spouses and  
that of the intended location for the celebration of  
marriage at least twenty (20) days prior to the  
marriage.

The civil registrar may, in case of critical and  
exceptional circumstances, authorize the shortening  
of the period for marriage notification or authorize  
the celebration of marriage without notice. Such  
circumstances must be indicated in the notice and  
registered in the margin of the marriage certificate.

If within four (4) months after the expiry of the  
period provided in the notice the marriage does not  
take place, it may not be celebrated without re-  
publishing it as provided for under Paragraph One  
of this Article.

**Article 173: Fixation de la date et de l'heure de  
célébration du mariage**

Les futurs époux s'accordent avec l'officier de l'état  
civil sur la date et l'heure auxquelles il célébrera  
leur mariage.

**Article 174: Publication du mariage**

L'officier de l'état civil procède à la publication du  
mariage par affichage d'une notification au bureau  
de l'état civil du domicile des futurs époux et du lieu  
de célébration du mariage ainsi que celui du lieu  
prévu pour la célébration du mariage au moins vingt  
(20) jours avant le mariage.

L'officier de l'état civil peut, pour des circonstances  
graves et exceptionnelles, autoriser l'abrégement du  
délai de publication du mariage ou la célébration du  
mariage sans la publication. Ces circonstances  
doivent apparaître dans la notification et figurer en  
marge de l'acte de mariage.

Si le mariage n'est pas célébré dans les quatre (4)  
mois à compter de l'expiration du délai de  
notification, il ne peut être célébré qu'après une  
nouvelle publication faite dans les formes prévues à  
l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 175: Ibikubiye mu itangazo ry'ishyingira**

Itangazo ry'abashyingiranwa rigomba kuba rikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° amazina y'abazashyingiranwa;
- 2° umurimo bakora;
- 3° aho batuye n'aho baba;
- 4° imyaka yabo;
- 5° amazina y'ababyeyi n'aho batuye cyangwa baba.

Iryo tangazo rigomba kugaragaza umunsi, ahantu n'isaha imihango y'ishyingira izabera n'ibiro by'irangamimerere izaberamo.

**Ingingo ya 176: Kwanga gushyingira**

Mbere y'ishyingira, iyo umwanditsi w'irangamimerere abonye ikimwemeza ko hari inkomyi iteganywa n'itegeko, agomba kwanga gushyingira. icyo gihe abikorera inyandiko kandi agaherako abimenyesha abagomba gushyingirwa.

Iyo umwanditsi w'irangamimerere agaragaje impamvu yatumye yanga gushyingira, umwe mu bagomba gushyingirwa ashobora gusaba kurenganurwa n'urwego rumukuriye. Iyo atishimiye icyemezo cyafashwe, ikibazo agishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha

**Article 175: Content of the marriage notice**

The marriage notice must indicate the following:

- 1° names of the intending spouses;
- 2° their occupations;
- 3° their domicile and residence;
- 4° their age;
- 5° their fathers' and mothers' names as well as their domicile and residence.

The notice must also indicate the date, place and time as well as the intended civil registrar's office for the celebration of the marriage.

**Article 176: Refusal to officiate at marriage**

If, prior to officiating at marriage, the civil registrar finds a legal evidence to bar that marriage, he/she must refuse to officiate at the marriage. In this case, he/she issues a note thereof and immediately informs the intending spouses

If the civil registrar indicates the reasons for refusing to officiate at the marriage, any of the intending spouses is entitled to lodge a complaint before a senior hierarchical authority. If he/she is not satisfied with the decision taken, the matter is referred to the competent court which settles it by

**Article 175: Contenu de la notification du mariage**

La notification du mariage doit énoncer ce qui suit:

- 1° les noms des futurs époux;
- 2° leurs professions;
- 3° leur domicile et résidence;
- 4° leur âge;
- 5° les noms, le domicile et la résidence de leurs pères et mères.

Cette publication énonce également le jour, le lieu et l'heure ainsi que le bureau de l'état civil où le mariage sera célébré.

**Article 176: Refus de célébrer le mariage**

Si avant la célébration du mariage, l'officier de l'état civil a la preuve qu'il existe un empêchement prévu par la loi, il doit refuser de célébrer le mariage. Dans ce cas, il en dresse acte et en informe aussitôt les futurs époux.

Lorsque l'officier de l'état civil indique le motif pour refuser de célébrer le mariage, l'un des futurs époux peut, pour être rétabli dans ses droits, faire recours devant l'autorité hiérarchiquement supérieure et, s'il n'est pas satisfait, devant la juridiction compétente qui doit statuer par voie de

rukagikemura ku buryo bw'ibirego byihutirwa.

summary proceedings.

référé.

Umwanditsi w'irangamimerere ntashobora kongera kwanga gushyingira, iyo urukiko rwemeje ko impamvu yatanze abyanga idafite ishingiro.

The civil registrar may not refuse to celebrate the marriage if his/her reasons are found unjustified by the court.

L'officier de l'état civil ne peut renouveler son refus de célébrer le mariage pour le motif déclaré injustifié par la juridiction.

**Icyiciro cya 4: Imihango y'ishyingira n'ibimenyetso by'ishyingira**

**Section 4: Procedure and evidence of marriage**

**Section 4: Procédure et preuve du mariage**

**Ingingo ya 177: Imihango nyir'izina y'ishyingira**

**Article 177: Procedure for marriage celebration**

**Article 177: Procédure de célébration du mariage**

Abashyingirwa baherekejwe n'umuntu uhagarariye buri muryango n'abatangabuhama babiri (2) bagejeje ku myaka y'ubukure kandi batambuwe uburenganzira mbonezamubano n'inkiko, baza ubwabo imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.

The intending spouses accompanied by a representative from each family and by two (2) adult witnesses and enjoying all civil rights appear all together before the civil registrar.

Les futurs époux, accompagnés d'un représentant pour chaque famille, de deux (2) témoins majeurs et jouissant de tous les droits civils, comparaissent ensemble et en personne devant l'officier de l'état civil.

Umwanditsi w'irangamimerere abasomera inyandiko zerekeye irangamimerere yabo akanabigisha uburenganzira n'imirimo nshinganwa y'abashyingiranwa. Abashyingiranwa bemera buri wese ko umwe abereye undi umugabo undi akamubera umugore mu ndahiro ikurikira:

The civil registrar reads for them all documents related to their civil status and their rights and duties as married spouses. The intending spouses declare to be each other husband and wife as per the following oath:

L'officier de l'état civil leur fait la lecture des pièces relatives à leur état civil et les instruit des droits et devoirs respectifs des époux. Il reçoit de chacun des futurs époux la déclaration qu'ils veulent se prendre pour mari et femme en prêtant serment en ces termes :

“Jyewe ..... maze kumva icyo amategeko ategeka abashyingiranwe, nemeye nta gahato ko wowe ..... umbera umugore/umugabo tukazabana uko twabyiyemeje kandi dukurikije uko amategeko ya Repubulika y'u Rwanda abiteganyana”.

“I....., having heard what the law requires the spouses, agree without any coercion that you ..... be my wife/husband and we live together as per our agreement and in accordance with the law of the Republic of Rwanda”.

“Moi..... après lecture faite à moi des devoirs imposés par la loi à chacun des époux, j'accepte sans contrainte de te prendre, toi ..... pour époux/épouse et vivre avec toi selon l'engagement que nous avons pris et selon la loi de la République du Rwanda”.

Nyuma y'indahiro y'abashyingiranywe umwanditsi w'irangamimerere ababwira ko bashyingiwe hakurikijwe amategeko muri aya magambo:

After the oath of spouses, the civil registrar declares that they are legally married in the following terms:

Après le serment des époux, l'officier de l'état civil leur déclare qu'ils sont légalement mariés en ces termes:

“Jyewe ..... umwanditsi w’irangamimerere wa ..... maze kumva amasezerano ya ..... na ... bagiranye imbere yanjye mu ruhame rwa benshi, nshingiye kandi ku bubasha mpabwa n’amategeko, nemeje ko kuva ubu .... na ..... bashyingiranywe nk’uko amategeko abiteganywa”.

Indahiro y’abashyingiranywe n’iy’umwanditsi w’irangamimerere zikorwa urahira azamuye ukuboko kw’iburyo akurambuye afashe ku ibendera ry’Igihugu n’ukuboko kw’ibumoso. Iyo bidashoboka kubera ubumuga, usabwa kurahira araryambikwa.

Inyandiko y’ishyingirwa ishyirwaho umukono n’umwanditsi w’irangamimerere, abashyingiranwa, abahagarariye imiryango n’abatangabuhamya babiri (2).

### **Ingingo ya 178: Ikimenyetso cy’ishyingirwa**

Ishyingirwa rihamywa n’inyandiko y’ishyingirwa keretse igihe itegeko riteganywa ubundi bwoko bw’ikimenyetso.

Iyo inyandiko y’ishyingirwa idashoboye kuboneka ku mpamvu iyo ariyo yose, ishobora gusimburwa n’urubanza ruciwe, bisabwe n’umuntu wese ubifitemo inyungu, mu rukiko rubifitiye ububasha rw’aho atuye. Urukiko rushobora gukora iperereza igihe rubona ko ari ngombwa.

”I..... the civil registrar of ..... having heard the vows made between ..... and .....as agreed in my presence and in public, pursuant to powers conferred to me by the law, hereby declare that from today .... and ..... are married in accordance with the law”.

The oath of the spouses and the oath of the civil registrar are taken when they are raising the right arm while the left arm holds the national flag. Failure to take oath due to disability, they are caused to wear it.

The marriage certificate is signed by the civil registrar, the spouses, representatives for each family and two (2) witnesses.

### **Article 178: Evidence of marriage**

Marriage is certified by a marriage certificate unless the law provides for any other type of evidence.

If the marriage certificate is not obtained for any reason, it may be replaced by a rendered judgment upon request by any interested person in a competent court where the claimant resides. The court may conduct investigation if deemed necessary.

“Moi,....., officier de l’état civil de..... après avoir entendu les vœux exprimés en ma présence et devant le public entre..... et..... en vertu des pouvoirs qui me sont conférés par la loi, je déclare ..... et ..... maintenant unis par les liens du mariage conformément à la loi”.

Le serment des époux et celui de l’officier de l’état civil se font la main droite levée, la main gauche tenant concomitamment le drapeau national. A défaut de prêter serment suite à un handicap, on le leur fait porter.

L’acte de mariage est signé par l’officier de l’état civil, les époux, le représentant de chaque famille et deux (2) témoins.

### **Article 178: Preuve du mariage**

Le mariage se prouve par l’acte de mariage, sauf le cas où la loi autorise un autre mode de preuve.

Le défaut d’acte de mariage pour quelque raison que ce soit peut être suppléé par un jugement rendu sur requête présentée par toute personne intéressée à la juridiction compétente du lieu de domicile du requérant. Le tribunal peut mener des enquêtes s’il le juge nécessaire.



**UMUTWE WA II: ISHYINGIRWA RY'ABANYAMAHANGA RIKOREWE MU RWANDA**

**Ingingo ya 179: Ishyingirwa hagati y'abanyamahanga ribereye mu Rwanda**

Ishyingirwa ry'abanyamahanga ribereye mu Rwanda rigengwa n'ibi bikurikira:

- 1° ku byerekeye imihango y'ishyingirwa, hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda;
- 2° ku byerekeye ibisabwa by'ishingiro, hakurikizwa itegeko ry'igihugu cya buri wese mu bashyingiranwa iyo bitabangamiye umudendezo rusange n'imyifatire mbonezabupfura y'Abanyarwanda;
- 3° ku bireba uburenganzira bwa buri muntu bukomoka ku ishyingirwa n'ubw'abana, iyo nta masezerano bagiranye ubwabo, hakurikizwa itegeko ry'aho baba;
- 4° ku byerekeye inkurikizi ku mutungo wabo, iyo abashyingiranywe nta masezerano y'icungamutungo bagiranye, hakurikizwa itegeko ry'aho uwo mutungo uri.

**Ingingo ya 180: Ishyingirwa hagati y'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu Rwanda**

Ishyingirwa hagati y'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu Rwanda rigengwa

**CHAPTER II: MARRIAGE OF FOREIGNERS CELEBRATED IN RWANDA**

**Article 179: Marriage between foreigners celebrated in Rwanda**

The marriage between foreigners celebrated in Rwanda is governed:

- 1° with regard to marriage celebration, by the Rwandan law;
- 2° with regard to substantive requirements, by the national law of each of the spouses if it does not contravene public order and good morals of Rwandans;
- 3° with regard to the matrimonial right of each person and the right of children, when there is no common agreement, by the law of the country where they reside;
- 4° with regard to effects on marital property, when there is no marital property agreement, by the law of the country where the property is located.

**Article 180: Marriage between a foreigner and a Rwandan celebrated in Rwanda**

The marriage between a foreigner and a Rwandan celebrated in Rwanda is governed:

**CHAPITRE II: MARIAGE DES ETRANGERS CELEBRE AU RWANDA**

**Article 179: Mariage entre étrangers célébré au Rwanda**

Le mariage entre étrangers célébré au Rwanda est régi:

- 1° quant à la célébration du mariage, par la loi rwandaise;
- 2° quant aux conditions de fond, par la loi nationale de chaque époux, si elle ne porte pas atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs des Rwandais;
- 3° quant au droit matrimonial de chaque personne et au droit des enfants, en l'absence de convention commune, par la loi du pays où ils résident;
- 4° quant aux effets sur le patrimoine des époux, en l'absence de convention matrimoniale, par la loi du pays où se situe ce patrimoine.

**Article 180: Mariage entre un étranger et un ressortissant rwandais célébré au Rwanda**

Le mariage entre un étranger et un ressortissant rwandais célébré au Rwanda est régi:

n'ibi bikurikira:

- |                                                                                                                                                                                                                                    |                                                                                                                                                                                                                      |                                                                                                                                                                                                                  |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1° itegeko ry'u Rwanda ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa;                                                                                                                                                                   | 1° by the Rwandan law with regard to the marriage celebration;                                                                                                                                                       | 1° par la loi rwandaise quant à la célébration du mariage;                                                                                                                                                       |
| 2° ku byerekeye ibisabwa by'ishingiro, hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda ku bireba umunyarwanda n'iry'igihugu uwo munyamahanga abereye umwenegihugu iyo bitabangamiye umudendezo rusange n'imyifatire mbonezabupfura y'abanyarwanda. | 2° with regard to substantive requirements, by the Rwandan law for a Rwandan and by the law of the country of which the foreigner is a national, if it does not contravene public order and good morals of Rwandans. | 2° quant aux conditions de fond, par la loi rwandaise pour le Rwandais et par la loi du pays dont l'étranger est ressortissant, si elle ne porte pas atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs des Rwandais. |

**UMUTWE WA III: GUTAMBAMIRA ISHYINGIRWA**

**CHAPTER III: OPPOSITION TO THE CELEBRATION OF MARRIAGE**

**CHAPITRE III: OPPOSITION A LA CELEBRATION DU MARIAGE**

**Ingingo ya 181: Ufite uburenganzira bwo gutambamira ishyingira**

**Article 181: Person having the right to oppose the celebration of marriage**

**Article 181: Personne ayant le droit de former opposition à la célébration du mariage**

Uburenganzira bwo gutambamira ishyingira bufitwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu.

The right to oppose the celebration of marriage is endowed to any interested person.

Le droit de former opposition à la célébration du mariage appartient à toute personne intéressée.

**Ingingo ya 182: Uburyo bwo gutambamira ishyingira**

**Article 182: Procedure to oppose the celebration of marriage**

**Article 182: Procédure d'opposition à la célébration du mariage**

Gutambamira ishyingira bikorwa mu magambo cyangwa mu nyandiko kugeza igihe cyose ishyingira ritaraba imbere y'umwanditsi w'irangamimerere. Iryo tambamira rigomba kwerekana impamvu.

Opposition to the celebration of marriage is made either orally or in writing before the civil registrar as long as the marriage has not yet been celebrated. The opposition must be motivated.

L'opposition à la célébration du mariage est faite verbalement ou par écrit devant l'officier de l'état civil tant que la célébration du mariage n'a pas encore eu lieu. Cette opposition doit être motivée.

**Ingingo ya 183: Impamvu zo gutambamira ishyingira**

**Article 183: Grounds for opposition to the celebration of marriage**

**Article 183: Motifs de l'opposition à la célébration du mariage**

Gutambamira ishyingira bishobora gushingira nibura kuri imwe (1) mu mpamvu zikurikira:

Opposition to the celebration of marriage may be motivated by at least one (1) of the following

L'opposition à la célébration du mariage peut être motivée par au moins l'un des motifs suivants:

grounds:

- |                                                                                               |                                                        |                                                                      |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------|
| 1° ukubura kwa kimwe mu bisabwa byerekeye imigendekere y'ishyingirwa cyangwa ishingiro ryayo; | 1° lack of one of the conditions of form or substance; | 1° le manque de l'une ou l'autre des conditions de forme ou de fond; |
| 2° kuba hari umwe mu miziro y'ishyingirwa.                                                    | 2° existence of any of the prohibitions to marriage.   | 2° l'existence de l'une ou l'autre des prohibitions au mariage.      |

**Ingingo ya 184: Inkurikizi zo gutambamira ishyingira**

Iyo hari impamvu zo gutambamira ishyingira zagarajwe mu ngingo ya 183, ishyingirwa rirahagarara.

**Article 184: Effects of opposition to marriage**

Celebration of marriage is suspended due to grounds for opposition referred to in Article 183.

**Article 184: Effets de l'opposition au mariage**

La célébration du mariage est suspendue suite aux motifs d'opposition visés à l'article 183.

**Ingingo ya 185: Ivanwaho ry'inkurikizi zo gutambamira ishyingira**

Inkurikizi zo gutambamira ishyingira zivanwaho iyo:

- |                                                                                    |                                                                                                           |                                                                                   |
|------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------|
| 1° urubanza ruvanaho itambamira ruciwe n'urukiko rw'aho ishyingira rigomba kubera; | 1° by the court judgment rejecting the opposition rendered by the court of place of marriage celebration; | 1° la mainlevée ordonnée par la juridiction du lieu de la célébration du mariage; |
| 2° bigaragaye ko ibyangombwa kugira ngo ishyingira ribe byaburaga bibonetse;       | 2° by fulfilment of the requirements that were defective;                                                 | 2° la réalisation de la condition dont le défaut est allégué;                     |
| 3° impamvu yateye itambamira itakiriho.                                            | 3° where grounds for opposition no longer exist.                                                          | 3° la disparition de l'empêchement allégué.                                       |

**Ingingo ya 186: Inkurikizi z'urubanza rutambamira ishyingira**

Urukiko ruregwe hasabwa ko itambamira rivaho ruherako ruca urubanza mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

Iyo urukiko rwemeje ko gutambamira ishyingira bifite ishingiro, ishyingira rikomeza guhagarara kugeza igihe bigaragariye ko ibyangombwa byari bibuze kugira ngo ishyingira ribe bibonetse cyangwa se ko impamvu zabuzaga iryo shyingira zitakiriho.

Urukiko rwemeje ko gutambamira ishyingira bidafite ishingiro, rushobora guca indishyi z'akababaro uwari waritambamiye.

**Ingingo ya 187: Kumenyeshya urubanza rwerekeye itambamira**

Urubanza rwose, ari urwemeza ko gutambamira ishyingirwa bifite ishingiro, ari urubivanaho, rumenyeshwa buri muntu mu bifuzaga gushyingirwa kimwe n'umwanditsi w'irangamimerere wagombaga kubashyingira.

**Ingingo ya 188: Usaba ko itambamira rivaho**

Gusaba ko itambamira rivaho bikorwa n'umwe mu bashakaga gushyingirwa.

**Article 186: Effects of the judgment on opposition to marriage**

The court to which the matter of the waiver of opposition to marriage is referred settles it by summary proceedings.

If the court confirms the opposition, the marriage celebration continues to be suspended until the necessary requirements for marriage celebration are met or if the obstacles are eliminated.

A court declaring opposition non justifiable may condemn the bad faith opposition claimant to pay damages.

**Article 187: Notification of the marriage opposition judgment**

Any judgment confirming the opposition or the waiver is notified to the intending spouses and the civil registrar before whom the marriage would be celebrated.

**Article 188: Applicant for the waiver of opposition**

The request or claim for the waiver of opposition is lodged by any of the intending spouses

**Article 186: Effets du jugement d'opposition au mariage**

La juridiction saisie de l'action en mainlevée de l'opposition statue par voie de référé.

Si la juridiction confirme l'opposition, la célébration du mariage reste suspendue jusqu'à la réalisation des conditions nécessaires ou à la disparition de l'empêchement.

La juridiction qui déclare l'opposition non fondée peut condamner l'opposant de mauvaise foi aux dommages et intérêts.

**Article 187: Signification du jugement d'opposition au mariage**

Le jugement qui confirme l'opposition ou la mainlevée est signifié à chacun des futurs époux et à l'officier de l'état civil devant qui le mariage devait être célébré.

**Article 188: Demandeur de l'action en mainlevée de l'opposition au mariage**

L'action en mainlevée de l'opposition est mise en mouvement à la diligence de l'un des futurs époux.

**UMUTWE WA IV: ISHYINGIRWA RY'ABANYARWANDA RIKOREWE MU MAHANGA**

**Ingingo ya 189: Ishyingirwa hagati y'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu mahanga**

Ishyingirwa ry'umunyamahanga n'umunyarwanda ribereye mu mahanga rigengwa n'ibi bikurikira:

1° itegeko ry'igihugu isezerano ryo gushyingirwa ryabereyemo ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa;

2° ku byerekeye ibisabwa by'ishingiro ku Munyarwanda, hakurikizwa itegeko ry'u Rwanda.

**Ingingo ya 190: Ishyingirwa hagati y'abanyarwanda ribereye mu mahanga**

Iyo ishyingirwa hagati y'abanyarwanda ribereye mu mahanga, iyo bikorewe muri ambasade cyangwa konsula y'u Rwanda rigengwa n'itegeko ry'u Rwanda ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa n'ibisabwa by'ishingiro.

Iyo ishyingirwa ribereye mu gihugu kitarimo uhagarariye u Rwanda mu mahanga, hakurikizwa itegeko ry'igihugu isezerano ryabereyemo ku byerekeranye n'imihango y'ishyingirwa, n'itegeko ry'u Rwanda ku byerekeranye n'ibisabwa by'ishingiro.

**CHAPTER IV: MARRIAGE OF RWANDANS CELEBRATED IN A FOREIGN COUNTRY**

**Article 189: Marriage between a Rwandan and a foreigner celebrated in a foreign country**

The marriage between a Rwandan and a foreigner celebrated in a foreign country is governed:

1° by the law of the country where the marriage is celebrated with regard to the form;

2° with regard to substantive requirements for a Rwandan, by the Rwandan law.

**Article 190: Marriage between Rwandans celebrated in a foreign country**

Where the marriage between Rwandans is celebrated in a foreign country in a Rwandan embassy or consulate, it is governed by the Rwandan law with regard to the form and substantive requirements.

Where the marriage is celebrated in a foreign country where there is no Rwandan representative, it is governed by the law of the country where marriage is celebrated with regard to the form and by the Rwandan law with regard to substantive requirements.

**CHAPITRE IV: MARIAGE DES RESSORTISSANTS RWANDAIS CELEBRE A L'ETRANGER**

**Article 189: Mariage entre un ressortissant rwandais et un étranger célébré à l'étranger**

Le mariage entre un ressortissant rwandais et un étranger célébré à l'étranger est régi:

1° par la loi du pays de la célébration du mariage quant à la forme;

2° quant aux conditions de fond pour un ressortissant rwandais, par la loi rwandaise.

**Article 190: Mariage entre les Rwandais célébré à l'étranger**

Lorsque le mariage entre les Rwandais est célébré à l'étranger dans une ambassade ou consulat rwandais, il est régi par la loi rwandaise quant à la forme et aux conditions de fond.

Lorsque le mariage est célébré à l'étranger dans un pays où le Rwanda n'a pas de représentation, il est régi, quant à la forme, par la loi du pays où le mariage est célébré et quant aux conditions de fond, par la loi rwandaise.

**Ingingo ya 191: Kwemerwa kw'ishyingirwa ry'Abanyarwanda ryakorewe mu mahanga**

Ishyingirwa ry'umugabo umwe (1) n'umugore umwe (1) rikorewe mu mahanga mu buryo bwubahirije amategeko yaho, ryemerwa mu Rwanda.

Ishyingirwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rigomba kwandikwa mu gitabo cy'inyandiko z'ishyingirwa n'umwanditsi w'irangamimerere w'u Rwanda.

Iyo ishyingirwa ry'Abanyarwanda ryakorewe mu mahanga rinyuranyije n'umudendezo wa rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, riteshwa agaciro hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA V: GUTA AGACIRO KW'ISHYINGIRWA**

**Ingingo ya 192: Gutesha agaciro ishyingirwa**

Guta agaciro k'ishyingirwa gutegekwa n'urubanza. Uko gutesha agaciro bishobora kuba mu buryo budasubirwaho cyangwa mu buryo bushobora gusubirwaho.

**Article 191: Recognition of the marriage of Rwandans celebrated abroad**

Monogamous marriage legally celebrated abroad is recognised in Rwanda.

The marriage referred to under Paragraph One of this Article must be registered by the Rwandan civil registrar in the register of marriage records.

If the marriage of Rwandans celebrated abroad contravenes public order and good morals, it is nullified in accordance with provisions of this Law.

**CHAPTER V: NULLITY OF MARRIAGE**

**Article 192: Declaration of nullity of marriage**

Nullity of marriage can only be ordered by judgment. Nullity may be absolute or relative.

**Article 191: Reconnaissance du mariage des Rwandais célébré à l'étranger**

Le mariage monogamique légalement célébré à l'étranger est reconnu au Rwanda.

Le mariage stipulé à l'alinéa premier du présent article doit être enregistré sur le registre des actes de mariage par l'officier de l'état civil du Rwanda.

Si le mariage des Rwandais célébré à l'étranger porte atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs, il est annulé conformément aux dispositions de la présente loi.

**CHAPITRE V: NULLITE DE MARIAGE**

**Article 192: Constatation de la nullité du mariage**

La nullité de mariage ne peut être constatée que par un jugement. Cette nullité peut être absolue ou relative.

**Icyiciro cya mbere: Guta agaciro kw'ishyingirwa mu buryo budasubirwaho**

**Ingingo ya 193: Impamvu zituma gushyingirwa bita agaciro mu buryo budasubirwaho**

Impamvu zituma habaho guta agaciro mu buryo budasubirwaho ziteganywa gusa n'iri tegeko kandi urukiko rusanze zifite ishingiro rugomba gutesha agaciro ishyingirwa.

Izo mpamvu ni izi zikurikira:

- 1° ishyingirwa ribaye umwe mu bashyingiranywe atarageza ku myaka makumyabiri n'umwe (21);
- 2° ishyingirwa ry'abafitanye isano ishingiyeye ku buvandimwe cyangwa ishingiyeye ku ishyingirana ku rwego rubujijwe;
- 3° gushyingirana bwa kabiri, ishyingirwa rya mbere ritaraseswa;
- 4° igihe ishyingirwa ryakozwe umwe mu bashyingiranywe atabyemera.

Gutesha agaciro ishyingirwa kubera impamvu ivugwa mu gace ka 4° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibishobora kuregerwa iyo abashyingiranywe babanye amezi cumi n'abiri (12) akurikirana.

**Section One: Absolute nullity of marriage**

**Article 193: Causes of absolute nullity of marriage**

Causes of absolute nullity are only provided for by this Law and if they are justifiable, the court orders the nullity of marriage.

The causes are as follows:

- 1° marriage entered into when either spouse is under the age of twenty-one (21);
- 2° marriage between relatives by kinship or allies to the prohibited degree;
- 3° bigamy;
- 4° marriage entered into without consent of any of the spouses.

Proceedings of nullity of marriage for the cause referred to under point 4° of Paragraph One of this Article is not initiated in case there has been a continuous cohabitation for at least twelve (12) consecutive months.

**Section première: Nullité absolue du mariage**

**Article 193: Causes de nullité absolue du mariage**

Les causes de nullité absolue ne sont que celles prévues par la présente loi et lorsqu'elles sont fondées, la juridiction statue sur la nullité du mariage.

Ces causes sont les suivantes:

- 1° le mariage contracté avant que l'un des époux n'ait pas encore l'âge de vingt et un (21) ans;
- 2° le mariage entre personnes ayant un lieu de parente ou alliés au degré prohibé;
- 3° la bigamie;
- 4° le mariage contracté en l'absence de consentement de l'un des époux.

L'action en nullité du mariage pour la cause visée au point 4° de l'alinéa premier du présent article ne peut plus être intentée lorsqu'il y a eu cohabitation continue pendant douze (12) mois.

**Ingingo ya 194: Ufite ububasha bwo gutanga ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa mu buryo budasubirwaho**

Ikirego kigamije gutesha agaciro ishyingirwa mu buryo budasubirwaho gitangwa n'umwe mu bashyiranywe cyangwa undi muntu wese ubifitemo inyungu.

**Ingingo ya 195: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa ku buryo budasubirwaho**

Ishyirwa riteshejwe agaciro ku buryo budasubirwaho rifatwa nk'aho ritigeze ribaho uherye ku muni isezerano ryo gushyirwa ryakoreweho.

Icyakora, ishyirwa ritaye agaciro rigenera abana uburenganzira burikomokaho kabone n'iyi abashyiranywe bombi baba barabigiranye uburyarya. Urukiko rwemeza uko abana bazarerwa nk'uko bigenda igihe cy'ubutane.

Iryo teshagaciro ntirikuraho kandi uburenganzira n'imirimu nshingana y'ababyeyi ku bana.

**Icyiciro cya 2: Guta agaciro kw'ishyirwa mu buryo bushobora gusubirwaho**

**Ingingo ya 196: Impamvu zituma ishyirwa rita agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho**

Impamvu zituma ishyirwa rita agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho ni izi zikurikira:

**Article 194: Person entitled to file a lawsuit for absolute nullity**

A claim for absolute nullity is lodged by any of the spouses or any interested person.

**Article 195: Effects of absolute nullity of marriage**

An absolute nullified marriage is presumed to have never existed as of the date the marriage contract was entered into.

However, marriage declared null produces all effects towards children even if none of the spouses was of good faith. The court determines obligations of parents towards children as in the divorce case.

The nullity leave standing rights and obligations of parents towards children.

**Section 2: Relative nullity of marriage**

**Article 196: Causes of relative nullity**

Causes of relative nullity of marriage are as follows:

**Article 194: Personne habilitée à intenter une action en nullité absolue**

L'action en nullité absolue appartient à l'un des époux ou toute autre personne intéressée.

**Article 195: Effets de la nullité absolue du mariage**

Le mariage frappé de nullité absolue est considéré comme n'ayant jamais existé à compter du jour de sa célébration.

Toutefois, le mariage frappé de nullité produit les effets à l'égard des enfants quand bien même aucun époux ne serait de bonne foi. La juridiction détermine les devoirs des parents à l'égard des enfants tels que prévus dans le jugement de divorce.

Cette nullité laisse subsister les droits et les devoirs des parents à l'égard des enfants.

**Section 2: Nullité relative du mariage**

**Article 196: Causes de nullité relative du mariage**

Les causes de nullité relative du mariage sont les suivantes:



*Official Gazette n°37 of 12/09/2016*

- |                                                                                                                              |                                                                                           |                                                                                            |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1° ukwemera gufite inenge k'umwe mu bashyingiranywe;                                                                         | 1° vitiated consent of one of the spouses;                                                | 1° le vice de consentement de l'un des époux;                                              |
| 2° ishyingirwa ritabereye mu ruhame;                                                                                         | 2° clandestine celebration;                                                               | 2° la clandestinité de la célébration;                                                     |
| 3° ishyingirwa ryakozwe n'umwanditsi w'irangamimerere utabifitiye ububasha cyangwa undi muntu wese wihaye imirimo itari iye; | 3° incompetence of the civil registrar or usurpation of power by any other person;        | 3° l'incompétence de l'officier de l'état civil ou l'usurpation de fonctions;              |
| 4° indi mpamvu yaturuka ku kutubahiriza ibisabwa byerekeye imigendekere y'ishyingiranwa.                                     | 4° any other reason that may be related to lack of fulfilment of celebration formalities. | 4° toute autre raison qui pourrait être liée au non-respect des formalités de célébration. |

Ukwemera kuba gufite inenge iyo umwe mu bashyingiranywe yemeye gushyingirwa kubera kwibeshya ku muntu, yabeshywe cyangwa yabyemeye ku ngufu.

There is vitiated consent when consent of one of the spouses has been given by mistake on the person, or if it has been ensnared by fraud, or extracted by duress.

Il y a vice de consentement lorsque le consentement de l'un des époux a été donné par erreur sur la personne, surpris par le mauvais dol ou extorqué par violence.

Ishyingirwa ntirishobora guteshwa agaciro ku buryo bushobora gusubirwaho iyo abashyingiranywe babanye amezi atandatu (6) akurikirana uherye igihe mpamvu ituma rita agaciro yamenyekaniyeho.

Relative nullity of marriage is impossible in case there has been a continuous cohabitation for at least six (6) consecutive months from the date the cause for relative nullity was known.

La nullité relative est impossible lorsqu'il y a eu cohabitation continue pendant six (6) mois à compter de la date de la connaissance de la cause de la nullité relative.

Impamvu zituma habaho guta agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho zisesengurwa n'umucamanza mu bwisanzure bwe.

Causes of relative nullity are those which are in discretionary power of a judge.

Les causes de nullité relative sont celles que le juge apprécie souverainement.

**Ingingo ya 197: Uwemerewe gutanga ikirego kigamije guteshwa agaciro ishyingirwa mu buryo bushobora gusubirwaho**

**Article 197: Person entitled to file a lawsuit for relative nullity of marriage**

**Article 197: Personne habilitée à intenter une action en nullité relative du mariage**

Ikirego kigamije guteshwa agaciro ishyingirwa mu buryo bushobora gusubirwaho gitangwa gusa

A claim of relative nullity of marriage is lodged only by spouses.

L'action en nullité relative du mariage n'appartient qu'aux époux.

n'abashyiringanywe.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku gutesha agaciro ishyingirwa**

**Ingingo ya 198: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa ku buryo bushobora gusubirwaho**

Ishyingirwa riteshejwe agaciro mu buryo bushobora gusubirwaho rigira inkurikizi zaryo kuva igihe ryatangiriye kugeza igihe hatangiwe ikirego gisaba kuritesha agaciro.

Icyakora, ishyingirwa ryateshejwe agaciro ku buryo bushobora gusubirwaho kubera imwe mu mpamvu zivugwa mu ngingo ya 196 rishobora kongera gukorwa bundi bushya mu gihe izo mpamvu zivuyeho.

**Ingingo ya 199: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa**

Iyo Urukiko rwemeje ko ishyingirwa nta gaciro rifite, rigira inkurikizi ku bashyiringanywe ku buryo bumwe iyo ryakozwe nta buryarya. Kugabana umutungo w'abashyiringanywe bikorwa hakurikijwe amategeko agenga amasezerano yabo y'icungamutungo.

**Ingingo ya 200: Gukeka ko abashyiringanywe nta buryarya bagize**

Habaho gukeka ko uwashyiringanywe nta buryarya yagize mu ishyingirwa, keretse iyo urukiko mu gihe rutesha agaciro ishyingirwa rutangaje ko

**Section 3: Common provisions to nullity of marriage**

**Article 198: Effects of relative nullity of marriage**

Relative nullified marriage produces civil effects for the past until the request for annulment.

However, the relative nullified marriage due to causes referred to in Article 196 may be contracted again when those causes no longer hold.

**Article 199: Effects of nullity of marriage**

Where the jurisdiction declares null a marriage, it produces same effects towards spouses if it was contracted in good faith. The property is shared in accordance with laws governing their matrimonial regime.

**Article 200: Presumption of spouses' good faith**

There is presumption that a spouse contracted the marriage in good faith, unless the court while nullifying the marriage declares that he/she

**Section 3: Dispositions communes à la nullité du mariage**

**Article 198: Effets de la nullité relative du mariage**

Le mariage frappé de nullité relative produit les effets civils pour le passé, jusqu'à la demande d'annulation.

Toutefois, le mariage frappé de nullité relative suite aux causes visées à l'article 196 peut être contracté à nouveau si ces causes ne tiennent plus.

**Article 199: Effets de la nullité du mariage**

Lorsque la juridiction déclare que le mariage est nul, ce mariage produit les mêmes effets aux époux lorsqu'il a été contracté de bonne foi. Le partage du patrimoine se fait selon les lois régissant leur régime matrimonial.

**Article 200: Présomption de bonne foi des époux**

Il y a présomption qu'un époux a contracté le mariage de bonne foi, à moins que, lors de la nullité du mariage, la juridiction déclare qu'il a contracté le

yagize uburyarya.

contracted the marriage in bad faith.

mariage de mauvaise foi.

**Ingingo ya 201: Inkurikizi zo gutesha agaciro ishyingirwa ryaranzwemo uburyarya**

**Article 201: Effects of nullity of marriage contracted in bad faith**

**Article 201: Effets de la nullité du mariage contracté de mauvaise foi**

Iyo ishyingirwa ryaranzwemo uburyarya, guta agaciro kw'iryo shyingirwa kugira inkurikizi k'uwashyingiwe wagize uburyarya kuva ku munsu w'ishyingirwa.

Where marriage was contracted in bad faith, its nullity produces effects towards spouse of bad faith from the date of marriage.

Lorsque le mariage a été contracté de mauvaise foi, ce mariage produit les effets à l'époux qui a été de mauvaise foi depuis le jour du mariage.

Ishyingirwa riteshejwe agaciro riha uwashyingiranywe utarangwaho uburyarya kimwe n'abana barikomokaho uburenganzira bwose bukomoka ku ishyingirwa.

The nullified marriage grants to the spouse who acted in good faith and to children from such marriage all rights related to marriage.

Le mariage frappé de nullité garantit à l'époux de bonne foi et aux enfants issus du mariage tous les droits en rapport avec mariage.

Ishyingirwa riteshejwe agaciro ku mpamvu z'uburyarya bw'abashyingiranywe bombi rigenera abana uburenganzira bwose burikomokaho. Iryo teshagaciro ntirikuraho kandi uburenganzira n'imirimo nshinganwa y'ababyeyi ku bana.

The nullified marriage contracted in bad faith of both spouses grants to children all rights related to that marriage. That nullification shall not waive away parental duties either.

Le mariage annulé contracté de mauvaise foi garantit aux enfants tous les droits en rapport avec le mariage. Cette nullité n'enlève pas non plus les responsabilités des parents envers les enfants.

Urukiko rwemeza uko abana bazarerwa nk'uko bigenda igihe cy'ubutane.

The court decides on custody of the child as it is in divorce process.

La juridiction statue sur la garde des enfants comme dans le processus de divorce.

**UMUTWE WA VI: INKURIKIZI Z'ISHYINGIRWA**

**CHAPTER VI: EFFECTS OF MARRIAGE**

**CHAPITRE VI: EFFETS DE MARIAGE**

**Icyiciro cya mbere: Agaciro k'ishyingirwa**

**Section One: Validity of marriage**

**Section première: Validité du mariage**

**Ingingo ya 202: Igihe ishyingirwa ritangirira kugira agaciro**

**Article 202: Commencement of validity of marriage**

**Article 202: Commencement de la validité du mariage**

Ishyingirwa rigira agaciro uherye igihe ryabereye imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.

Marriage is valid from the time it is celebrated before a civil registrar.

Le mariage est valide dès sa célébration devant l'officier de l'état civil.

**Icyiciro cya 2: Imirimo nshinganwa ikomoka ku ishyingirwa**

**Ingingo ya 203: Inshingano yo kwita ku bana no kubarera**

Kubera ugushyingirwa, abashyingiranywe bemera inshingano yo kwita ku bana bazabyarana, kubaha ibibatunga no kubarera bishingiye ku ndagagaciro z'umuco nyarwanda.

Iyo umwe mu bashyingiranywe ateshutse kuri iyo nshingano, uwo bashyingiranywe cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu ashobora kubimurega.

**Ingingo ya 204: Inshingano yo guha uwo mwashyingiranywe ibimutunga**

Buri wese mu bashyingiranywe afite inshingano yo guha uwo bashyingiranywe ibimutunga iyo bikenewe.

**Ingingo ya 205: Urugero ibitunga umuntu bitangwamo**

Ibitunga umuntu bitangwa mu rugero nyir'ukubihabwa abikeneyemo kandi bigereranyije n'ubushobozi bwa nyir'ukubitanga.

Ibitunga umuntu bitangwa mu mafaranga cyangwa mu bintu.

**Section 2: Obligations arising from marriage**

**Article 203: Obligation to cater for and educate children**

By marriage, spouses are bound by the obligation of catering for and educating their children based on Rwandan cultural values.

If one of the spouses does not comply with this obligation, the other spouse or any interested person may file a lawsuit against him/her.

**Article 204: Alimony obligation between spouses**

Each spouse has the obligation to pay alimony to the other if he/she is in need.

**Article 205: Estimate of alimony**

Alimony is provided for in proportion to needs of the claimant and resources of the provider.

Alimony is provided in cash or in kind.

**Section 2: Obligations qui découlent du mariage**

**Article 203: Obligation d'entretenir et d'éduquer les enfants**

Les époux contractent ensemble, par le seul fait du mariage, l'obligation d'entretenir et d'éduquer leurs enfants sur base des valeurs culturelles rwandaises.

A défaut par l'un des époux de remplir cette obligation, l'autre époux ou toute personne intéressée peut intenter une action contre lui.

**Article 204: Obligation alimentaire entre époux**

Chacun des époux doit à l'autre une pension alimentaire lorsqu'il est dans le besoin.

**Article 205: Estimation de pension alimentaire**

La pension alimentaire n'est accordée que dans la proportion des besoins de celui qui les réclame et des ressources de celui qui les doit.

La pension alimentaire est accordée en espèces ou en nature.

**Icyiciro cya 3: Uburenganzira n'inshingano z'abashyiranywe**

**Section 3: Rights and duties of spouses**

**Section 3: Droits et devoirs des époux**

**Ingingo ya 206: Uburinganire hagati y'abashyiranywe**

**Article 206: Equality of spouses**

**Article 206: Egalité des époux**

Abashyiranywe bafite uburenganzira n'inshingano bingana.

Spouses have the same rights and obligations.

Les époux ont les mêmes droits et les mêmes devoirs.

Abashyiranywe bagomba kudahemukirana, gutabarana no gufashanya.

Spouses must owe each other mutual fidelity, help and assistance.

Les époux se doivent mutuellement fidélité, secours et assistance.

**Ingingo ya 207: Inshingano yo kubana**

**Article 207: Duty of cohabitation**

**Article 207: Devoir de cohabitation**

Ugushyirirwa biha abashyiranywe uburyo bwo gushinga umuryango ndemyabuzima, kukanabaha itegeko ryo kubana.

Marriage creates a marital community with a duty of cohabitation.

Les époux sont tenus de faire vie commune avec devoir de cohabitation.

Ugushyirirwa kutakurikiwe no kubana mu gihe cy'umwaka umwe (1) nta mpamvu zifite ishingiro guha umwe mu bashyiranywe uburenganzira bwo gusaba ubutane.

The marriage not followed by cohabitation within one (1) year without reasonable grounds gives one of the spouses the right to lodge a divorce case.

Le mariage non suivi de cohabitation pendant un (1) an sans motifs justifiés donne à l'un des époux le droit d'introduire une action en divorce.

**Ingingo ya 208: Uburenganzira ku mutungo w'abashyiranywe**

**Article 208: Right to the patrimony of the spouses**

**Article 208: Droit au patrimoine des époux**

Uburenganzira ku mutungo w'abashyiranywe butangira bakimara gushyirirwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere hakurikijwe uburyo bw'icungamutungo bahisemo.

The right to the patrimony of spouses commences upon celebration of marriage before the civil registrar in accordance with their matrimonial regime.

Le droit au patrimoine des époux commence après célébration de leur mariage devant l'officier de l'état civil conformément à leur régime matrimonial.

Iyo ishyirirwa risheshwe cyangwa iyo riteshejwe agaciro mbere y'uko abashyiranywe babana nta nkurikizi rigira ku mutungo w'abashyiranywe keretse iyo bigaragaye ko hari uwo bari

In case of marriage dissolution or nullity before cohabitation, it has no effect on the patrimony of the spouses, unless it is evident that the spouses have a joint property.

Dans le cas de dissolution ou de nullité du mariage avant la cohabitation, elle n'a aucun effet sur le patrimoine des époux, à moins qu'il ne soit évident que les époux ont un patrimoine en commun.

barafatanyije.

**Ingingo ya 209: Ubuyobozi bw'urugo**

Abashyingiranywe bafatanya ubuyobozi bw'urugo rwabo harimo kurwitaho kugira ngo rugwize umuco mwiza n'ibirutunga no kurwubaka rugakomera.

Umwe mu bashyingiranywe yiharira iyo nshingano iyo undi adashobora kuyikora. Iyo batabyumvikanyeho byemezwa n'inzego zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 210: Kugira uruhare mu bitunga urugo**

Buri wese mu bashyingiranywe agomba kugira uruhare mu bitunga urugo rwabo bikurikije uburyo n'amikoro ye.

**Ingingo ya 211: Kutubahiriza inshingano z'urugo**

Iyo umwe mu bashyingiranywe atubahirije inshingano ze, uwo bashyingiranywe ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo hafatwe ibyemezo by'agateganyo birengera urugo cyane cyane ibyita ku bana.

**Ingingo ya 212: Urukiko rufite ububasha mu manza zerekeye inshingano z'urugo**

Urukiko rufite ububasha mu manza zerekeye inshingano z'urugo rw'aho abashyingiranywe

**Article 209: Management of the household**

Spouses jointly provide management of the household including moral and material support to the household as well as its maintenance.

One of the spouses performs those duties alone if the other is unable to do so. In case of disagreement, competent authorities take the decision.

**Article 210: Contribution to expenses of the household**

Each of the spouses contributes to the household expenses in accordance with his/her capacity and means.

**Article 211: Failure to fulfil conjugal obligations**

If one of the spouses does not fulfil his/her obligations, the other spouse may request from competent court provisional measures that safeguard the interests of the household and particularly those of the children.

**Article 212: Competent court in cases relating to conjugal obligations**

The competent court of the conjugal domicile or residence decides on cases relating to conjugal

**Article 209: Direction du ménage**

Les époux assurent ensemble la direction du ménage, y compris son soutien moral et matériel ainsi que son entretien.

L'un des époux exerce seul ces fonctions lorsque l'autre est hors d'état d'exercer ces fonctions. En cas de désaccord la décision est prise par les organes compétents.

**Article 210: Contribution aux charges du ménage**

Chaque époux contribue aux charges du ménage selon ses capacités et ses moyens.

**Article 211: Manquement aux obligations conjugales**

Si l'un des époux ne remplit pas ses obligations, l'autre époux peut introduire un recours devant la juridiction compétente pour prendre les mesures provisoires qu'exige l'intérêt du ménage et particulièrement des enfants.

**Article 212: Juridiction compétente en matière d'actions relatives aux obligations conjugales**

La juridiction compétente du lieu du domicile ou résidence conjugal statue sur les actions relatives

batuye cyangwa baba nirwo rusuzuma ibirego byerekeye inshingano z'urugo.

Ibi birego bitangwa mu nzira z'ikirego gitangwa n'umuburanyi umwe.

**Ingingo ya 213: Irangizwa ry'agateganyo ry'ibyemezo byerekeye inshingano z'urugo**

Ibyemezo byateganyijwe mu ngingo ya 211 y'iri tegeko birangizwa by'agateganyo. Iyo habayeho kujurira, ibyo byemezo bikomeza gukurikizwa kugeza igihe urukiko rufashe icyemezo kuri ubwo bujuriye. Iryo rangizwa rigumaho n'iyonyuma y'aho hatangwa ikirego gisaba ubutane.

Ibyo byemezo bishobora gusubirwaho igihe imyifatire cyangwa imimerere y'abashyingiranywe ihindutse byemejwe n'Inama y'umuryango.

**UMUTWE WA VII: ISESWA RY'ISHYINGIRWA**

**Ingingo ya 214: Impamvu zo gusesa ishyingirwa**

Ishyingirwa riseswa gusa kubera impamvu zikurikira:

- 1° gutana burundu kw'abashyingiranywe;
- 2° urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe.

obligations.

Such cases are filed by way of unilateral petition.

**Article 213: Provisional enforcement of measures in relation to conjugal obligations**

The measures provided for under Article 211 of this Law are provisionally enforced. In case of appeal, such measures remain enforceable until the court decides on the appeal. They remain enforceable notwithstanding a subsequent filing of a petition for divorce.

Such measures may be revisited when the conduct or status of the spouses has changed following approval by the family Council.

**CHAPTER VII: DISSOLUTION OF MARRIAGE**

**Article 214: Grounds for dissolution of marriage**

The marriage is only dissolved on the following grounds:

- 1° divorce;
- 2° death of one of the spouses.

aux obligations conjugales.

Ces actions sont introduites par voie de requête unilatérale.

**Article 213: Exécution provisoire des mesures en matière d'obligations conjugales**

Les mesures prévues à l'article 211 de la présente loi sont exécutoires par provision. En cas de recours, ces mesures restent exécutoires jusqu'à ce que la juridiction statue sur ce recours. Elles demeurent exécutoires, nonobstant le dépôt ultérieur d'une demande en divorce.

Ces mesures peuvent être revues lorsque la conduite ou la situation respective des époux vient à se modifier et ce, après approbation du Conseil de famille.

**CHAPITRE VII: DISSOLUTION DU MARIAGE**

**Article 214: Causes de la dissolution du mariage**

Le mariage ne se dissout que pour les raisons suivantes:

- 1° le divorce;
- 2° le décès de l'un des époux.

**Icyiciro cya mbere: Urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe**

**Section One: Death of one of the spouses**

**Section première: Décès de l'un des époux**

**Ingingo ya 215: Inkurikizi z'urupfu ku ishyingirwa**

**Article 215: Effects of death on marriage**

**Article 215: Effets de décès sur le mariage**

Iyo umwe mu bashyingiranywe apfuye, ishyingirwa riraseswa.

Death of one of the spouses dissolves marriage.

Le décès de l'un des époux dissout le mariage.

Umwe mu bashyingiranywe upfakaye afite uburenganzira bwo kongera gushyingirwa.

A widowed spouse has the right to enter into a new marriage.

L'un des époux devenu veuf a le droit de contracter un nouveau mariage.

Icyakora, umugore ashobora kongera gushyingiranwa n'undi mugabo hashize iminsi magana atatu (300) yuzuye umugabo wa mbere apfuye.

However, the wife may enter into a new marriage after a period of three hundred (300) completed days from the death of her first husband.

Toutefois, l'épouse ne peut contracter un nouveau mariage qu'après un délai de trois cents (300) jours révolus à compter du décès de son premier mari.

Icyo gihe gihagarikwa no kubyara cyangwa n'icyemezo cy'uko umugore atwite cyangwa adatwite gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta.

This period is interrupted by childbirth or pregnancy certificate issued by a recognised medical doctor.

Ce délai est suspendu par l'accouchement ou l'attestation de grossesse délivrée par un médecin agréé.

**Ingingo ya 216: Inkurikizi z'urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe ku bana**

**Article 216: Effects of death of one of the spouses on children**

**Article 216: Effets de décès de l'un des époux sur les enfants**

Abana bakomeza kurerwa n'umubyeyi wabo wasigaye kabone n'iyo yakongera gushyingirwa. Iyo na we apfuye barerwa mu buryo buteganywa n'amategeko.

Children continue to be looked after by the surviving parent even though he/she would enter into a new marriage. If he/she also dies, they are supported in accordance with the law.

Les enfants continuent à être pris en charge par leur parent survivant quand bien même il contracterait un nouveau mariage. En cas de son décès, ils sont pris en charge conformément à la loi.

**Ingingo ya 217: Inkurikizi z'urupfu ku mutungo w'abashyingiranywe**

**Article 217: Effects of death on property of the spouses**

**Article 217: Effets de décès sur le patrimoine des époux**

Urupfu rw'umwe mu bashyingiranywe rutuma amasezerano y'icungamutungo aseswa hakabaho n'izungura rikorwa hakurikijwe amategeko

The death of one of the spouses gives rise to the dissolution of the matrimonial regime and succession executed in accordance with relevant

Le décès de l'un des époux donne lieu à la dissolution du régime matrimonial et à la succession effectuée conformément aux lois en la matière.



abigenga.

laws.

**Icyiciro cya 2: Gutana burundu kw'abashyiranywe**

**Section 2: Divorce**

**Section 2: Divorce**

**Akicro ka mbere: Gutana burundu biturutse ku mpamvu ziteganywa n'itegeko**

**Subsection One: Divorce on grounds provided for by the law**

**Sous-section première: Divorce pour causes prévues par la loi**

**Ingingo ya 218: Impamvu zo gutana burundu**

**Article 218: Grounds for divorce**

**Article 218: Causes du divorce**

Buri wese mu bashyiranywe ashobora gusaba gutana burundu kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

Any of the spouses may apply for divorce on one of the following grounds:

Chacun des époux peut demander le divorce pour l'une des raisons suivantes:

1° ubusambanyi;

1° adultery;

1° adultère;

2° guta urugo nibura igihe cy'amezi cumi n'abiri (12) akurikirana;

2° desertion for a period of at least twelve (12) consecutive months;

2° abandon du domicile conjugal pendant au moins douze (12) mois consécutifs;

3° igihano cy'icyaha gisebeje;

3° conviction for an offense severely tainting the honour;

3° condamnation pour une infraction entachant gravement l'honneur;

4° kwanga gutanga ibitunga urugo;

4° refusal to provide for the household needs;

4° refus de pourvoir aux besoins du ménage;

5° guhoza undi ku nkeke;

5° excess, abuse or serious insults by one towards another;

5° excès, sévices ou injures graves de l'un envers l'autre;

6° ihohoterwa rishingiye ku gitsina;

6° gender based violence;

6° violence basée sur le genre;

7° kumara nibura imyaka ibiri (2) batabana ku bushake bwabo;

7° de facto separation for a period of at least two (2) years;

7° séparation de fait pendant au moins deux (2) ans;

8° kutabana mu gihe kirenze amezi cumi n'abiri (12) akurikirana uherye igihe habereye ishyingirwa nta mpamvu zifite ishingiro

8° non-cohabitation for more than twelve consecutive (12) months from the day of celebration of marriage on unjustifiable

8° non cohabitation pendant plus de douze (12) mois consécutifs à compter du jour de la célébration du mariage pour des motifs non

zihari.	grounds.	justifiés.
Icyakora, kutabana bitewe n'uko umwe mu bashyingiranywe afashwe nabi ntabwo byitwaga guta urugo mu gihe yagiye abimenyesheje ubuyobozi bumwegereye bigakorerwa inyandiko.	However, separation following mistreatment of one of the spouses may not be considered as desertion when he/she has informed the nearest local administration and a record relating thereto has been drawn.	Toutefois, la séparation du fait de mauvais traitement de l'un des époux ne peut pas être considérée comme abandon du domicile conjugal s'il a informé l'administration locale la plus proche et qu'un acte y relatif a été dressé.
<b><u>Ingingo ya 219:</u> Urukiko rufite ububasha bwo kwemeza ubutane</b>	<b><u>Article 219:</u> Competent court to pronounce divorce</b>	<b><u>Article 219:</u> Jurisdiction compétente pour statuer sur le divorce</b>
Iyo hari impamvu iyo ari yo yose iteganyijwe muri iri tegeko, gusaba ubutane biregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha rw'ifasi abashyingiranywe baheruka kubamo cyangwa urw'ifasi uregwa atuyemo.	Due to any cause provided for under this Law, the application for divorce is referred to the competent court where the spouses had their last conjugal residence or where the defendant is domiciled.	Pour toute cause prévue par la présente loi, la demande en divorce est portée devant la juridiction compétente du ressort dans lequel les époux ont eu leur dernière résidence conjugale ou dans lequel la partie défenderesse a son domicile.
<b><u>Ingingo ya 220:</u> Ikirego cyo gusaba ubutane</b>	<b><u>Article 220:</u> Action for divorce</b>	<b><u>Article 220:</u> Action en divorce</b>
Gusaba gutana bikorwa n'abashyingiranywe gusa. Ikirego gisaba ubutane kiregerwa kandi kikaburanishwa nk'izindi manza.	The action for divorce is only instituted by spouses. Action for divorce is instituted and judged according to ordinary proceedings.	L'action en divorce n'appartient qu'aux époux. L'action en divorce est intentée et jugée dans la forme ordinaire.
Ikirego gisaba ubutane bw'abashyingiranywe gisaza hashize imyaka itanu (5) kuva igihe impamvu gishingiyeho yamenyekaniye.	An action for divorce expires after five (5) years running from the time of discovering the cause of divorce.	L'action en divorce se prescrit pendant cinq (5) ans à partir de la découverte de la cause de divorce.
<b><u>Ingingo ya 221:</u> Gusubika ikirego cy'ubutane mu gihe hariho urubanza rw'inshinjabyaha</b>	<b><u>Article 221:</u> Suspension of divorce proceedings awaiting criminal judgment</b>	<b><u>Article 221:</u> Suspension de l'action en divorce dans le cas d'un jugement pénal</b>
Urubanza rw'inshinjabyaha ntiruhagarika ikirego cy'ubutane.	A criminal case may not suspend request for divorce.	Une affaire pénale ne peut tenir l'action en divorce en état.
Icyakora, iyo impamvu umwe mu bashyingiranywe aheraho yaka ubutane itumye habaho ikirego	However, if the offence prosecuted is the cause for the application for divorce, the action for divorce is	Toutefois, lorsque l'infraction poursuivie est la cause de demande en divorce, l'action en divorce est

nshinjabyaha, ikirego cy'ubutane kirasubikwa kugeza igihe urubanza rw'inshinjabyaha rubaye ndakuka.

suspended until the criminal judgment becomes final.

suspendue jusqu'à ce que le jugement pénal soit devenu définitif.

**Ingingo ya 222: Gutanga ubuhamya mu rubanza rw'ubutane**

**Article 222: Testifying in divorce proceedings**

**Article 222: Témoignage en instance de divorce**

Iyo bibaye ngombwa ko hakorwa iperereza, umuntu wese ashobora kubazwa mu rubanza.

If it is deemed necessary to conduct investigations, any person may be heard at trial.

Lorsqu'il y a lieu à enquêter, toute personne peut être entendue au procès.

Ubuhamya bw'abana, ababyeyi b'abashyingiranwe n'ubw'abakozi bo mu rugo rwabo nabwo bwitabwaho.

Testimonies of children, parents and domestic workers of the spouses are also taken into consideration.

Le témoignage des enfants, des parents et des domestiques des époux est également pris en considération.

**Ingingo ya 223: Ikirego kiregera kwiregura mu rubanza rw'ubutane**

**Article 223: Counterclaims in divorce proceedings**

**Article 223: Demandes reconventionnelles en instance de divorce**

Mu rubanza rwo gutana burundu, ikirego kiregera kwiregura gitangwa mu myanzuro mu rukiko rukiburanisha mu rwego rwa mbere. Ntigishobora gutangwa bwa mbere mu rwego rw'ubujurire.

In divorce proceedings, counterclaims are filed as submissions to the court ruling in the first instance. They may not be filed for the first time at appellate level.

En instance de divorce, les demandes reconventionnelles sont introduites par un acte de conclusions devant la juridiction statuant en premier ressort. Elles ne peuvent se produire pour la première fois en degré d'appel.

**Ingingo ya 224: Ibyemezo by'agateganyo mu rubanza rw'ubutane**

**Article 224: Provisional measures in a divorce proceedings**

**Article 224: Mesures provisoires pendant l'instance de divorce**

Aho urubanza rw'ubutane rwaba rugeze hose, umucamanza ashobora gufata ibyemezo by'agateganyo byerekeye ababuranyi, abana babyaranye ndetse n'umutungo.

At any stage of the hearing, the judge may take provisional measures related to the parties, to their children and their property.

Le juge saisi peut prendre, à n'importe quelle étape de l'audience, des mesures provisoires relatives aux parties, à leurs enfants et à leur patrimoine.

**Ingingo ya 225: Kugena urera abana mu gihe cy'urubanza rw'ubutane**

**Article 225: Custody of children during divorce proceedings**

**Article 225: Garde des enfants pendant l'instance de divorce**

Kugira ngo arengere inyungu z'abana mu gihe

During divorce proceedings, in the best interest of

Pendant l'instance de divorce, le juge peut, dans le

urubanza rw'ubutane rukiburanishwa, umucamanza ashobora kubashinga by'agateganyo umwe mu bashyingiranywe cyangwa undi muntu akanagena uruhare rwa buri wese mu bashyingiranywe ku bitunga abana.

**Ingingo ya 226: Kuba ahantu hatandukanye mu gihe cy'urubanza rw'ubutane**

Buri wese mu bashyingiranywe, yaba urega cyangwa uregwa, ashobora gusaba umucamanza uruhushya rwo kuva mu rugo rwabo, akajya kuba ahandi akoresheje inyandiko y'ikirego gitanzwe n'umuburanyi umwe. Buri wese mu bashyingiranywe ashobora kandi gusaba urukiko gutegeka uwo bashyingiranywe kuva mu rugo rukamugenera uburyo bwo gucumbika ahandi.

Icyakora, umwe mu bashyingiranywe ushinze kumenya abana agomba kuguma mu rugo kugeza igihe urubanza rwa burundu rutanga ubutane ruzasomerwa.

**Ingingo ya 227: Imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe mu gihe bategetswe kuba ahantu hatandukanye**

Uretse igihe abashyingiranywe basezeranye ivangura mutungo risesuye, iyo urukiko rutegetse kuba ahandi, umutungo wimukanwa n'utimukanwa ugabanywa abashyingiranywe mu buryo bw'agateganyo nyuma yo kwukorera ibarura rishyirwaho umukono n'impande zombi kandi hagomba kwitabwaho inyungu z'umwana n'iz'umwuga w'abashyingiranywe.

children, the judge may assign one of the spouses or third party the provisional custody of children and determine the contribution of each spouse to the support of children.

**Article 226: Separate residence during divorce proceedings**

Any of the spouses, be plaintiff or defendant, may request the judge by means of unilateral petition an authorisation to leave conjugal residence and live in a separate residence. Likewise, any of the spouses may request the judge to give order to another spouse to vacate the conjugal residence and decide on means enabling him/her to find a separate residence.

However, the spouse in charge of provisional custody of children must remain in conjugal residence pending final judgment authorizing divorce.

**Article 227: Administration of the property of spouses in case they are ordered to live in a separate residence**

Where the court orders separate residence, except in case where spouses are married under the regime of separation of property, movable and immovable assets are provisionally shared, after the inventory signed by both parties, in consideration of interest of children and the profession of spouses.

plus grand intérêt des enfants, confier la garde provisoire de ceux-là, soit à l'un ou l'autre époux, soit à une tierce personne et déterminer la part de chacun des époux pour l'entretien des enfants.

**Article 226: Résidence séparée pendant l'instance de divorce**

Qu'il soit demandeur ou défendeur, chacun des époux peut demander au juge par voie de requête unilatérale l'autorisation de quitter la résidence conjugale et de vivre en résidence séparée. De même, il peut demander que le juge ordonne à l'autre époux de quitter la résidence conjugale et décider des moyens lui permettant de trouver une résidence séparée.

Toutefois, l'époux qui reçoit la garde provisoire des enfants doit rester dans la résidence conjugale jusqu'au prononcé du jugement définitif autorisant le divorce.

**Article 227: Administration du patrimoine des époux en cas d'ordonnance de vivre en résidence séparée**

Lorsque le juge ordonne la résidence séparée, sauf si les époux sont mariés sous le régime de la séparation des biens, les biens, tant meubles qu'immeubles, sont provisoirement partagés, après inventaire contresigné par les deux parties, en tenant compte des intérêts des enfants et de la profession des époux.

Buri wese mu bashyingiranywe agomba kwita kuri uwo mutungo. Nta na rimwe ashobora kuwugurisha, kuwutanga cyangwa kuwutangaho ingwate.

Mu gihe umwe mu bashyingiranywe atubahirije ku mpamvu z'uburiganya ibivugwa mu gika kibanziriza iki uwo bashyingiranywe ashobora gusaba iseswa ry'ibyakozwe na mugenzi we.

**Ingingo ya 228: Irangizwa ry'agateganyo ry'ibyemezo byafashwe mu rubanza rw'ubutane**

Ibyemezo by'agateganyo biteganyijwe mu ngingo ya 224, iya 225, iya 226 n'iya 227 z'iri tegeko birangizwa by'agateganyo nta ngwate itanzwe n'iyi byaba byarajuririwe keretse iyo bibangamiye inyungu z'abana.

Icyakora, urukiko rushobora kubisubiramo iyo habonetse izindi mpamvu bisabwe n'umwe mu bashyingiranywe.

**Akiciro ka 2: Gutana burundu biturutse ku bwumvikane**

**Ingingo ya 229: Gusaba gutana biturutse ku bwumvikane**

Gutana guturutse ku bwumvikane gusabwa n'abashyingiranywe bombi bamaze kumvikana ku gusesa ishyingirwa no ku nkurikizi zaryo kandi bagashyikiriza umucamanza amasezerano akemura ingaruka z'ubutane ku bashyingiranywe

Any of the spouses diligently keeps that property. He/she may not sell it, dispose it off or mortgage it.

Where one of the spouses fails to accomplish the provisions of the preceding Paragraph due to fraud, one of the spouses may ask for the annulment of deeds accomplished by the other.

**Article 228: Provisional execution of decisions taken during divorce proceedings**

Decisions referred to in Articles 224, 225, 226 and 227 of this Law are provisionally enforced without surety and in spite of appeal, unless they prejudice interests of the children.

However, the court may, upon request by one of the spouses, revisit the decisions in case of occurrence of new facts.

**Subsection 2: Divorce by mutual consent**

**Article 229: Application for divorce by mutual consent**

Divorce by mutual consent is the one jointly applied for by both spouses after they agree on ending their marriage and its effects while submitting to the judge a written agreement settling the effects of divorce on spouses and their property

Chacun des époux doit garder ce patrimoine avec diligence. Il ne peut en aucun cas le vendre, l'aliéner ou l'hypothéquer.

Lorsque l'un des époux se soustrait frauduleusement aux dispositions de l'alinéa précédent, l'autre époux peut demander l'annulation des actes accomplis par ce premier.

**Article 228: Exécution provisoire des décisions prises pendant l'instance de divorce**

Les décisions visées aux articles 224, 225, 226 et 227 de la présente loi sont exécutoires par provision, sans caution et nonobstant toute voie de recours, sauf si elles portent préjudice aux intérêts des enfants.

Toutefois, la juridiction peut, à la demande de l'un des époux, les réviser en cas de survenance des faits nouveaux.

**Sous-section 2: Divorce par consentement mutuel**

**Article 229: Demande de divorce par consentement mutuel**

Le divorce par consentement mutuel est celui qui est demandé conjointement par les deux époux après s'être entendus sur la rupture du mariage et ses effets tout en soumettant au juge une convention réglant les conséquences du divorce pour les époux

n'umutungo wabo kimwe n'abana babo.

as well as their children.

et leur patrimoine ainsi que pour leurs enfants.

Icyakora, ubutane bwabwawe n'umwe mu bashyiranywe bushobora guhinduka ubutane bwumvikanyweho mu gihe uregwa yemera ko ikirego gifite ishingiro akemera ubutane.

However, divorce applied for by one of the spouses can be converted into divorce by mutual consent when the respondent recognises the relevance of the application and consents to such divorce.

Toutefois, le divorce demandé par l'un des époux peut se convertir en divorce par consentement mutuel lorsque le défendeur à l'action reconnaît le bien-fondé de cette demande et déclare consentir au divorce.

**Ingingo ya 230: Ibarura ry'umutungo w'abashyiranywe mbere yo gutana ku bwumvikane**

**Article 230: Inventory of assets of the spouses prior to divorce by mutual consent**

**Article 230: Inventaire des biens des époux avant le divorce par consentement mutuel**

Abashyiranywe biyemeje gusaba gutana ku bwumvikane bagomba mbere na mbere, kubarura umutungo wabo mu nyandiko, uwimukanwa n'utimukanwa, kugaragaza agaciro kawo, kugena ibyo buri muntu yakwegukana hakurikijwe amasezerano y'icungamutungo bahisemo.

The spouses who choose to apply for divorce by mutual consent must first make a written inventory of their movable and immovable property, indicate its value and determine each spouse's share of the property depending on their matrimonial regime.

Les époux déterminés à demander le divorce par consentement mutuel sont tenus de faire préalablement un inventaire écrit de leurs biens meubles et immeubles, de déterminer leur valeur et de régler leurs droits respectifs en tenant compte de leur régime matrimonial.

**Ingingo ya 231: Ubwumvikane bw'abashyiranywe ku ngingo za ngombwa mbere yo gutana**

**Article 231: Agreement between spouses concerning main aspects before divorce**

**Article 231: Convention des époux sur les principaux points avant le divorce**

Abashyiranywe bagomba kugaragaza mu nyandikomvaho ibyo bemeranyije kuri izi ngingo zikurikira:

The spouses are required to have their agreement recorded by means of a notarised deed with respect to the following points:

Les époux sont tenus de constater par acte notarié leur convention sur les points suivants:

1° uzarera abana babyaranye cyangwa abo bagize ababo batarababyaye, ari mu gihe cy'urubanza rw'ubutane, ari na nyuma y'icibwa ry'urubanza rwo gutana;

1° the custody of the children born or adopted as a result of their marriage, during the divorce proceedings and after the pronouncement of divorce;

1° la garde des enfants nés de leur union ou adoptés, soit pendant l'instance de divorce, soit après le prononcé du divorce;

2° uruhare rwa buri wese mu bashyiranywe ku byerekeye kwita ku bana no kubarera;

2° each spouse's contribution to the maintenance and education of children;

2° la part de chacun des époux pour l'entretien et l'éducation des enfants;

- |                                                                                                                                                             |                                                                                                                                                                                 |                                                                                                                                                                                                             |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 3° aho buri wese mu bashyingiranywe azaba mu gihe cy'urubanza rwo gutana;                                                                                   | 3° the residence of each of the spouse during divorce proceedings;                                                                                                              | 3° la résidence de chacun des époux pendant l'instance de divorce;                                                                                                                                          |
| 4° ibitunga umuntu umwe yaha undi mu gihe cy'urubanza rwo gutana kugira ngo yirwaneho mu gihe adafite ibintu bimuhagije hatitawe ku icungamutungo bahisemo. | 4° the alimony that the spouse with inadequate income to meet his/her needs has to get from the other spouse during divorce proceedings regardless of their matrimonial regime. | 4° la pension alimentaire que l'un des époux devra à l'autre pendant l'instance de divorce, s'il n'a pas de revenus suffisants pour pourvoir à ses besoins peu importe le choix de leur régime matrimonial. |

**Ingingo ya 232: Igihe gutana biturutse ku bwumvikane byemerwa n'uburyo ikirego cy'ubutane gitangwa**

Gutana biturutse ku bwumvikane byemerwa gusa nibura nyuma y'imyaka ibiri (2) abashyingiranywe babana.

Ikirego gisaba ubutane gitangwa mu buryo busanzwe bw'itangwa ry'ibirego mbonezamubano.

**Ingingo ya 233: Kwitaba urukiko kw'abashyingiranywe ku giti cyabo**

Ku muni w'iburanisha, abashyingiranywe bashaka ubutane ku bwumvikane bitaba bombi ku giti cyabo urukiko rubifiye ububasha rw'aho baba bakarubwira icyifuzo cyabo cyo gutana.

**Ingingo ya 234: Urubanza rw'ubutane ku bwumvikane**

Iyo urukiko rumaze kubona ko abashyingiranywe bafite ubushake bwo gutana kandi ko ubwumvikane bwabo bwabaye nta gahato, n'inyungu z'abana zikaba zitaweho mu buryo

**Article 232: Period required for admitting divorce by mutual consent and procedure for filing a petition for divorce**

Divorce by mutual consent is only admissible after at least two (2) years of marriage.

The petition for divorce is filed according to ordinary rules applied in civil procedure.

**Article 233: Personal appearance of spouses in court**

On the day of the hearing, the two spouses applying for divorce by mutual consent appear before the competent court in the place of their conjugal home to declare their intention to divorce.

**Article 234: Judgment of divorce by mutual consent**

The court competent to hear the action to deny paternity or maternity is that of the place of the child's domicile.

**Article 275:** Person eligible to continue a petition to deny paternity after the presumed father's or mother's death

When a husband or a wife dies after having filed a petition to deny paternity or maternity without him/her having withdrawn it, his/her heirs may continue the petition within a period of six (6) months from his/her death.

**Section 3 :** Actions relatives à la paternité ou la maternité

**Sous-section première:** Action en désaveu de paternité ou de maternité

**Article 274:** Action en désaveu de paternité ou de maternité

L'action en désaveu de paternité ou de maternité n'appartient qu'à l'époux ou à l'épouse de son vivant. Nul ne peut l'exercer en son nom.

L'action en désaveu de paternité ou de maternité est dirigée contre l'enfant. Celui-ci est représenté par sa mère ou son père, ou, en cas de leur absence ou de leur incapacité, par son tuteur, son parent adoptif ou les organisations de défense des droits de l'enfant s'il est mineur.

La juridiction compétente pour statuer sur l'action en désaveu de paternité ou de maternité est celle du domicile de l'enfant.

**Article 275:** Personne autorisée à poursuivre l'action en désaveu de paternité après le décès du prétendu père ou mère

Si le mari ou la femme est décédé après avoir intenté l'action en désaveu de paternité ou de maternité et sans s'être désisté, ses héritiers peuvent reprendre l'instance dans les six (6) mois qui suivent son décès.

**Ingingo ya 276: Igihe cyo gutanga ikirego cyo kwihakana umwana**

Ikirego cyo kwihakana umwana gitangwa mu gihe cy'amezi atandatu (6) abarwa uhereye igihe umugabo cyangwa umugore yamenyeye ko umwana atari uwe.

Iyo umuntu yari yarambuwe ubushobozi mbere y'ivuka ry'umwana yihakana cyangwa mbere yo gusaza kw'ikirego, icyo gihe gitangira kubarwa uhereye igihe kwamburwa ubushobozi bikuriweho.

**Ingingo ya 277: Iyandukurwa ry'urubanza rwo kwihakana umwana**

Urubanza rwemeza ko umugabo cyangwa umugore atari se cyangwa nyina w'umwana rwandukurwa mu gitabo cy'inwandiko z'amavuko.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rw'ikirego kigamije kwihakana umwana amenyeshya Umwanditsi w'irangamimerere amakuru yerekeranye n'icyemezo cy'urukiko cyerekeranye no kwihakana umwana.

**Ingingo ya 278: Inkurikizi zo kwihakana umwana**

Iyo urukiko rwemeje ko umugabo cyangwa umugore atari we se cyangwa nyina w'umwana, umwana atakaza uburenganzira n'inshingano yari

**Article 276: Timeframe required to institute a petition to deny paternity or maternity**

The petition to deny paternity or maternity is filed within a period of six (6) months from the date the husband or wife found that the child does not belong to him/her.

Where a person was declared to be legally incapacitated before the birth of the child in respect of whom he/she denies paternity or maternity or before the prescription of the petition, such a period commences from the reinstatement of his/her legal capacity.

**Article 277: Registration of a judgment establishing non-paternity or non-maternity**

The judgment establishing non-paternity or non-maternity is entered in the register of birth records.

The chief registrar of the court having decided the non-paternity or non-maternity case in the last instance provides the civil registrar with information related to the decision of the court.

**Article 278: Effects of denying paternity or maternity**

A child whose non-paternity or non-maternity is established through a court action, loses rights and duties related to his/her presumed parents.

**Article 276 : Délai pour intenter action en désaveu de paternité ou de maternité**

Le mari ou la femme doit intenter l'action en désaveu de paternité ou de maternité dans les six (6) mois qui suivent le moment où il a découvert que l'enfant ne lui appartient pas.

En cas d'interdiction de la personne prononcée soit avant la naissance de l'enfant qu'elle désavoue ou avant la prescription de l'action, ce délai ne commence à courir que de la mainlevée de l'interdiction.

**Article 277: Transcription du jugement établissant la non-paternité ou la non- maternité**

Le jugement établissant la non-paternité ou la non-maternité est transcrit sur le registre des actes de naissance.

Le greffier en chef de la juridiction qui a statué sur l'affaire en dernier ressort sur la non-maternité ou la non- paternité informe l'officier de l'état civil de la décision de la juridiction.

**Article 278: Effets du désaveu de paternité ou de maternité**

Un enfant dont la non-paternité ou la non-maternité est établie suite à l'action en recherche de paternité ou de maternité perd droits et devoirs en rapport



afite ku wo yitaga umubyeyi we.

Iyo abo yitaga se na nyina bamwihakanye bombi, umwana yishingirwa na Leta.

**Akicro ka 2: Ikirego cy'umwana kigamije gushaka se cyangwa nyina**

**Ingingo ya 279: Ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina**

Ikirego cy'umwana ushaka se cyangwa nyina ni ikirego gitangwa n'umwana wavutse ku babyeyi batashyiranywe cyangwa batazwi ushaka kwemerwa nk'umwana wabo binyujijwe mu rukiko.

**Ingingo ya 280: Utanga ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina**

Ikirego cy'umwana kigamije gushaka se cyangwa nyina gitangwa n'umwana ubwe igihe afite imyaka y'ubukure.

Iyo umwana ataragira imyaka y'ubukure, umwe mu babyeyi be, imiryango iharanira uburenganzira bw'umwana cyangwa undi wese wemewe n'amategeko wamuhagararira ashobora gutanga ikirego mu izina ry'umwana.

Iyo ikirego cy'umwana ushaka se cyangwa nyina gitangiwe rimwe n'abana benshi bashaka se cyangwa nyina umwe, ikirego kiba kimwe kandi amafaranga y'ingwate y'amagarama agatangwa

In case both non-paternity and non-maternity are established, the child is placed in legal custody of the State.

**Subsection 2: Paternity or maternity petition instituted by the child**

**Article 279: Paternity or maternity petition**

A paternity and maternity action filed by a child is the one brought by a child born out of wedlock or of unknown parents to have his/her filiation established by way of judicial proceedings.

**Article 280: Eligible person to file a paternity or maternity petition**

A child having attained the age of majority is solely responsible for filing a paternity or maternity action.

However, either of the child's parents, children's rights organizations or any other legally recognized representative of the child may file the petition on behalf of the child if the latter is a minor.

If a paternity or maternity petition is brought simultaneously by several children in respect of the same father or mother, such a petition is deemed to be one petition while the deposit for court fees is

avec ses prétendus parents.

En cas du désaveu de paternité et de maternité, l'enfant est sous la tutelle de l'Etat.

**Sous-section 2: Action en recherche de paternité ou de maternité intentée par l'enfant**

**Article 279 : Action en recherche de paternité ou de maternité**

L'action en recherche de paternité ou de maternité est une action exercée par un enfant né hors mariage ou des parents inconnus qui veut faire déclarer sa filiation par voie judiciaire.

**Article 280: Personne exerçant l'action en recherche de paternité ou de maternité**

L'action en recherche de paternité ou de maternité est personnelle à l'enfant majeur.

Toutefois, l'action peut être exercée pour le compte de l'enfant mineur par son père, sa mère, les organisations de défense des droits de l'enfant ou tout autre représentant légalement reconnu.

Si l'action en recherche de paternité ou de maternité est exercée en même temps par plusieurs enfants qui recherchent un même père ou une même mère, l'action est unique et le paiement des frais de

nk'aho urega ari umwe.

**Ingingo ya 281: Gusaza kw'ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina**

Ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina ntigishobora kuregerwa nyuma y'imyaka itanu (5) uhereye igihe umwana wagejeje ku myaka y'ubukure yamenyeye uwo yita se cyangwa nyina.

Icyakora, iyo se cyangwa nyina w'umwana bapfuye kandi asanzwe anafatwa nk'umwana w'umubyeyi asabira kwemeza ko ari se cyangwa nyina, icyo gihe uwo mwana ahabwa igihe cy'imyaka itanu (5) gitangira kubarwa igihe uwo yita se cyangwa nyina apfuye.

Icyo kirego ntigishobora gutangwa n'abazungura b'uwo mwana utemewe mu mategeko. Icyakora, abamuzunguye bafite ububasha bwo gukomeza ikirego cyatanzwe n'uwo bazunguye.

**Ingingo ya 282: Impamvu zituma ikirego cy'umwana ushaka se cyemerwa**

Ikirego cy'umwana ushaka se cyemerwa cyane cyane iyo hari imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° umwana yavutse hagati y'iminsi ijana na mirongo inani (180) n'iminsi magana atatu (300) nyuma y'uko nyina w'umwana yateruwe, yagumishijwe ahantu afungiwe

made as if it were one plaintiff.

**Article 281: Prescription period for paternity or maternity petition**

A paternity or maternity petition shall not be filed after the expiration of five (5) years from the time the minor having attained the age of majority becomes aware of his/her presumed father or mother.

However, when the child's father or mother dies while the child has the possession of status as a child of the parent in respect of whom he/she files the petition, the period within which it has to be filed is five (5) years from the death of the child's presumed father or mother.

Such a petition shall not be instituted by heirs of such an illegitimate child. However, heirs are entitled to pursue the action initiated by the person from whom they inherited.

**Article 282: Grounds for admissibility of the paternity petition**

The paternity petition is admissible particularly in the following cases :

- 1° if the child was born between one hundred and eighty (180) and three hundred (300) days from the kidnapping, unlawful detention or rape of the child's mother;

consignation se fait comme si c'était un seul demandeur.

**Article 281: Prescription de l'action en recherche de paternité ou de maternité**

L'action en recherche de paternité ou de maternité ne peut être intentée après les cinq (5) ans suivant la date où le mineur devenu majeur a eu connaissance de son prétendu père ou mère.

Toutefois, lorsque le père ou la mère de l'enfant décède lorsque l'enfant a la possession d'état d'enfant du parent contre lequel il dirige l'action en recherche de paternité ou de maternité, le délai dans lequel l'action est intentée est fixé à cinq (5) ans à compter de la date du décès du prétendu père ou de la prétendue mère.

Cette action ne passe pas aux héritiers de l'enfant illégitime. Toutefois, les héritiers ont la faculté de poursuivre l'action commencée par leur auteur.

**Article 282 : Causes d'admission de la recherche de paternité**

L'action en recherche de paternité est recevable notamment dans les cas suivants :

- 1° si l'enfant est né entre cent-quatre-vingt (180) et trois cents (300) jours suivant l'enlèvement, la séquestration arbitraire ou le viol de sa mère ;

baramufashe cyangwa yarasambanyijwe ku ngufu;

- |                                                                                                            |                                                                                                                    |                                                                                                                   |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 2° nyina w'umwana yasambanyijwe hakoreshejwe uburiganya, igitugu, cyangwa yasezeranyijwe kuzashyingiranwa; | 2° if the child's mother was enticed into sex using fraudulent tactics, abuse of authority or promise of marriage; | 2° la séduction de la mère accomplie à l'aide de manœuvres dolosives, abus d'autorité ou la promesse de mariage ; |
| 3° hari inyandiko cyangwa imvugo idashidikanywaho ko uwo yita se amwemera nk'umwana we;                    | 3° if there exists clear written or verbal declaration of paternity recognition;                                   | 3° aveu écrit ou déclaration non équivoque de reconnaissance de paternité ;                                       |
| 4° nyina w'umwana yabanye n'umugabo batashyingiranywe ;                                                    | 4° if the child's mother engaged in cohabitation with the child's presumed father;                                 | 4° concubinage entre le prétendu père et la mère de l'enfant ;                                                    |
| 5° umugabo asanzwe amufata nk'uwe ku buryo buzwi na bose;                                                  | 5° if the child has possession of status of a legitimate child;                                                    | 5° s'il y a possession d'état ;                                                                                   |
| 6° byemejwe n'ibipimo bya ADN cyangwa ibindi bimenyetso bibonetse bikoreshejwe ikoranabuhanga.             | 6° confirmation by DNA test or other scientific evidence.                                                          | 6° confirmation par le test d'ADN ou d'autres preuves scientifiques.                                              |

**Ingingo ya 283: Impamvu zituma ikirego cy'umwana ushaka nyina cyemerwa**

Ikirego kigamije kwerekana nyina w'umwana cyemerwa cyane cyane iyo:

- 1° umugore asanzwe afata umwana nk'uwe ku buryo buzwi na bose;
- 2° iyo ivuka rye rifite aho rihurira no kubyara k'uregwa, hifashishijwe ibimenyetso;
- 3° byemejwe n'ibipimo bya ADN cyangwa

**Article 283: Grounds for admissibility of the maternity petition**

The maternity petition is admissible particularly in the following cases:

- 1° if there is possession of status of a legitimate child;
- 2° if the child's birth and the delivery of the defendant are connected based on any form of evidence;
- 3° if there is confirmation by DNA test or other

**Article 283: Causes d'admission de l'action en recherche de maternité**

L'action en recherche de maternité est admise notamment dans les cas suivants :

- 1° s'il y a possession d'état ;
- 2° si la naissance de l'enfant corrobore avec l'accouchement de la défenderesse sur base de tout moyen de preuve ;
- 3° s'il y a confirmation par le test d'ADN ou

ibindi bimenyetso bibonetse bikoreshejwe ikoranabuhanga.

scientific evidence.

d'autres preuves scientifiques.

**Ingingo ya 284: Uburenganzira n'inshingano by'umwana wabonye se cyangwa nyina**

Umwana wabonye se cyangwa nyina nyuma y'ikirego gishaka se cyangwa nyina afite uburenganzira n'inshingano bimwe n'iby'abana bakomoka ku bashyingiranywe ariko ku ruhande rw'umubyeyi bireba.

**Article 284: Rights and duties of a child whose paternity or maternity is established**

A child, whose paternity or maternity is established through a court petition, has the same rights and duties as children born in wedlock but only in respect of the spouse concerned.

**Article 284: Droits et devoirs d'un enfant dont la paternité ou la maternité est établie**

Un enfant dont la paternité ou la maternité est établie suite à l'action en recherche de paternité ou de maternité a les mêmes droits et devoirs que les enfants nés dans le mariage à l'égard de l'époux concerné.

**Ingingo ya 285: Iyandukurwa ry'urubanza rwemeza se cyangwa nyina w'umwana**

Urubanza rwemeza kuba se cyangwa nyina w'umwana rwandukurwa mu gitabo cy'irangamimerere bigashyirwa mu mpande y'inyandiko y'ivuka y'umwana n'iy'uwemejwe ko ariwe mubyeyi we.

**Article 285: Registration of a judgment establishing paternity or maternity**

The judgment establishing paternity or maternity is entered in the civil register and mentioned in the margin of register of birth records of the child and the established father or mother.

**Article 285: Transcription du jugement établissant la paternité ou la maternité**

Le jugement établissant la paternité ou la maternité est transcrit sur le registre des actes de l'état civil et mentionné en marge de l'acte de naissance de l'enfant et de la personne établie comme son père ou sa mère.

Umwanditsi Mukuru w'Urukiko rwaciye ku rwego rwa nyuma urubanza rw'ikirego kigamije gushaka se cyangwa nyina w'umwana amenyesha amakuru yerekeranye no gushakisha umubyeyi w'umwana abisabwe n'urwego.

The chief registrar of the court having decided the paternity or maternity case in the last instance provides information related to the paternity or maternity petition upon request of the organ.

Le greffier en chef de la juridiction qui a statué sur l'affaire en dernier ressort sur la recherche de maternité ou de paternité donne les informations en rapport avec la recherche de paternité ou de maternité sur demande de l'organe.

**Akiciro ka 3: Ikirego cy'umwana kigamije kwihakana se cyangwa nyina**

**Subsection 3: Petition for contesting a father or a mother**

**Sous-section 3 : Action en contestation d'un père ou d'une mère**

**Ingingo ya 286: Ikirego cyo kwihakana se cyangwa nyina**

Umwana ashobora kwihakana se cyangwa nyina iyo afite ibimenyetso byemeza ko uwitwa se

**Article 286: Petition for contesting a father or a mother**

A child may contest his/her father or mother in case there is evidence that his/her presumed father

**Article 286: Action en contestation d'un père ou d'une mère**

Un enfant peut contester son père ou sa mère en cas de preuve que celui reconnu comme père ou mère

cyangwa nyina atari we w'ukuri. Icyo kirego gitangwa mu buryo bumwe n'ubw'ikirego cy'umwana kigamije gushaka se cyangwa nyina.

or mother is not his/her true father or mother. Such a petition is filed in the same procedure as the paternity or maternity action.

n'est pas le véritable parent. Une telle action en contestation d'un parent est introduite suivant la même procédure que l'action en recherche de paternité ou de maternité.

**UMUTWE WA IV: KUBERA UMUBYEYI UMWANA UTABYAYE**

**CHAPTER IV: ADOPTION**

**CHAPITRE IV: ADOPTION**

**Ingingo ya 287: Uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye**

**Article 287: Forms of adoption**

**Article 287 : Formes d'adoption**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bikorwa mu buryo bubiri (2) bukurikira:

There are two (2) following forms of adoption:

Il existe deux (2) formes d'adoption suivantes :

1° uburyo bworoheje;

1° simple adoption ;

1° l'adoption simple ;

2° uburyo busesuye.

2° full adoption.

2° l'adoption plénière.

**Icyiciro cya mbere: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje**

**Section one: Simple adoption**

**Section première : Adoption simple**

**Ingingo ya 288: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje**

**Article 288: Simple adoption**

**Article 288 : Adoption simple**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje ni uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye ariko isanomuzi hamwe n'umuryango we w'ibanze igakomeza.

Simple adoption is a form of adoption that consists in maintaining filiation ties with the adoptee's family of origin.

L'adoption simple est une forme d'adoption qui maintient le lien de filiation avec la famille d'origine.

**Akaciro ka mbere** Ibisabwa kugira ngo habeho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo bworoheje

**Ingingo ya 289:** Kwemererwa kuba umubyeyi w'umwana utabyaye ku buryo bworoheje

Iyo ugirwa umwana agifite se na nyina, bagomba kwemera bombi ko umwana wabo agirwa umwana n'undi muntu kabone n'iyi baba baratanye burundu.

Iyo umwe mu babyeyi yapfuye cyangwa se adafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo atekereza, yarazimiye cyangwa yarabuze, biba bihagije iyo byemewe n'undi.

Iyo umwana atagifite se na nyina, cyangwa badafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo batekereza, bazimiye cyangwa babuze, kugirwa umwana n'utaramubyaye byemerwa n'Inama y'umuryango cyangwa n'umuntu ushinze kumurera.

**Ingingo ya 290:** Kwemererwa kubera umubyeyi umwana utabyaye uba mu muryango wamwakiriye cyangwa mu kigo cy'imfubyi

Iyo umwana adafite ababyeyi cyangwa ababyeyi badafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo batekereza, barazimiye cyangwa barabuze kandi akaba mu muryango wamwakiriye, uwo muryango ni wo ufite uburenganzira bwo kwemera kugirwa umwana n'utaramubyaye bigakorera imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.

**Subsection One:** Requirements for simple adoption

**Article 289:** Eligibility for simple adoption

If the adoptee's father and mother are still alive, both of them must consent to the adoption, even in case of divorce.

If one of the parents is dead or in a state of incapacity to express his/her will or if he/she has been absent or has disappeared, the consent of one spouse is sufficient.

If a child has neither father nor mother or both of them are in a state of incapacity to express their will, or if they have been absent or have disappeared, consent is given by a Family Council or by a person vested with the child's custody.

**Article 290:** Consent for adoption when a child is in a foster family or orphanage

When a child has no parents or if both parents are incapable of expressing their will, are absent or disappeared and the child lives in a foster family, only such a family has the right to consent to the adoption before a civil registrar.

**Sous-section première:** Conditions requises pour l'adoption simple

**Article 289 :** Conditions d'admissibilité de l'adoption simple

Si l'adopté a encore ses père et mère, ceux-ci doivent consentir l'un et l'autre à l'adoption, même en cas de divorce.

Si l'un des deux est décédé ou se trouve dans l'impossibilité de manifester sa volonté, s'il est absent ou a disparu, le consentement de l'autre suffit.

Si l'enfant n'a plus ni père ni mère ou s'ils sont dans l'impossibilité de manifester leur volonté, s'ils sont absents ou ont disparu, le consentement est donné par le Conseil de famille ou par la personne qui en a la garde.

**Article 290:** Consentement en cas d'adoption d'un enfant vivant dans une famille d'accueil ou dans un orphelinat

Si l'enfant est sans parents ou si ses parents se trouvent dans l'impossibilité de manifester leur volonté, s'ils sont absents ou ont disparu et que l'enfant vit dans une famille d'accueil, cette famille est autorisée à consentir à l'adoption devant l'officier de l'état civil.

Iyo umwana adafite ababyeyi cyangwa ababyeyi badafite ubushobozi bwo kugaragaza icyo batekereza, barazimiye cyangwa barabuze kandi akaba aba mu kigo cy'imfubyi, ukuriye ikigo ni we wemera ko umwana aberwa umubyeyi n'utaramubyaye ariko abihereye uruhushya n'umwanditsi w'irangamimerere w'aho icyo kigo gihereye.

**Akiciro ka 2: Inkurikizi zihariye zo kubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo bworoheje**

**Ingingo ya 291: Gukomeza isano n'umuryango w'inkomoko**

Ugizwe umwana n'utamubyaye mu buryo bworoheje ntacika mu muryango akomokamo, akomeza uburenganzira bwe n'inshingano zose, akanagumana amazina ye.

Icyakora, uwabereye umubyeyi umwana atabyaye ni we wenyine umugiraho ububasha bwa kibyeyi.

**Ingingo ya 292: Guhindura izina ku wagizwe umwana n'utamubyaye**

Umubyeyi cyangwa ababyeyi b'umwana batabyaye, bashobora gusaba guhindura izina ry'uwo mwana bikoze mu nyungu z'umwana.

Icyakora, iyo uwo mwana babereye umubyeyi afite nibura imyaka cumi n'ibiri (12), agomba kwemera ko iryo hindurwa ry'izina riba.

When a child has no parents or both parents are incapable of expressing their will, are absent or have disappeared and the child stays in an orphanage, consent to adoption is given by the head of the orphanage upon authorisation from the civil registrar of the place where the orphanage is situated.

**Subsection 2: Effects specific to simple adoption**

**Article 291: Continuity of ties with the family of origin**

In case of simple adoption, a child continues to belong to his/her family of origin and retains all rights and duties and keep his/her names.

However, only the adoptive parent exercises parental authority over the adoptee.

**Article 292: Change of name of an adoptee**

The adoptive parent or parents may, where this is in the best interest of the child, apply for the change of the child's name.

However, if the adoptive child is at least twelve (12) years of age, his/her consent to the change of his/her name is mandatory.

Si l'enfant est sans parents ou si ses parents se trouvent dans l'impossibilité de manifester leur volonté, s'ils sont absents ou ont disparu et que l'enfant vit dans un orphelinat, le consentement à l'adoption est donné par le responsable de cet orphelinat sur autorisation de l'officier de l'état civil du lieu de situation de l'orphelinat.

**Sous-section 2: Effets propres à l'adoption simple**

**Article 291: Continuité d'appartenir à la famille d'origine**

En cas d'adoption simple, l'adopté continue d'appartenir à sa famille d'origine et y conserve tous les droits et devoirs et conserve ses noms.

Toutefois, seul l'adoptant exerce l'autorité parentale sur l'adopté.

**Article 292: Changement de nom de l'adopté**

L'adoptant ou les adoptants peuvent, dans l'intérêt supérieur de l'enfant, demander le changement du nom de l'adopté.

Toutefois, si l'adopté a au moins douze (12) ans, son consentement à ce changement est requis.

**ingingo ya 293: Umutungo w’uwagizwe umwana n’utaramubyaye iyo apfuye**

Iyo uwagizwe umwana n’utaramubyaye apfuye asize abamukomokaho, umutungo ugihari yahawe cyangwa yazunguye k’uwamugize umwana uhabwa abamukomokaho hakurikijwe amategeko agenga izungura.

Iyo uwagizwe umwana n’utaramubyaye apfuye adasize abamukomokaho, umutungo ugihari yahawe cyangwa yazunguye k’uwamugize umwana ugaruka k’uwamugize umwana.

**Icyiciro cya 2: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

**Ingingo ya 294: Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye ni uburyo butuma umwana ata burundu isano muzi yari afitanye n’umuryango we w’ibanze.

Icyakora, guta isanomuzi ntibikuraho uburenganzira yari afite ku gihugu cye.

**Article 293: Property of the adoptee upon death**

When the adoptee dies leaving behind descendants, his/her available property received from him/her adoptive parent or acquired through succession is inherited by his/her descendants in accordance with provisions governing succession.

When the adoptee dies without leaving behind any descendants, his/her available property received from his/her adoptive parent or acquired through succession devolves upon the adoptive parent.

**Section 2: Full adoption**

**Article 294: Full adoption**

Full adoption is a form of adoption that completely severs filiation ties with the adoptee’s family of origin.

However, the severance of filiation ties with the family of origin does not entail the loss of rights to his/her country.

**Article 293: Sort du patrimoine de l’adopté à sa mort**

Si l’adopté meurt ayant des descendants, le patrimoine encore disponible lui donné par l’adoptant ou recueilli dans sa succession est hérité par ses descendants conformément aux dispositions légales régissant la succession.

Si l’adopté meurt sans descendants, le patrimoine encore disponible lui donné par l’adoptant ou recueilli dans sa succession retourne à l’adoptant.

**Section 2: Adoption plénière**

**Article 294 : Adoption plénière**

L’adoption plénière est une forme d’adoption qui comporte une rupture de tout lien de filiation de l’enfant avec sa famille d’origine.

Toutefois, la perte du lien de filiation avec la famille d’origine n’entraîne pas la perte de ses droits sur son pays.



**Akiciro ka mbere: Ibisabwa kugira ngo habeho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

**Ingingo ya 295: Impamvu zituma habaho kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye byemerwa gusa iyo biri mu nyungu z'umwana mu bihe bikurikira:

- 1° ababyeyi b'umwana batazwi cyangwa baramutaye byemejwe n'urukiko;
- 2° umwana ari imfubyi kandi adafite abavandimwe ;
- 3° umwana arerwa na Leta.

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye byemerwa bimaze gusuzumwa n'urwego rwabiherewe ububasha.

**Ingingo ya 296: Kwemera k'umwana bagomba kubera umubyeyi**

Iyo umwana bagomba kubera umubyeyi afite hejuru y'imyaka cumi n'ibiri (12) y'amavuko, kwiyemerera kwe ni ngombwa keretse gusa iyo adashobora kugaragaza icyo atekereza. Uguhakana kwe guhagarika kugirwa umwana n'umubyeyi utaramubyaye.

**Subsection One: Specific requirements for full adoption**

**Article 295: Grounds for full adoption**

Full adoption is only granted in the best interests of the child under the following circumstances:

- 1° the child's parents are unknown or have abandoned him/her as declared by the court;
- 2° the child is an orphan and has no siblings;
- 3° the child is a ward of the State.

Full adoption is granted upon consideration thereof by the relevant organ.

**Article 296: Consent by a child to be adopted**

When a child to be adopted is above twelve (12) years of age, his/her consent is mandatory unless he/she is unable to express his/her will. His/her refusal entails the interruption of the adoption process.

**Sous-section première: Conditions requises pour l'adoption plénière**

**Article 295: Causes de l'adoption plénière**

L'adoption plénière ne peut être admise que dans l'intérêt supérieur de l'enfant, au cas où :

- 1° ses parents biologiques sont inconnus ou s'il existe une déclaration judiciaire de son abandon par ses parents ;
- 2° il est orphelin et n'a ni frère ni sœur ;
- 3° il est un pupille de l'Etat.

L'adoption plénière est admise après examen par l'organe compétent.

**Article 296 : Consentement donné par l'enfant à adopter**

Quand l'enfant à adopter est âgé de plus de douze (12) ans, son consentement est requis à moins que ce dernier ne soit dans l'impossibilité de manifester sa volonté. Son refus fait obstacle à l'adoption.

**Akiciro ka 2: Inkurikizi zihariye ku kugirwa umwana mu buryo busesuye**

**Ingingo ya 297: Uburenganzira n'inshingano by'uwagizwe umwana ku buryo busesuye**

Ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye biha uwo mwana n'abamukomokaho uburenganzira n'inshingano bisa n'ibyo bari kugira iyo uwo mwana aba yarabyawe n'abemeye kumubera umubyeyi bataramubyaye.

Icyakora, ukubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye ntibigira inkurikizi ku byabaye mbere yabyo.

**Ingingo ya 298: Guhindura izina**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye ku buryo busesuye bishobora guhesha umwana izina uwo mubyeyi yihitiyemo ku nyungu z'umwana.

**Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho mu kubera umubyeyi uwo utabyaye ku buryo bworoheje no ku buryo busesuye**

**Akiciro ka mbere: Ibisabwa bihuriweho mu kubera umubyeyi uwo utabyaye**

**Ingingo ya 299: Ibisabwa kugira ngo ukubera umubyeyi uwo utabyaye byemerwe**

Ukubera umubyeyi umwana utabyaye bigomba gushingira ku mpamvu zishingiye ku nyungu z'umwana. Bigomba kubahiriza ibyangombwa

**Subsection 2: Specific effects on full adoption**

**Article 297: Rights and duties of the full adoptee**

Full adoption entitles an adopted child and his/her descendants to same rights and duties as if the adoptive parents were his/her biological parents.

However, full adoption shall not have any retrospective effect.

**Article 298: Change of name**

Full adoption may entitle the child to the right to be given a name freely chosen by the adoptive parent in the best interests of the child.

**Section 3 : Common provisions for simple and full adoption**

**Subsection One: Common requirements for adoption**

**Article 299: Requirements for a permissible adoption**

Adoption must be granted in the best interests of the child. It must be subject to required conditions and procedure provided for under this Law.

**Sous-section 2: Effets propres à l'adoption plénière**

**Article 297 : Droits et devoirs d'un enfant soumis à l'adoption plénière**

L'adoption plénière confère à l'enfant et à ses descendants les droits et devoirs identiques à ceux qu'ils auraient si l'enfant était né de l'adoptant.

Toutefois, l'adoption plénière n'a pas d'effets rétroactifs.

**Article 298 : Changement de nom**

L'adoption plénière peut conférer à l'enfant le droit à un nom choisi librement par l'adoptant dans l'intérêt de l'enfant.

**Section 3 : Dispositions communes à l'adoption simple et à l'adoption plénière**

**Sous-section première: Conditions communes à l'adoption**

**Article 299: Conditions d'admissibilité de l'adoption**

L'adoption doit être admise lorsqu'elle présente des avantages pour l'adopté. Elle doit être soumise aux conditions requises et doit se faire dans les formes

bisabwa kandi bigakurikiza inzira iteganyijwe muri iri tegeko.

prescrites par la présente loi.

**Ingingo ya 300: Ibyo ushaka kubera umubyeyi umwana atabyaye agomba kuba yujuje**

**Article 300: Requirements for a person intending to adopt a child**

**Article 300 : Conditions exigées à une personne désireuse d'adopter un enfant**

Ushaka kubera umubyeyi umwana atabyaye agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

A person intending to adopt a child must meet the following conditions:

Une personne désireuse d'adopter un enfant doit remplir les conditions suivantes :

- |                                                                                                                          |                                                                                                     |                                                                                                           |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1° kuba ari inyangamugayo;                                                                                               | 1° to be a person of integrity;                                                                     | 1° être une personne intègre ;                                                                            |
| 2° kuba afite amikoro ahagije kugira ngo ashobore kurangiza inshingano zituruka ku kubera umubyeyi umwana atabyaye;      | 2° to have enough resources for him/her to meet the duties that arise from adoption;                | 2° disposer des ressources matérielles suffisantes pour assumer les devoirs qui découlent de l'adoption ; |
| 3° kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;                                                           | 3° to be at least twenty one (21) years old;                                                        | 3° être âgé d'au moins vingt et un (21) ans ;                                                             |
| 4° kuba arusha nibura imyaka irindwi (7) umwana ashaka kubera umubyeyi ataramubyaye;                                     | 4° to be at least seven (7) years older than the child to be adopted;                               | 4° avoir au moins sept (7) ans de plus que l'adopté ;                                                     |
| 5° kuba afite aho abarizwa hazwi;                                                                                        | 5° to have a fixed address;                                                                         | 5° avoir une adresse fixe ;                                                                               |
| 6° kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kubera ibyaha bikorerwa mu muryango;                                             | 6° not to have been sentenced to imprisonment for offences against the family;                      | 6° n'avoir pas été condamné à l'emprisonnement pour infractions contre la famille;                        |
| 7° kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kubera icyaha cya jenocide;                                                      | 7° not to have been sentenced to imprisonment for the crime of genocide;                            | 7° n'avoir pas été condamné à l'emprisonnement pour crime de génocide;                                    |
| 8° kuba atarakatiwe igihano cy'igifungo kubera ibyaha by'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibyaha bifatanyeho isano na yo; | 8° not to have been sentenced to imprisonment for the crime of genocide ideology and related crimes | 8° n'avoir pas été condamné à l'emprisonnement pour crime d'idéologie du génocide et crimes connexes ;    |
| 9° kuba atarambuwe ububasha bwa kibyezi.                                                                                 | 9° not to have been deprived of parental authority.                                                 | 9° n'avoir pas été déchu de l'autorité parentale.                                                         |

Icyakora, haseguriwe ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agace ka 4<sup>o</sup>, iyo umwana afitanye isano n'ushaka kumugira umwana kugeza ku rwego rwa karindwi (7), ushaka kuba umubyeyi agomba kuba arusha umwana nibura imyaka itatu (3).

Kubera impamvu zumvikana, Minisitiri ufite irangamimerere mu nshingano ze ashobora kugabanya uwo mubare w'imyaka agomba kumurusha.

**Ingingo ya 301: Kubera umubyeyi umwana utabyaye bikozwe n'abashyingiranywe bombi**

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bishobora gukorwa n'abashyingiranywe bombi.

Iyo kubera umubyeyi umwana utabyaye byakozwe n'umwe mu bashyingiranywe, uwo bashyingiranywe na we agomba kubyemera, keretse iyo adafite ubushobozi bwo kugaragaza igitekerezo cye. Icyakora, uko kwemera k'uwo bashyingiranywe ntikumugira umubyeyi w'umwana atabyaye.

Icyakora, ntawe ushobora kugirwa umwana n'ababyeyi benshi, keretse abashyingiranywe gusa.

**Ingingo ya 302: Imyaka ntarengwa yo kugirwa umwana n'utaramubyaye**

Ntawe ushobora kugirwa umwana n'utaramubyaye iyo arengeje imyaka cumi n'umunani (18).

However, subject to the provisions of item 4<sup>o</sup> of Paragraph One of this Article, the person intending to adopt a child must be at least three (3) years older than the adoptee if they are related up to the seventh (7<sup>th</sup>) degree.

Depending on reasonable grounds, the Minister in charge of civil status may reduce the aforementioned difference of years.

**Article 301: Adoption by both spouses**

The adoption may be made by both spouses.

If the adoption is made by one of the spouses, the other spouse's consent is required, unless he/she is unable to express his/her consent. However, such consent does not make him/her a joint adoptive parent.

However, no person shall be adopted by several parents unless he/she is adopted by a married couple.

**Article 302: Maximum age for a child to be adopted**

A person shall not be adopted if he/she is aged more than eighteen (18) years.

Toutefois, sous-réserve des dispositions du point 4<sup>o</sup> de l'alinéa premier du présent article, l'adoptant doit avoir au moins trois (3) ans de plus que l'adopté en cas de liens familiaux jusqu'au septième (7<sup>ème</sup>) degré entre les deux.

Le Ministre ayant l'état civil dans ses attributions peut, pour des motifs justifiés, réduire cette différence d'âge.

**Article 301: Adoption faite par les deux époux**

L'adoption peut être faite par les deux époux.

Si l'adoption est faite par l'un des époux, le consentement de l'autre époux est nécessaire, à moins que ce dernier ne soit dans l'impossibilité de manifester sa volonté. Toutefois, ce consentement ne fait pas de lui un coadoptant.

Toutefois nul ne peut être adopté par plusieurs personnes, si ce n'est par deux époux.

**Article 302 : Age maximum pour être adopté**

Personne ne peut être adopté s'il est âgé de plus de dix-huit (18) ans.

**Ingingo ya 303: Guhindura uburyo bwo kubera umubyeyi umwana utabyaye**

Nyuma yo kwandika mu gitabo cy'irangamimerere cyabugenewe urubanza rwemeza ukubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo bworoheje cyangwa busesuye uwo mubyeyi cyangwa ababyeyi bashobora gusaba na none urukiko ko uko kubera umubyeyi umwana utabyaye guhindurwa hakurikijwe ibisabwa.

**Akiciro ka 2: Uburyo bukoreshwa mu kuba umubyeyi w'umwana utabyaye**

**Ingingo ya 304: Ubuyobozi bufite ububasha bwo kwemeza ko umuntu aba umubyeyi w'uwo atabyaye**

Kuba umubyeyi w'umwana utabyaye bisabwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere w'aho umwana usabirwa umubyeyi atuye, hari usaba cyangwa abasaba kubera umubyeyi umwana ababyeyi be iyo bakiriho, cyangwa umukuru w'Inama y'umuryango n'abatangabuhamyabyabuze babiri (2).

Iyo asanze ibyangombwa byose bisabwa kugira ngo umuntu abe umubyeyi w'umwana atabyaye byuzuye, umwanditsi w'irangamimerere akora inyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye, ishikiranizwa urukiko kugira ngo ruyemeze.

Icyakora, gusaba kubera umubyeyi umwana utabyaye mu buryo busesuye bigomba kubanza gusuzumwa n'urwego rwabihereye ububasha.

**Article 303: Conversion of the form of adoption**

After recording in the appropriate civil register of a judgment granting simple or full adoption, the adoptive parent or parents may also petition the court to convert their form of adoption according to the requirements.

**Subsection 2: Procedure for adoption**

**Article 304: Relevant authority to grant adoption**

An application for adoption is made before the civil registrar of the domicile of the child to be adopted, in the presence of the person or persons applying for adoption, the parents of the child if they are alive or the head of the Family Council and at least two (2) witnesses.

If he/she finds that all the requirements to adopt a child are fulfilled, the civil registrar draws up an adoption record which is filed in a court to grant the approval.

However, application for full adoption must first be considered by the competent authority.

**Article 303: Conversion de la forme d'adoption**

Après l'enregistrement d'un jugement prononçant l'adoption simple ou plénière sur le registre de l'état civil approprié, l'adoptant ou les adoptants peuvent également introduire devant la juridiction une requête pour demander la conversion de leur forme d'adoption selon les conditions requises.

**Sous-section 2: Procédure d'adoption**

**Article 304: Autorité compétente pour statuer sur l'adoption**

La demande d'adoption est adressée à l'officier de l'état civil du domicile de l'enfant à adopter, en présence de celui ou ceux qui demandent l'adoption, de ses parents s'ils sont encore en vie ou du chef du Conseil de famille et d'au moins deux (2) témoins.

S'il constate que toutes les conditions requises pour l'adoption sont remplies, l'officier de l'état civil dresse l'acte d'adoption à soumettre à la juridiction pour homologation.

Toutefois, la demande d'adoption plénière doit préalablement être examinée par l'autorité compétente.

**Ingingo ya 305: Ibigomba gusuzumwa n'urukiko mbere yo gufata icyemezo**

Ikirego kigamije gusaba guhamya imyandiko yo kubera umubyeyi umwana utabyaye kiburanishwa n'urukiko rubifititiye ububasha mu buryo bw'ikirego cyihutirwa rumaze gusuzuma niba bikoze mu nyungu z'umwana kandi niba ibyangombwa byose bisabwa n'amategeko, cyane cyane birebana n'imyaka n'ukwemera byuzuye.

Iyo usaba kuba umubyeyi w'umwana atabyaye apfuye, nyuma yo kubisaba urukiko ariko mbere y'uko urukiko rufata icyemezo, ikirego kirahagarara.

**Ingingo ya 306: Kwandukura urubanza rwemeza kubera umubyeyi umwana utabyaye**

Urubanza rwemeza kubera umubyeyi umwana utabyaye rwandukurwa mu gitabo cy'inyandiko zerekeye kwemera kubera umubyeyi umwana utabyaye bigashyirwa mu mpande y'inyandiko y'ivuka y'uwagizwe umwana.

Umubyeyi umaze kubyemererwa n'urukiko agomba kwandukura icyo cyemezo mu bwanditsi bw'irangamimerere mu gihe cy'amezi abiri (2) urubanza rubaye ndakuka.

Kubera umubyeyi umwana utabyaye bigira agaciro uhereye igihe urubanza rwemeza icyo cyemezo rwabaye ndakuka.

**Article 305: Prerequisites requested by the court before taking a decision**

The application for approval of the adoption record is settled by the relevant court by summary proceedings, after examining whether it was done in the child's interest and if other prerequisites regarding age and consent were fulfilled.

